

**Inyoborabarezi y'isomo
Ry'ubumenyi mbonezamubano
Igice cy'iyobokamana rya
gikirisitu**

Umwaka wa

3

W'amashuri Abanza

Kigali, 2019

© Ikigo Gishinzwe guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)
Uburenganzira bwa nyiri iyi nyoborabarezi bugomba kubahirizwa.

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igitabo cy'umwarimu cy'Ubumenyi bw'iyobokamana nk'igice kigize isomo ry'ubumenyi mbonezamubano n'iyobokamana, Iki gitabo kigenewe abarimu b'umwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho ziteguye neza.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu, abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere, kandi bagire indangagaciro n'imyitwarire mbonezabupfura iboneye.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntumukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje

imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n’abandi.

- Gufasha no koroshya uburyo bw’imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza no gusangiza abandi ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu korohereza umwarimu kwigisha amasomo, ibigize iki gitabo ni igice cya kabiri mu isomo ry’imbenezamubano n’iyobokamana. Bityo, umwarimu azayoborwa n’inyobora bitewe n’iyobokamana ishuri ryahisemo hagati y’iyobokamana rya Gikirisitu n’iyobokamana rya Kiyisilamu. Haba mu iyobokamana rya gikirisitu cyangwa iyobokamana rya Kiyisilamu, inyobora igizwe n’ibice bikurikira:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y’igitabo n’uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n’ingeri z’imiteguro y’amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somu riri mu gitabo cy’umunyeshuri ryigishwa.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y’iki gitabo, by’umwihariko abakozi b’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye. Ndashimira byimazeyo kandi abarimu bitabiriye iki gikorwa. Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanzwe muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry’ubutaha.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iki gitabo. Ndashimira kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kuja ahagaragara. Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

Joan Murungi,

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho

Ishakiro

IJAMBO RY'IBANZE	III
GUSHIMIRA.....	V
IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO	1
1.0. Ibyerekeye iyi nyoborabarezi.....	1
1.1. Imyigire n'imyigishirize	3
IGICE CYA II: IMBATA Y'ISOMO RY'IYOBOKAMANA	14
IGICE CYA III: IMITWE IGIZE IYI NYOBORABAREZI	16
UMUTWE WA MBERE: IMANA IMAZE KUREMA MUNTU IMUHA UBUTUMWA.....	17
1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	17
1.2. Ubushobozi shingiro	17
1.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	17
1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe	17
1.5. Urutonde rw'amasomo.....	17
1.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo	18
1.7. Imyitozo y'inyongera.....	22
1.8 Amakuru y'inyongera.....	23
UMUTWE WA 2: KWIRINDA ICYAHA NO GUSABA IMBABAZI	25
2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	25
2.2. Ubushobozi shingiro	25
2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	25

2.5. Urutonde rw’amasomo.....	26
2.6. Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo	27
2.7. Imyitozo y’inyongera	33
2.8. Amakuru y’inyongera.....	34
UMUTWE WA 3: YEZU UMUCUNGUZI W’ABANTU.....	35
3.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	35
3.2. Ubushobozi shingiro	35
3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	35
3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe	35
3.5. Urutonde rw’amasomo.....	35
3.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo	38
3.7. Imyitozo y’inyongera	51
3.8. Amakuru y’inyongera.....	52
UMUTWE WA 4: UBUTABERA N’AMAHORO.....	53
4.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	53
4.2. Ubushobozi shingiro	53
4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	53
4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe	53
4.5. Urutonde rw’amasomo.....	54
4.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo	55
4.7. Imyitozo y’inyongera	60
4.8. Amakuru y’inyongera	60
UMWIHARIKO W’ABAKIRISITU GATOLIKA.....	61

UMUTWE WA MBERE: Misa ntagatifu	63
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	63
Ubushobozi shingiro	63
Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	63
Uburyo bwo gutangira umutwe	63
Urutonde rw'amasomo	63
Imyitozo y'inyongera:.....	68
Amakuru y'inyongera	68
UMWIHARIKO W'ABAPOROTESITANTI N'ABADIVANTISITE	69
UMUTWE WA MBERE: UBUTURO BWERA.....	71
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	71
Ubushobozi shingiro	71
Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	71
Uburyo bwo gutangira umutwe	71
Urutonde rw'amasomo	71
Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo	73
Imyitozo y'inyongera	77
Amakuru y'inyongera	78
IBITABO BYIFASHISHIJE	79
Inyoborabarezi y'isomo Ry'ubumenyi mboneza mubano Igice cy'iyobokamana rya Isilamu.....	80
IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO	81

1.0. Ibyerekeye iyi nyoborabarezi.....	81
1.1. Imyigire n’imyigishirize	83
1.1.7. Ibice by’ingenzi by’isomo mu buryo bw’imyigishirize iha uruhare umunyeshuri.....	89
IGICE CYA II : URUGERO RW’IMBATA Y’ISOMO	94
IGICE CYA III: IMITWE IGIZE IYI NYOBORABAREZI	98
UMUTWE WA 1: AMAHAME SHINGIRO Y’UKWEMERA KWA KISILAMU.	99
1.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	99
1.2. Ubushobozi shingiro:	99
1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	99
1.5. Urutonde rw’amasomo	100
1.6 Amasomo.....	100
1.6. Isuzuma risoza umutwe wa 1	109
1.7. Imyitozo y’inyongera	109
UMUTWE WA 2: GUFATA MU MUTWE NO GUSOBANURA AMASURA.....	111
2.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	111
2.2. Ubushobozi shingiro	111
2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara m’umutwe	111
2.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	111
2.5 Urutonde rw’amasomo	112
2.7. Isuzuma risoza umutwe: 2.6.....	122

**UMUTWE WA GATATU: IMIGENZO Y'INTUMWA (SUNNAT)
NO GUKORA ISWALAT(ISENGWSHO).....123**

3.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe..... 123

3.2. Ubushobozi shingiro 123

3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe: 123

3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe..... 123

3.5. Urutonde rw'amasomo..... 124

3.6. Amasomo..... 124

3.7 Isuzuma risoza umutwe w'isomo..... 134

3.8 Incamake y'umutwe wa gatatu: 135

3.9 Ubumenyi bw'inyongera bw'umwarimu:..... 135

3.10 Imyitozo y'inyongera:..... 135

4.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe..... 137

4.2. Ubushobozi shingiro 137

4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe: 137

4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe..... 137

**UMUTWE WA KANE: IMIGENZO MYIZA Y'INTUMWA
ZABANJIRIJE MUHAMADI.....137**

4.5 Urutonde rw'amasomo..... 138

4.6 .Amasomo 139

4.7 Isuzumabumenyi risoza umutwe w'isomo..... 147

4.8 Incamake y'umutwe wa kane: 147

4.9 Ubumenyi bw'inyongera bw'umwarimu:..... 147

4.10 Imyitozo y’inyongera:	148
---	------------

UMUTWE WA GATANU: KWIYUBAHA NO KUBANIRA ABANDI NEZA	149
--	------------

5.1 bushobozi bw’ingenzi bugamijwe.....	149
--	------------

5.2 Ubushobozi shingiro	149
--------------------------------------	------------

5.3 Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	149
--	------------

5.4 Uburyo bwo gutangira umutwe.....	149
---	------------

5.5 Urutonde rw’amasomo.....	150
-------------------------------------	------------

5.6 Amasomo.....	150
-------------------------	------------

5.7 Isuzumabumenyi risoza umutwe w’isomo.....	154
--	------------

5.8 Incamake y’umutwe wa gatanu:	154
---	------------

5.9 Ubumenyi bw’inyongera bw’umwarimu:	154
---	------------

5.10 Imyitozo y’inyongera:	155
---	------------

IBITABO BYIFASHISHIJE	155
------------------------------------	------------

IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO

1.0. Ibyerekeye iyi nyoborabarezi

Iki gitabo ni inyoborabarezi izafasha umwarimu wigisha isomo ry'iyobokamana mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ni igitabo kizafasha umwarimu gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi by'umwihariko mu isomo ry'iyobokamana. Nk'uko izina ryacyo ribivuga, ni inyoborabarezi yafasha umurezi gutegura amasomo ye. Umwarimu ashobora guhitamo gukoresha urugero rw'imbata y'isomo iri muri iyi nyoborabarezi ariko anitezweho ubushobozi bwo kuba yahanga irenzeho cyangwa akagira ubundi buryo ategura isomo rye bitewe n'imiterere yihariye y'isomo cyangwa y'ishuri.

Imiterere y'inyoborabarezi

Iki gice kiragaragaza imiterere rusange y'iyi nyoborabarezi, imiterere y'umutwe n'imiterere y'isomo byafasha umwarimu kumva uduce dutandukanye tw'iyi nyoborabarezi n'ibyo azagenda ahura na byo muri buri gace.

Imiterere rusange y'inyoborabarezi

Iyi nyoborabarezi igizwe n'ibice bitatu by'ingenzi bikurikira :

Igice cya mbere : Intangiriro

Iki gice kiyobora muri rusange mu guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo, uburyo bwo guhuza ingingo nsanganyamasomo n'isomo, uko umwarimu yafasha abafite ubumuga, kwita ku buryo bw'imyigishirize buha uruhare umunyeshuri wiga isomo ry'iyobokamana, n'ibyerekeye isuzuma.

Igice cya kabiri : Urugero rw'imbata y'isomo

Iki gice kiragaragaza urugero rw'imbata y'isomo yateguriwe gufasha umwarimu gutegura izindi mbata z'amasomo.

Igice cya gatatu : Imiterere y'umutwe

Buri mutwe ugizwe n'uduce dukurikira :

Izina ry'umutwe : riboneka mu nteganyanyigisho

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : buboneka mu nteganyanyigisho

Ubushobozi w'ingenzi bugamijwe

Aka gace kavuga ku bumenyi, ubumenyingingiro n'ubukesha bigaragara mu mutwe. Ubushobozi shingiro bugenda bwigaragaza hagati mu mitwe no mu masomo. Umwarimu azabona ibigaragaza ubushobozi shingiro n'ibyamuyobora mu kubihuza n'amasomo atandukanye.

Ingingo nsanganyamasomo zigomba kwitabwaho

Aka gace kagena ingingo nsanganyamasomo zishobora kuboneka mu mutwe. Ibiri muri aka gace ni inyunganizi, umwarimu afite uburenganzira bwo gufata iyindi ngingo nsanganyamasomo bitewe n'imiterere y'imyigishirize. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho ni nk'uburinganire bw'ibitsina byombi mu gihe umwarimu akora amatsinda.

Kwimakaza umuco w'amahoro igihe bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo ku byo bakoze.

Umuco wo kugenzura n'ubuziranenge igihe abanyeshuri ubwabo bazita kandi bakitwararika kuri buri cyose, basukura aho bakoreye, birinda ibyabanduza cyangwa ibyabagirira nabi byose. Umwarimu azagerageza arebe muri buri mutwe izindi ngingo nsanganyamasomo zakwigishwa, zigishwemo uko bikwiye

Ibyerekeye uburyo bwo gutangira umutwe

Buri mutwe utangirana igikorwa mvumburamatsiko. Mu gutangira umutwe uwo ari wo wose umwarimu agomba kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri akabatera inyota yo kumva bashatse kumenya byinshi biwerekeyeho.

Urutonde rw'amasomo

Ni agace kagaragaza imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe, intego za buri somo ziva mu nteganyanyigisho n'igihe buri somo rizamara. Nyuma y'uru rutonde rw'amasomo umutwe uratangira.

Umusozo wa buri mutwe

Ku musozo wa buri mutwe iyi nyoborabarezi iteganya uduce dukurikira :

- Isuzuma risoza umutwe rigizwe n'ibibazo ku byizwe muri uwo mutwe bigamije gusuzuma intera n'ubushobozi abanyeshuri bagezeho.
- Imyitozo y'inyongera ni imyitozo ifasha kumvikanisha neza isomo, igakarishya ubumenyi n'ubushobozi by'abanyeshuri bafata vuba. Mu myitozo y'inyongera kandi habamo ifasha abanyeshuri bagenda buhoro kugira aho bava n'aho bagera.

Imiterere ya buri somo

Buri somo rigizwe n'uduce dukurikira :

Isomo rya :

a. Intego zihariye

b. Imfashanyigisho

c. Uko isomo ritangwa

- Ubushobozi shingiro/isubiramo/n'intangiriro y'isomo rishya

Aka gace gaha umwarimu amabwiriza asobanutse y'uko yatangira isomo.

- Imfashanyigisho

Aka gace gateganya ibikoresho umwarimu ashobora kwifashisha mu gutanga isomo kugira ngo agere ku ntego zaryo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye.

- Isomo nyirizina

Aka gace kagaragaza incamake y'uburyo isomo nyirizina rigomba gutangwa rigasozwa n'isuzuma.

Aka gace gateganya ibikoresho umwarimu ashobora kwifashisha mu gutanga isomo kugira ngo agere ku ntego zaryo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye.

d. Uko isomo ritangwa

Rizagira intangiriro cyangwa isubiramo hakurikireho isomo nyirizina.

Isomo nyirizina

Aka gace kagaragaza incamake y'uburyo isomo nyirizina rigomba gutangwa rigasozwa n'isuzuma.

1.1. Imyigire n'imyigishirize

1.1.1. Guteza imbere ubushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwazereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Inyigisho y'ubumenyi bw'iyobokamana ishingiyeye ku bumenyingiro isaba cyane abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye. Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana.

Ubushobozi nsanganyamasomo	Urugero rw'ibikorwa byazamurako ubushobozi nsanganyamasomo mu isomero ry'iyobokamana
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	Ubushishozi bugaragara nk'igihe abana basabwa gusesengura inkuru bahawe maze bagatanga ibisubizo by'uko ikibazo cyakemuka burundu
Guhanga udushya	Guhanga udushya bizagaragara igihe umunyeshuri akoresheje intekerezo zimbitse aha bagenzi be igitekerezo gishya kijyane n'ibyo bakora bitsindagira indangagaciro runaka ishingiyeye ku ihame nyobokamana baba bize.
Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni	ubufatanye nk'igihe bari gukorera mu matsinda basangira ibikoresheho bimwe na bimwe, igihe basoma ijamba ry'Imana, baganira cyangwa bungurana ibitekerezo ku buzima bwabo bwa buri muni.
Gusabana mu Kinyanyarwanda abanyeshuri bimenyereza kunoza neza imikoresheze y'ururimi rwigwamo	Kujya impaka no kungurana ibitekerezo: abanyeshuri bunganirana bajya impaka bikabafasha gusabana mu rurimi bigamo. Ariko rimwe na rimwe hashobora kubaho kuvunda iyo umwarimu atabikurikiranye. Cyane cyane ku bana bo mu mashuri abanza kuganira ku ijamba ry'Imana bituma hari amagambo menshi mashya bunguka kandi bakoreshe mu buzima bwabo bwa buri muni.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi	Igihe bishoboka mu kwiga no guhora biyungura ubumenyi abanyeshuri bashobora gutegurirwa ingendoshuri mu mazu ndangamurage, ingendo nyobokamana cyangwa kugira uruhare mu bikorwa by'ubuyoboze bibera ku ishuri cyangwa mu rugo. Ibi bituma bahorana amatsiko yo guhora biyungura ubumenyi mu bintu bitandukanye.
Ingingo nsanganyamasomo	Urugero rw'aho ingingo nsanganyamasomo zishobora kugaragara mu isomo ry'iyobokamana
Uburezi budaheza	Iyi nsanganyamasomo yakubahirizwa mu gihe abana bose basoma Ijambo ry'Imana kimwe kandi bagasobanurirwa ibirikubiyemo kimwe hitawe kubyo buri mwana akeneye
Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Abahungu n'abakobwa bagira uruhare rungana mu gusoma Ijambo ry'Imana no gufata inshingano zinyuranye kandi mu ibikorwa bahabwa bakajya mu matsinda bavanze abahungu n'abakobwa. Bikorwa kandi ibitekerezo bya buri mwana, umuhungu n'umukobwa byitaweho ku rugero rungana.
Umuco w'amahoro	Isomo ry'iyobokamana rigamije kwimakaza indangagaciro mu bana bato. Ni ngombwa rero ku mu byo abana biga basobanukirwa neza umuco w'amahoro ndetse bakimakaza indangagaciro zaba izishingiye ku mucu cyangwa kw'iyobokamana. Bityo rero, Umuco w'amahoro ugaragara igihe bungurana ibitekerezo, bajya impaka ku ngingo iyi n'iyi kandi bakiga kubaha igitekerezo cya buri wese, bakimakaza ubwuzuzanye mu budasa.
Ubuziranenge	Ubuziranenge bugaragara igihe abanyeshuri bahitamo ibibafitiye akamaro bitakwangiza ubuzima bwabo. Ni ngombwa ko basobanukirwa ko hari imyitwarire igena igipimo cy'uMuntu wemera Imana n'utayemera maze nabo bakiyemeza kuyoborwa n'iyi migenzo myiza ibatandukanya n'abandi bana batagira indangagaciro.

Kubungabunga ibidukikije	Ni ngombwa ko abanyeshuri basobanukirwa ko ibyaremwe byose bibereyeho Muntu ngo abeho neza. Bityo, umwarimu agomba guhora abashishikariza kwita ku rusobe rw'ibinyabuzima, kubaha bagenzi be no guhora baharanira kugira isi nziza nk'ubutumwa bahawe n'Imana.
Uburere mbonezabukungu	Abanyeshuri basobanurirwa ko bagomba gukora kugira ngo bagere kuri byinshi. Imana yabahaye ubwenge n'amaboko ngo babikoreshe bibeshaho, bityo rero kubona cyangwa kurya ibyo utavunikiye ni icyaha. Ibi kandi bijyana no gufasha abandi ariko bitarimo gusesagura kugira ngo buri wese abeho mu mahoro no mu mudendezo.

1.1.2. Kwita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumba neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumba neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye. Mu gusoma Ijambo ry'Imana Umwarimu agomba kumenya abanyeshuri bafite ibibazo akabafasha mu byo bakeneye.

Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite, byaba ari imbonahafi cyangwa indenzambono. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi, naho abafite indenzambono akabicaza mu myanya y'inyuma. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo, kandi uko bicaye bibafasha kwisanzura mu ishuri nta nkomyi.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

1.1.3. Ibyerekeye isuzuma

a. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu isomo ry'ubumenyi mbonezamubano n'iyobokamana mu gice cy'iyobokamana:

- Kumva, gusesengura no guhuza ibyo asanzwe azi n'ibigiye kwigwa
- Kumva no gusesengura Ijambo ry'Imana
- Kuhuza ibyo yize mu isomo ndetse n'ubuzima bwa buri muni
- Guhindura imyitwarire no kwimakaza indangagaciro ikubiye mu isomo yize

Mu isomo ry'iyobokamana, ikigamijwe cyane ni uguhindura imyitwarire y'umwana himakazwa indangagaciro zishingiye ku ngingo runaka yize, bityo ibyo yize bikaba umusemburo w'impinduka mu buzima bwe. Niyo mpamvu rero, ari ngombwa guhera ku bikorwa mvumburamatsiko bifasha umwana kuvumbura ibyo asanzwe azi abihuza n'ibigiye kwigwa. Ikindi kandi umwarimu agenda asuzuma buhoro buhoro ko umwana yumva neza ubutumwa bukubiye mu ijambo ry'Imana riba ryifashishijwe mu kwigisha. Hasuzumwa kandi ko umwana ahuza ibyo yize n'ubuzima bwe bwa buri muni bityo akagira imigambi mishya yiyemeza ishingiyeye ku guhinduka no gukurikiza ibikubiye mu ihame nyobokamana yize. Ibi bituma yimakaza imyifatire mbonezabupfura iboneye ndetse n'indangagaciro zishingiye kubyo yemera haba ku ishuri, mu rugo cyangwa ahandi.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu isomo (imyitozo, gusoma Ijambo ry'Imana, imikoro, ibizami,...).

1.1.4. Ibyerekeye imyitozo y'inyongera

Ni imyitozo ifasha abanyeshuri kumva neza isomo hitawe ku bushobozi bwa buri munyeshuri.

1.1.5. Uburyo bunyuranye abanyeshuri bafatiramo amasomo

Hari uburyo butandukanye bw'imyigishirize n'uburyo bwo kuyigeraho. Guhitamo uburyo bw'imyigishirize bigomba kwitonderwa cyane kandi hari ibigomba kwitabwaho nk'umwihariko w'amasomo, ubwoko bw'amasomo, intego zayo, imfashanyigisho uburyo abanyeshuri bicaye mu ishuri, ibikenewe kuri buri munyeshuri, ubushobozi bwe n'uburyo bwe bw'imyigire.

Hari uburyo bune bw'imyigire y'abanyeshuri busobanurwa mu buryo bukurikira:

a. Abanyeshuri b'umurava n'abanyeshuri b'abasesenguzi

Abanyeshuri b'umurava basobanukirwa neza ikintu iyo bakiganiraho, bagishyira mu bikorwa cyangwa bagisobanurira abandi. Naho abanyeshuri b'abasesenguzi bo basobanukirwa ikintu ari uko babanje kugitekerezaho cyane.

b. Abanyeshuri bagendera mu murongo umwe n’abanyeshuri b’abacukumbuzi

Aba ba mbere bakunda ibintu bifatika. Bakemura ibibazo banyuze mu nzira zagenwe (ntibakunda ibibagora) mu gihe ab’abacukumbuzi bakunda guhanga ibishya kandi ntibakunda gusubira mu bintu bimwe.

c. Abanyeshuri bitegereza n’abanyeshuri babwirwa

Abanyeshuri bitegereza bagaragazwa no kwibuka neza ibyo babonye cyangwa bitegereje n’amaso yabo (ibishushanyo, amashusho, amafoto, amafirimi..). Naho abanyeshuri babwirwa, bagaragazwa no kumva neza ibyo babwiwe mu magambo (ibyandikwa n’ibivugwa).

d. Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi n’abanyeshuri bumva muri rusange

Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi bo basobanukirwa binyuze mu gufashwa buhoro buhoro, berekwa isano iri hagati y’igice runaka n’ikikibanziriza cyangwa ikigikurikira. Naho abanyeshuri bumva muri rusange baherako basobanukirwa igitekerezo rusange cy’isomo, batagombye kwigora baryinjiramo ryose uko ryakabaye.

1.1.6. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Uburyo butandukanye bw’imyigire bwavuzwe haruguru bushobora kugerwaho mu gihe umwarimu akoresheje uburyo bw’imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rw’ibanze mu myigire ye.

a. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri ni iki?

Ni uburyo bwinjiza abanyeshuri mu gukora no gutekereza ku byo bariho bakora. Muri iyi myigishirize, abanyeshuri bashishikarizwa kuzana ibyo bashoboye n’ibyo bazi igihe bariho biga.

b. Uruhare rw’umwarimu mu myigishirize ishingiye ku bushobozi

- Umwarimu afasha abanyeshuri akoresha uburyo bwo kubaza, uburyo bwo kuganira mu matsinda, ubushakashatsi, ibikorwa by’ubucukumbuzi n’imikoro ku giti cyabo
- Akoresha abanyeshuri isuzuma bwite cyangwa mu matsinda yaguye kandi agakoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi
- Aha abanyeshuri amahirwe yo kuzamura ubushobozi butandukanye bifitemo, abagera ibyo gukora bizamura ubushishozi, ubushobozi bwo gukemura ibibazo, ubushakashatsi, guhanga ibishya, kuganira no gufatanya
- Umwarimu yifashisha ubu buryo bw’imyigishirize mu guha agaciro uruhare rw’abanyeshuri mu bikorwa byabo ku ishuri.

c. Uruhare rw'abanyeshuri mu myigire yabo

Abanyeshuri ni urufunguzo rw'imyigishirize ibaha uruhare mu myigire yabo. Ntabwo ari abo gufatwa nk'aho ntacyo bazi. Umwarimu agomba kubafata nk'abantu bafite ibitekerezo, ubushobozi n'ubukeshya byo kubakiraho imyigire ihamye. Umunyeshuri wiga muri ubu buryo ashobora:

- Kuganira no gusangiza abandi banyeshuri ibyo yifitemo binyuze mu kwerekana, kuganira n'abandi, imikoro y'amatsinda, no mu bindi bimuha uruhare rwo kwerekana ubushobozi bwe (kwigana, ubushakashatsi, ubucukumbuzi, n'ibindi)
- Kugira uruhare rugaragara no kugira inshingano ku myigire ye
- Kuzamura ubumenyi n'impano yifitemo, mu gukora
- Gukora ubushakashatsi n'ubucukumbuzi binyuze mu gusoma ibiri mu bitabo cyangwa kuri murandasi no kubaza abantu batandukanye, hanyuma akabwira abandi ibyo yagezeho
- Gutuma buri wese mu bagize itsinda rye agira uruhare mu mukoro watanze mu itsinda binyuze mu gutanga ibisobanuro, ubushishozi, inshingano no kwigirira ikizere mu gihe avugaga mu ruhamye
- Gutanga umwanzuro ushingiyeho ku byagezweho mu kwiga.

1.1.7. Ibice by'ingenzi by'isomo mu buryo bw'imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Ibiranga imyigishirize iha umunyeshuri uruhare byavuzwe haruguru bigaragara mu bice by'isomo bikurikira. Muri rusange, isomo rigabanyijye mu bice bitatu by'ingenzi, aho buri gice na cyo kigabanyijemo ibikorwa byinjiza abanyeshuri mu gikorwa cyo kwiga. Ibyo bice ni ibi bikurikira:

a. Intangiriro:

Intangiriro ni igice umwarimu yerekanamo ihuriro hagati y'isomo ry'uwo munsu n'isomo riribanziriza. Atangiza ikiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gutekereza ku byo bize mu isomo ryabanye no kubihuza n'intego y'isomo ry'uwo munsu. Umwarimu yibanda ku bumenyi bw'ingenzi, ubumenyingiro n'ubukeshya bifitanye isano n'ibyo mu isomo rishya mu rwego rwo kubaka ishingiro rihamye no gukurikiza neza uruhererekane.

b. Isomo nyirizina:

Isomo nyirizina rikubiyemo inyigisho nshya rikorwa mu ntambwe nto zikurikira: ibikorwa by'ivumburamatsiko, kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho, kubibaza umusaruro, gukora incamake n'imyitozo cyangwa kubishyira mu bikorwa, nk'uko bisobanurwa muri ubu buryo:

Ibikorwa by'ivumburamatsiko

- **Intambwe ya mbere:**

- Umwarimu asaba abanyeshuri kumenya ko uruhare rwabo mu myigire ari rwo rwa mbere.
- Abaha ibyo gukora akanabaha amabwiriza yose abigenga (niba babikora mu matsinda yagutse, ya babiri babiri cyangwa niba ari buri Muntu ukwe, kugira ngo bibafashe kuvumbura ubumenyi bugamijwe gutangwa)

- **Intambwe ya kabiri:**

- Umwarimu areka abanyeshuri bagakora ibyo yabahaye, bakorana hagati yabo.
- Muri iki gihe, yirinda guhita asubiza abanyeshuri ku bijyanye n'ibyateganyijwe kwigwa uwo muni.
- Agerageza kuba umuyobozi wabo ariko atabasubiriza ibibazo, ahubwo abayobora mu nzira igana ibisubizo, kandi agafasha abasigara inyuma.

Kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho

- Muri aka gace, umwarimu atumira abahagarariye amatsinda bakaza kwerekana imbere y'abandi banyeshuri ibyo amatsinda yabo yagezeho.
- Nyuma y'uko amatsinda atatu cyangwa ane amaze kwerekana ibyo yagezeho, umwarimu asaba abanyeshuri bose kubyaza umusaruro ibyavuzwe n'amatsinda.
- **Kubyaza umusaruro ibyagezweho n'abanyeshuri**
- Umwarimu asaba abanyeshuri kugenzura umusaruro wavuye mu byakozwe: ibishyitse, ibituzuye neza n'ibitari byo.
- Nyuma umwarimu agerageza kumva ukuri kw'ibyavuzwe n'abanyeshuri, agakosora ibyo bibeshye, akuzuza ibituzuye, akemeza ibishyitse.
- **Umwanzuro/inshamake/ingero**

Umwarimu atanga inshamake y'ibyizwe kandi agatanga n'ingero zisobanura neza ibyizwe.

- **Imyitozo/gushyira mu bikorwa ibyizwe**

- Hatangwa imyitozo igendanye n'ibyizwe mu ishuri
- Hatangwa kandi imyitozo ishingiyeye ku buzima bwa buri muni ariko bufite aho buhurira n'ibyizwe mu ishuri
- Umwarimu afasha abanyeshuri guhuza ibyizwe n'ubuzima bwa buri muni. Kuri iyi ntera, uruhare rw'umwarimu ni ukuyobora abanyeshuri mu gucengerwa n'ibyo bize.

c. Isuzuma

Kuri iyi ntambwe, umwarimu abaza abanyeshuri bimwe mu bibazo agamije kureba niba intego z'isomo zagezweho. Muri iki gikorwa cy'isuzuma, buri munyeshuri asuzumwa ku giti cye. Umwarimu yirinda guhita atanga ibisubizo, ahubwo ibivuye

mu isuzuma bikaba aribyo biha umwarimu icyo azakorera abanyeshuri muri rusange n'umunyeshuri ku giti cye. Rimwe na rimwe, umwarimu ashobora gusoza isomo atanga umukoro wo mu rugo.

- **Kugerageza**

Mu mikoro imwe n'imwe biba ngombwa ko abanyeshuri bagerageza uburyo butandukanye na za tekiniki kugira ngo bagere ku bisubizo basabwa bo ubwabo. Amwe mu magerageza abasaba guhera ku byo basanzwe bazi bakongera ubumenyi mu ngiro butandukanye. Urugero nko mu masomo yo kubumba, gufuma no kuboha ni ukugerageza kuko baba bakiri bato ku buryo bakora nk'ibyo babona.

- **Gukorera mu matsinda**

Amatsinda agomba gukorwa hakurikijwe ubwinshi bwabo, ahantu bahererwa amasomo, ibikoresho bihaboneka n'ubwoko bw'ikigenderewe gukorwa. Biba byiza kuvanga abanyeshuri bafite impano zitandukanye hitawe no ku buiringanire bw'ibitsina byombi. Nanone amatsinda agomba guhora ahinduka kugira ngo buri wese agire amahirwe angana n'ay'abandi.

- **Gusangira ibikoresho**

Ibikoresho bigira akamaro cyane mu gufasha abanyeshuri kwiyingura ubumenyi mu iyobokamana. Bimwe muri ibyo bikoresho bisaba kwitonderwa mu kubikoresha kugira ngo hirindwe impanuka byateza. Ni byiza gukurikirana uburyo bwo gutizanya ibikoresho kugira ngo hataba kwikubira cyangwa gusesagura. Ni byiza gushaka ibikoresho biri mu bidukikije bya hafi.

Gushingira ku buzima bumwe mu buryo bwo kwigisha iyobokamana.

Gushingira ku buzima wigisha iyobokamana ni bumwe mu buryo bwo kwigisha no kwiga iyobokamana mu mashuri abanza. Gushingira ku buzima bisobanura kwigisha iyobokamana uherye ku bintu bifatika, bigaragara kandi biri mu buzima bwa buri muni bw'abanyeshuri. Ibi bibafasha kumva no gusobanukirwa neza ibyo biga no gukurikiza amahame y'imyemerere runaka mu buzima bwabo bwa buri muni.

Ubu buryo kandi bugaragaza ko Imana ibwira buri wese mu buzima abamo kandi bukibanda cyane ku buzima bwa buri muni bw'abanyeshuri nk'ishingiro mu kwigisha iyobokamana. Umwe mu bahanga mu byo kwigisha Grimmit yaravuze ati "Imyemerere ntiyigishwa nkaho ifatika cyangwa igaragara kuko ubwo ari ibyo Umuntu yiyumvamo".

Ubu buryo bugizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:

1. Ubuzima bwa buri muni

Muri iki gice, isomo ry'iyobokamana ritangira mwarimu afasha abanyeshuri gutekereza ku buzima bwabo bwa buri muni bijyanye n'isomo bagiye kwiga. Ibikorwa, udukino, ikinamico, n'ibindi bifasha abana kwiga barabihabwa kugira ngo bibafashe kuvumbura isomo bari bwige uwo muni. Ibi bikorwa biba bigamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri no kubafasha gutekereza cyane ku ngingo cyangwa isomo riri bwigwe uwo muni. Ibi bikorwa bigamije kuvumbura amatsiko y'abana bishobora kuba udukino, kuganira ku ngingo runaka, ibikorwa bakora mu matsinda, ibibazo binyuranye, cyangwa kubwira abana udukuru dushimishije dufitanye isano n'isomo ry'umuni kandi bifite aho bihuriye naryo.

2. Ijambo ry'Imana

Umwari mu asomera abanyeshuri Ijambo ry'Imana, akabafasha kurisoma aho bishoboka kandi atanga ibisobanuro aho bibaye ngombwa. Umwarimu yifashisha bimwe mu byakozwe n'abanyeshuri mu gikorwa mvumburamatsiko kugira ngo yumvikanishe neza isomo rye. Muri iki gice kandi hibandwa ku gusoma Ijambo ry'Imana rijyanye n'isomo ry'umuni.

3. Gusobanura

Umwari mu asobanura mu magambo make ingingo z'ingenzi akoreshe ibikoresho nyabyo kugira ngo yumvikanishe isomo kandi rirusheho gushimisha abana. Bumwe mu buryo bwifashishwa ni ukungurana ibitekerezo mu matsinda, ibibazo n'ibisubizo, gukora incamake y'ibyo bize, bishobora kwifashishwa kugira ngo abanyeshuri bacengerwe n'ibyo bize. Umwarimu kandi ahitamo indangagaciro zijyanye n'isomo akazitsindagira kandi agatoza abanyeshuri kuzikurikiza. Umwarimu kandi agaragaza ihame shingiro ry'iyobokamana ryigishijwe rijyanye n'isomo kugira ngo abana barimenye banarisobanukirwe.

4. Kwiyekeza

Muri iki gice, umwarimu agera ku kugaragaza akamaro k'isomo ryizwe mu buzima bw'abanyeshuri. Agerageza kandi gusuzuma niba intego z'isomo zagezweho ndetse n'indi myitwarire mbonezabupfura. Akoresheje ibikorwa binyuranye by'isuzuma, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bashobora guhuza ihame nyobokamana ryizwe n'ubuzima bwabo bwa buri muni. Muri iki gice kandi abanyeshuri baba bategerejweho guhinduka cyangwa kwiyekeza guhindura imyifatire yabo ndetse n'indangagaciro. Umwarimu agera ku kubungabunga uku guhinduka kw'abanyeshuri abafasha gukomeza gutekereza ku ihame ryizwe ndetse no kurishyira mu bikorwa mu buzima bwabo bwa buri muni.

Muri iki gice, umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo gutanga ibitekerezo no gusubiza ibibazo byatanze ku isomo. Kwigisha bishingiye ku buzima bushingira

ku mitekerereze yimbitse, gufatanya kw'abanyeshuri mu myigire yabo. Umwarimu asabwa gufasha abanyeshuri, kuvumbura amatsiko bafite no kubafasha gusesengura, gushyira hamwe ibyo bize no kugaragaza uko babishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Uburyo bukoreshwa ni uburyo bukoreshwa bwagombye gutuma abanyeshuri bagira indangagaciro. Muri ubu buryo twavuga nko kuganira mu matsinda mato, gusobanurirana, kujya impaka kungurana ibitekerezo,...

5. Umwanzuro

Mu mwanzuro, hagaragaramo incamake y'ibyizwe. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo basubiza kugira ngo asuzume neza ko isomo ryizwe neza. Yibanda cyane ku ndangagaciro, imigenzo mbonezabupfura kugira ngo abanyeshuri babikurikize mu buzima bwabo bwa buri muni. Umwarimu akora incamake y'isomo agafasha abanyeshuri gufata ingamba n'imihigo yo kubahiriza no gukurikiza isomo ry'umunsi.

IGICE CYA II: IMBATA Y'ISOMO RY'IYOBOKAMANA

Ikigo: Amazina y'umwarimu:.....

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w' abanyeshuri
	../.../20...	Kwigaragaza kw'Imna	Wa 3	Wa 1	1	40 (iminota)	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo	- Hari abanyeshuri 2 bafite ubumuga bwo kutavuga no kutumva neza bicara aho begereye mwarimu. - Umwarimu agakoresha ibimenyetso n'amarenga - Umwarimu agerageza kuvuga mu ijwi riranguruye						
Umutwe wa kabiri	Imana imaze kurema Muntu, imuha ubutumwa.						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Umunyeshuri azaba ashobora kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu nyuma yo kumurema, gukunda umurmo no kubaha abamukuriye.						
Isomo	Gukora no guhindura isi nziza						
Intego ngenamukoro	Yifashishije amashusho n'ingeri z'ibyaremwe n'Imana n'ibyakozwe n'abantu; umunyeshuri azaba ashobora gukora no kurangwa n'ibikorwa bigira isi nziza aho ari hose.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizabera mu ishuri cyangwa hanze yaryo hakurikijwe imiterere y'igihe n'ikirere.						
Imfashanyigisho	Bibiliya, amashusho ariho abantu bakora imirimo inyuranye.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho y'amasomo mbonezamubano n'ubumenyi bw'Iyobokamana ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, REB, Kigali, 2015 urupapuro rwa 118.						
Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri				Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo		
	Mwarimu asaba abanyeshuri gutandukanya ibyaremwe n'Imana n'ibyakozwe n'abantu. Umunyeshuri azagaragaza ibikorwa byiza azakora bigamije guhindura isi nziza.						
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri					

Intangiriro : Iminota 5	Mwarimu asaba abanyeshuri gutanga ingero z'ibyaremwe n'Imana n'ibyakozwe n'abantu. Mwarimu arasomera abanyeshuri Intangiriro 2 :15.	Abanyeshuri basubiza mwarimu bamuha ingero za bimwe mu byaremwe n'Imana n'ibyakozwe n'abantu bagamije guhindura isi nziza.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo bigaragara igihe abanyeshuri basubiza. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara Mu kubaza abanyeshuri hitawe ku buringanire bw'ibitsina byombi, hitabwa kandi no ku burezi budaheza.
Isomo nyirizina: Iminota 25	Mwarimu arasomera abanyeshuri Intangiriro 2 :15 Kuzana amashusho agaragaza abantu barimo gukora imirimo itandukanye bagahitamo kandi bakiyemeza kuyikora bagamije guhindura isi nziza. Gufasha abanyeshuri aho biri ngombwa no kubagira inama.	Gutega amatwi bakavuga icyo bumvise n'isomo bavanyemo. Umurimo: Gukora ibi korwa bigamije guhindura isi nziza aho ari hose. Ibikorwa: Kwitegereza amashusho y'abantu barimo gukora imirimo tandukanye. Gutoranya no guhitamo buri wese umurimo agomba gukora bitewe n'impano n'ubushobozi afite. Gusobanura uburyo azawukora agamije guhindura isi nziza. kubasuhuza, kubakira ibyo bafite, kubafasha imirimo no kurangwa n'ikinyabupfura imbere yabo	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi bugaragara igihe abanyeshuri bakora umurimo biyemeje. Ingingo nsanganyamasomo Ubufatanye no gukorera mu matsinda.
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Guha abanyeshuri incamake y'isomo bize nokubashimira umwete n'umurava bazakorana imirimo biyemeje.	Kwandika incamake y'isomo bamazekwiga. Gukora ibibazo by'isuzuma	Umuco wo kumenya gushima no gushaka ibisubizo by'ibibazo dufite. Gusabana mu rurimi bigamo.
Isuzuma rya mwarimu: - Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho - Kwisuzuma ukareba ingingo zakugeza ku ntego z'isomo - Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.			

IGICE CYA III: IMITWE IGIZE IYI NYOBORABAREZI

UMUTWE WA MBERE: IMANA IMAZE KUREMA MUNTU IMUHA UBUTUMWA

1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu nyuma yo kumurema: gukunda umurimo no kubaha abamukuriye.

1.2. Ubushobozi shingiro

Ubumenyi bw'ibanze ku nkomoko y'ibiriho, n'uburyo byabayeho.

1.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, umuco w'amahoro, ubuziranenge, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu.

1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Umwari mu azasohora abana hanze abasabe kwitegereza uruvangevange rw'ibyaremwe byose nyuma batandukanye ibyaremwe n'Imana n'ibyakozwe n'abantu.

1.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Gukora no guhindura isi nziza	- Ubumenyi: Kumenya icyo Imana imuhamagarira gukora - Ubumenyingiro: Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa. - Ubukeshya: Gukora ibikorwa bigira isi nziza aho ari hose	1

2	Kororoka	- Ubumenyi: Kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu imaze kumurema - Ubumenyigiro: Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa. - Ubukeshya: Gukora ibikorwa bigira isi nziza	1
3	Kugenga isi	- Ubumenyi: Kumenya icyo Imana imuhamagarira gukora - Ubumenyigiro: Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa. - Ubukeshya: • Gukora ibikorwa bigira isi nziza aho ari hose • Kwitabira amatsinda arengera ibidukikije	1
4	Isuzuma risoza umutwe		1

1.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo

1.6.1. Gukora no guhindura isi nziza

a. *Intego zihariye :*

Ubumenyi: Kumenya icyo Imana imuhamagarira gukora

Ubumenyigiro: Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa.

Ubukeshya: Gukora ibikorwa bigira isi nziza aho ari hose

b. *Imfashanyigisho :* Bibiliya, ibikoreshe bihangwa n'abantu (iby'ikoranabuhanga, ibyo mu rugo, amafoto yerekana umuryango)

c. *Uko isomo ritangwa:*

Intangiriro

Mwarimu azajyana abanyeshuri hanze bitegereze ibintu byose bikikije ikigo cy'ishuri.

Mu ishuri, bazavuga ibyo babonye. Mu matsinda, abasabe kwitegereza ishusho 1.1.1, basubize ibibazo byabajijwe ku ishusho.

Ibisubizo: Igikorwa mvumburamatsiko (igitabo cy'umunyeshuri)

Ibintu Imana yaremye:

- **Ibiguruka:** inyoni, ibisiga, inkoko, imbata, imisambi n'ibindi.
- **Ibikururuka:** inzoka, imiserebanya, iminyorogoto n'izindi.
- **Inyamaswa:** ihene, inka, injangwe, imbwa n'izindi.
- **Ibimera:** ibiti bisanzwe nk'inturusu, gereveriya ..., ibyera imbuto, ibyatsi n'ibindi.

Abantu babiri: umugabo n'umugore (Adamu na Eva) bahagaze mu busitani bwa Edeni.

Ibintu byakozwe n'abantu:

Inzu, imodoka, intebe, umutaka, igikapu n'ibindi

Isomo nyirizina

Gukora no guhindura isi nziza 1.1

Mwarimu azasaba abana kwitegereza ishusho 1.1, nyuma basubize ibibazo byabajijweho:

1. Itegereze amashusho atandukanye ari hejuru.
2. Vuga imirimo itandukanye abantu bakora ubona kuri ayo mashusho.

Ibisubizo: igikorwa 1.1 mu gitabo cy'umunyeshuri .

Imirimo abantu barimo gukora: guhinga, kubaza bimwe mu bikoresho byo mu rugo (ameza, intebe, ...), abari kubaka inzu.

Gucunga umutekano (Police, Abasirikari, DASSO),

Gucuruza, kwigisha, kuvura.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda umwarimu abafasha kubinononsora akabikorera ubugororangingo.

Ibisubizo by'isuzuma 1.1 mu gitabo cy'umunyeshuri .

1. Gufasha ababyeyi imirimo badusaba gukora, Korora amatungo atandukanye (ihene, ingurube, inkoko n'ibindi), Gutunganya ubusitani, guhinga, kurwanya isuri, n'ibindi
2. Kutangiza ibidukikije birimo ibimera, kurengera inyamaswa, kutajugunya imyanda ahabonetse hose.

1.6.2. Kororoka

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga ubutumwa Imana yahaye Muntu imaze kumurema
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa.
- **Ubukeshya:** Gukora ibikorwa bigira isi nziza

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, ibikoreshe bihangwa n'abantu, igitabo cy'umunyeshuri , amashusho yerekana umuryango)

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mu matsinda , mwarimu azasaba abana kwitegereza **ishusho 1.2.1**, nyuma bavuge ibyo babona kuri yo:

Ibisubizo by'igikorwa 1.2 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ku ishusho haragaragara abantu barindwi bagize umuryango aribo: Umugabo n'umugore we, n'abana babo batanu.

Isomo nyirizina

Intangiriro

Mwarimu azashyira abana mu matsinda, ababaze ibyo babonye ku ishusho, nyuma abafashe gusoma muri Bibiliya (Intangiriro 2:28a.)

Abana mu matsinda bazasoma muri Bibiliya (Intangiriro 2:28).

Mwarimu ashobora kubaza abana ibindi bibazo bajyanye n'uko abantu bororotse, anarushaho kubasobanurira imibereho y'abagize umuryango.

Mwarimu azaha abana incamake y'isomo bize.

Isuzuma 1.1

Ibisubizo by'isuzuma 1.2 mu gitabo cy'umunyeshuri,urup.3

1. a) Umugisha
b) Isi
2. Imana yahaye Adamu na Eva inshingano yo kubyara no kororoka. Adamu na Eva barabyaye, abo babyaye nabo bagenda babyara, gutyo gutyo ruba uruhererekane

1.6.3. Kugenga isi

a. *Intego zihariye :*

- **Ubumenyi:** Kumenya icyo Imana imuhamagarira gukora
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura ubutumwa Imana yahaye Muntu n'uko bugomba gushyirwa mu bikorwa.
- **Ubukeshya:**
 - Gukora ibikorwa bigira isi nziza aho arihose
 - Kwitabira amatsinda arengera ibidukikije

b. *Imfashanyigisho :* Bibiliya, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ariho urusobe rw'ibinyabuzima

c. *Uko isomo ritangwa :*

Intangiriro

Mwarimu azakoresha isubiramo ku butumwa Imana yahaye Muntu bwo gukora no kugenga isi, no kororoka.

Isomo nyirizina

Mwarimu ashobora kujyana abana hanze akabasaba kwitegeraza ibikorwa binyuranye uMuntu akorera ku isi.

Mu matsinda, mwarimu azasaba abana kwitegeraza ishusho 1.4.1, nyuma basubize ibibazo by'umwitozo 1.3 uri mu gitabo cy'umunyeshuri, nyuma batange ibisubizo.

Mu matsinda abana bazasoma muri Bibiliya (Intangiriro 1:28), mwarimu nawe abasomere uwo murongo.

Isuzuma 1.3

Ibisubizo by'igikorwa 1.3 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Ikiremwa kirusha ibindi ubwenge ni Umuntu
2. **Amatungo:** Kuyagaburira, kuyarinda, kuyorora ; Inyamaswa : kuzibungabunga, kutazica.

Icyitonderwa : abana bashobora gutanga ibindi bisubizo mwarimu azagenzura niba ari iby'ukuri.

Ibisubizo by'isuzuma ry'umutwe wa mbere .

Umuntu amaze kuremwa yahawe ubutumwa bwo gukora, guhindura isi nziza, kororoka, no kugenga isi.

3. Umuntu yahawe ububasha bwo kugenga isi.
4. Abantu bagomba gukora kugira ngo babone ibibatunga n'ibindi bakenera mu buzima.
5. Umuntu udakora arakena, arasonza, abura imyambaro,....
6. Ibikorwa nakora bigaragaza ko nubashye abakuru: kubatega amatwi, kwifata neza imbere yabo, kudasakuza, kubatwaza ibyo bafite, kujya aho badutumye, ...
7. Uko nashyira mu bikorwa ubutumwa Imana yampaye:

Mu rugo: gufasha abayeyi imirimo yo mu rugo, gukora mu karima kigikoni, kwita ku matungo yo mu rugo, kubaha ababyeyi,....

Ku ishuri: kwita ku busitani bw'ishuri, kurinda ibidukikije, kugira isuku,...

1.7. Imyitozo y'inyongera

Ibibazo:

1. Ni nde waremye isi n'ibiyiriho ?
2. Ni uwuhe mwihariko wa Muntu ugerenije n'ibindi biremwa ?
3. Imana irema Muntu yamuhaye izihe nshingano?

Ibisubizo:

1. Ni Imana
2. Yaremwe mu ishusho y'Imana
3. Gukora no kugenga isi, Kubyara no kororoka, kubaha ubuzima bw'uwo ariwe wese, kubaha ibyaremwe byose...

1.8 Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda kandi agahabwa inshingano kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitozo y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitozo yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeye bifasha buri munyeshuri kugira icyo akora.



UMUTWE WA 2: KWIRINDA ICYAHA NO GUSABA IMBABAZI

2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gukora icyiza, gusaba imbabazi z'ikibi yakoze no gukurikiza imigenzo mbonezabupfura aho ari hose.

2.2. Ubushobozi shingiro

Ubumenyi bw'ibanze ku cyaha icyo ari cyo n'uburyo yitwara iyo yakosheje.

2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Kubunga bunga ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi , uburezi budaheza.

2.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Umwari mu azereka abana amashusho agaragaza uburyo Adamu na Eva bacumuye nyuma ababaze ibibazo by'ivumburamatsiko.

2.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Ibyaha n'imizi yabyo (Intangiriro 3 :1-7)	Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo ari cyo. Ubumenyigiro: Gusobanura uburyo bwo kwirinda icyaha. Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri muni.	1
2	Uburyo bwo kwirinda ibyaha(Matayo 26 :41)	Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo aricyo. Ubumenyigiro: Gusobanura uburyo bwo kwirinda icyaha. Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri muni.	1
3	Ingaruka z'ibyaha (Intangiriro4:1-15)	Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo aricyo. Ubumenyigiro: Kugaragaza ingaruka z' icyaha. Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha.	1
4	Uburyo bwo kwicuza ibyaha no gusaba imbabazi (Luka 15:17-24)	Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo aricyo. Ubumenyigiro: Kugaragaza ingaruka z' icyaha . Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha.	1
5	Imigenzo mbonezabupfura itsinda imizi y'ibyaha	Ubumenyi: Kuvuga akamaro ko gusaba imbabazi. Ubumenyigiro: Kugaragaza ingaruka z'icyaha. Ubukeshya: Kubaho mu bupfura no gukurikiza amategeko y'Imana.	1
6	Isuzuma	-	1

2.6. Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo

2.6.1. Ibyaha n'imizi yabyo (Intangiriro 3: 1-7)

Intego zirahiye:

- **Ubumenyi:** Gusobanura icyaha icyo ari cyo.
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura uburyo bwo kwirinda icyaha.
- **Ubukeshya:** Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri muni.

a. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho y'umwana w'ikirara.

b. Uko isomo ritangwa :

Intangiriro

Mwarimu arashyira abana mu matsinda abasabe kwitegereza amashusho numero 2.1.1 na 2.1.2., hanyuma basubize ibibazo byabajijwe kuri ayo mashusho

1. Umuntu mubona ku ishusho arimo arakora iki?
2. Ese murabona imbuto asoroma zihuje n'iz'ibindi bita biri muri buriya busitani?

Ibisubizo bashobora gutanga:

1. Eva ari mu busitani asoroma imbuto.
2. Oya. Igiti asoromaho kirushije ubwiza ibindi bita.

Isomo nyirizina

Mwarimu arabaza abana ibyo babonye , atoranye mo ikijyanye n'isomo.

Mwarimu arabasomera inkuru dusanga mu gitabo cy'umunyeshuri y'umwana ukorakora. Araha abana akanya ko gusubiza ibibazo byabajijwe kuri iyo nkuru mu matsinda.

1. Uriya mwana yakoze iki?
2. Icyaha ni iki
3. Muja mubona ibiti, imizi yabyo imara iki?

Mwarimu araha abana incamake ku busobanuro bw'icyaha n'imizi yacyo.

Ibisubizo by'isuzuma 2.1(Igitabo cy'umunyeshuri) .

a) Yego

b) Oya

c) Oya

4.

Imizi y'icyaha	Icyaha
Ukwikuza	Agasuzuguro
Ubugugu	Gutwarwa n'ibyisi
Ishyari	Kugambana, kunegura, kwica
Irari	Kwiba,
Uburakari	Kurwana, kwica, intonganya
Umururumba, inda nini	Kwiba,
Ubunebwe, Ubute	Kwiba, kunegurana, kwanduranya

Buri mwana aratanga ibisubizo bye akurikije imibere ho ye.

2.6.2. Uburyo bwo kwirinda ibyaha (Matayo 26:41)

a. Intego zihariye

Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo aricyo

Ubumenyingiro: Gusobanura uburyo bwo kwirinda icyaha

Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri muni

a. *Imfashanyigisho* : Bibiliya, amashusho yerekana abantu barimo gusenga.

b. *Uko isomo ritangwa*

Intangiriro

Mwarimu aratangira abaza abana ibibazo ku cyaha n'imizi yacyo.

Mwarimu arshyira abana mu matsinda nyuma abasabe kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri. Abana barakomeza basubiza ibibazo byabajijwe ku mashusho 2.2.1 na 2.2.2

1. Abantu bari kuri aya mashusho barimo gukora iki?
2. Kubaha Imana bigufasha iki mu buzima bwawe bwa buri muni?

Ibisubizo

Abantu (Abakirisitu) bicaye barimo gusenga umupasotoro arimo kubigisha.

Abantu bicaye mu Kiliziya, umusaseridoti ahagaze kuri alitari abigisha.

Isomo nyirizina

Mwarimu arayobora abana aho basoma Ijambo ry'Imana (Matayo 26 :41)

Nyuma arabafasha kumva Ijambo ry'Imana .

Mwarimu araha abana incamake ku isomo ry'uwo munsu.

Isuzuma

Ibisubizo ku isuzuma 2.2 (Igitabo cy'umunyeshuri) .

1. Uburyo bubiri bwo kwirinda icyaha ni ugusenga no kumva ijamba ry'Imana.
2. Kubashishikariza gusenga no kumva ijambory'Imana

2.6.3. Ingaruka z'ibyaha (Ku mibanire yacu n'abandi no ku rubyaro rwa Adamu na Eva)

a. Intego zihariye :

Ubumenyi: Gusobanura icyaha icyo aricyo.

Ubumenyigiro: Kugaragaza ingaruka z' icyaha .

Ubukeshya: Kwanga no kwirinda icyaha n'imizi yacyo mu buzima bwa buri munsu.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abanyamakosa bafashwe n'abashinzwe umutekano

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Mwarimu aratangira isomo abaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (uburyo bwo kwirinda icyaha)

Isomo nyirizina

Abana baritegereza amashusho ubundi basubize ibibazo byabajijwe kuri yo.

1. Ku ishusho ya mbere hagaragara abantu bangahe?
2. Ku ishusho ya kabiri urahabona bantu bameze gute?
3. Ese aba bantu bagaragara ku ishusho ya mbere barishimye cyangwa barababaye?
4. Bariya bantu bari hehe kandi bahakora iki?

Ibisubizo

1. Adamu na Eva bihishe mu busitani bwa Edeni bikinze ho ibibabi.
2. Umupolisi ushoreye abanyamakosa abatatu
3. Barababaye kubera ko bakoze icyaha Imana ikabahana.
4. Bari mu busitani bwa Edeni, barihishe.

Mwarimu arafasha abana gusoma no gusobanukirwa ijamba ry’Imana dusanga muri Bibiliya:

- a. Ingaruka z’ibyaha ku mibanire yacu n’abandi: (Intangiriro 3:16-17).
- b. Ingaruka z’ibyaha ku rubyaro rw’Adamu na Eva: (Intangiriro 4:1-15; Malaki 3:19).

Mwarimu araha abana incamake ku ngaruka z’ibyaha ku mibanire yacu n’abandi n’ingaruka ku rubyaro rwa Adamu na Eva.

Isuzuma

Ibisubizo ku isuzuma 2.3 (Igitabo cy’umunyeshuri).

Adamu na Eva babyaye abahungu babairi: Kayini na Abeli

1. Yagiraga ngo abone uko amwica
2. Ni uko atashimye ituro rye agashima irya Abeli
3. Imana yaramuvumye, imuhanisha kutazongera kweza imyaka kandi akazahora ari inzererezi yangara ku isi yose.
4. Oya, urugero ni Kayini na Abeli kandi n’aho dutuye turabibona.
5. Kuba ababyeyi batabakunda kimwe, imitungo n’ibindi.
6. Kumusuzugura , kumwiba , kumutuka n’ibindi.

2.6.4. Uburyo bwo kwicuza ibyaha no gusaba imbabazi (Luka15:17-24)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga akamaro ko gusaba imbabazi
 - **Ubumenyi ngiro:** Kugaragaza ingaruka z’ibyaha.
 - **Ubukeshya:** Kubaho mu bupfura no gukurikiza amategeko y’Imana
- b. Imfashanyigisho:** Bibiliya, ishusho y’umwana upfukamye asaba imbabazi ababyeyi be kubera amakosayakoze(umwana w’ikirara

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu aratangira isomo abaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (Ingaruka z’ibyaha)

Isomo nyirizina

Mu matsinda, mwarimu arayobara abana kwitegereza amashusho 2.4.1 na 2.4.2 ari mu gitabo cy’umunyeshuri; nyuma abahe igikorwa cyo gukora ibibazo byabajijwe kuri iyo shusho.

1. Ni iki wakora igihe umenye ko wakoshereje ababyeyi?
2. Ni gute wasaba imbabazi uwo wakoshereje ?

Ibisubizo

1. Igihe umenye ko wakoshereje wakora ibi bikurikira :

-Kubabazwa n’ icyaha wakoze.

-Gusaba Imana imbabazi (Kwicuza).

-Gusaba imbabazi uwo wakoshereje.

Mwarimu arafasha abana gusoma no gusobanukirwa ijamba ry’Imana (Luka 15 :21)

Nyuma mwarimu araha abana incamake y’isomo bize.

Isuzuma

Ibisubizo by’isuzuma 2.4 (igitabo cy’umunyeshuri) .

1. Igihe umenye ko wakoshereje wakora ibi bikurikira:

Kubabazwa n’icyaha wakoze.

Gusaba Imana imbabazi (Kwicuza).

Gusaba imbabazi uwo wakoshereje

2. Buri munyeshuri aratanga ibisubizo bye. Nyuma yo kwiga iri somo umunyeshuri aziyemeza gukora ibyiza harimo: kubabazwa n’ikosa , kwihutira gusaba imbabazi uwo yahemukiye, gusaba Imana imbabazi n’ibindi.

2.6.5. Imigenzo mbonezabupfura itsinda imizi y’ibyaha.

a. Intego zirahiye:

- **Ubumenyi:** Kuvuga akamaro ko gusaba imbabazi
- **Ubumenyi ngiro:** Kugaragaza ingaruka z’icyaha.
- **Ubukeshya:** Kubaho mu bupfura no gukurikiza amategeko y’Imana.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho y’umubyeyi urimo guha impanuro abana be.

c. Uko isomo ritangwa :

Intangiriro

Mwarimu aratangira isomo abaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (Uburyo bwo kwicuza ibyaha no gusaba imbabazi). Ashobora gutangiza inkuru, ikiganiro cyangwa indirimbo.

Isomo nyirizina

Mwarimu arashyira abana mu matsinda, abasabe kwitegereza ishusho 2.5.1., Nyuma basubize ibibazo byabajijwe kuri iyo shusho.

1. Ni bande mubona kuri iyi shusho?
2. Ese iwanyu mu rugo abakurera baja baguha impanuro?
3. Sobanura zimwe mu mpanuro baguha n'uburyo uzishyira mu bikorwa

Ibisubizo bashobora gutanga

1. Umubyeyi (umusaza) n'abana be batatu bicaye abaha impanuro ku migenzo mbonezabupfura.
2. Umwana aravuga niba bamuha impanuro ku migenzo mbonezabupfura.
3. Zimwe mu mpanuro bashobora kumuha : kubaha buri wese, kugira urukundo rwa kivandimwe n'ibindi.

Mwarimu araha abana incamake y'isomo bize.

Ibisubizo by'isuzuma 2.5 (igitabo cy'umunyeshuri).

1.

Imigenzo mbonezabupfura	Imizi itsinda
Ukwiyoroshya	Ukwikuza
Ukudatwarwa n'iby'isi	Ubugugu
Urukundo rwa kivandimwe	Ishyari
Ukwihangana	Uburakari
Isuku y'umutima	Irari
Kwigomwa	Inda nini
Kugira ubwira	Ubunebwe

2. Arangwa n'ikinyabupfura, kwicisha bugufi no kubaha buri wese.(abanyeshuri bashobora gutanga ibindi bisubizo bitandukanye)

3. Umunyeshuri arasubiza uko abyumva

Ibisubizo ku isuzuma risoza umutwe 2.6 (Igitabo cy'umunyeshuri) .

1. Yariye ku mbuto z'igiti Imana yari yamubujije.
2. a. Yego
b. Oya
c. Yego
d. Oya
e. Oya
3. Gusenga no kwigira ijamba ry'Imana.
4. Gusaba imbabazi uwo yakoshereje no kwicuza.
5. Gusenga bifasha Muntu kwirinda icyaha.
6. Kayini na Abeli
7. Yabitewe n'ishyari.
8. Bariyunga bagasabana imbabazi.
9. Igisubizo bwite.
10. Ukwiyoroshya
 - Ukudatwarwa n'iby'isi.
 - Urukundo rwa kivandimwe
 - Ukwihangana
 - Isuku y'umutima.
 - Kugira ubwira

2.7. Imyitozo y'inyongera

Ibibazo:

1. Abantu bakoze ibyaha bwa mbere ni bande?
2. Wabigenza ute uramutse uhuye n'igishuko kikugusha mu cyaha ?
3. Nimuhimbe agakino kerekana umugenzo mwiza wo gusaba imbabazi.

Ibisubizo :

1. Adamu na Eva
2. Nasaba Imana imbaraga zo kunesha.
3. (Abana barahimba udukino tunyuranye)

2.8. Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda agahabwa inshingano kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitoto y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitoto yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeye bifasha buri munyeshuri kugira icyo akora.

UMUTWE WA 3: YEZU UMUCUNGUZI W'ABANTU

3.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gusobanura imibereho ya Yezu nk'Umukiza n'umucunguzi.

3.2. Ubushobozi shingiro

Ubumenyi bw'ibanze ku mugambi w'Imana mu gucungura Muntu.

3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, umuco w'amahoro, ubuziranenge, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu.

3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Umwarimu azereka abana amashusho agaragaza ubuzima Yezu yavukiyemo babisanishe n'uburyo abandi bana bavuka.

3.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Ivuka rya Yezu (Yezu avukira i Betelehemu) (Matayo 1:18-25, Luka 2:1-7)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi Ubumenyingiro: Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugero rwa yezu	1
2	Abanyabwenge baza Kuramya Yezu (Matayo 2 :1-12)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyingiro: Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu. Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugero rwa Yezu.	1

3	Yezu ahungishirizwa mu Misiri (Matayo 2 :13-24)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyingiro: Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu . Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugera rwa Yezu.	1
4	Yezu azura Lazaro (Yohani 11:1-44)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyingiro: Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezuyakoze . Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugera rwa Yezu.	1
5	Yezu azura umukobwa wa Yayiro (Matayo 9:18-26 ; Luka 8 : 40-56 ; Mariko 5 : 21-43)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyingiro: Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezuyakoze . Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugera rwa Yezu.	1
6	Yezu yirukana Roho mbi (Matayo 8 : 28-34)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyingiro: Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakoze . Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugera rwa Yezu.	1

7	Yezu akiza abarwayi (Matayo 15 : 29-31)	Ubumenyi: Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi. Ubumenyigiro: Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakoze. Ubukeshya: Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugera rwa Yezu.	1
8	Abayahudi barwanya Yezu (Yohani 7 :1, Luka 19 :47)	Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu. Ubumenyigiro : Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu. Ubukeshya : Kwemera Yezu no kumukurikiza nk'umukiza.	1
9	Ububabare bwa Yezu (Luka 22:47-53; Mariko 14:43-50; Yohani 18:2-11.	Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu. Ubumenyigiro : Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu. Ubukeshya : Kwemera Yezu no kumukurikiza nk'umukiza.	1
10	Yezu apfa (Matayo 27:45-56 ;Luka 23 :44-48 ;Yohani 19 :28-30)	Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu. Ubumenyigiro : Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu . Ubukeshya : Kwemera Yezu no kumukurizira nk'umukiza.	1

11	Yezu azuka (Luka 24 : 1-11, Matayo 28 :1-15)	Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu. Ubumenyingiro : Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu. Ubukeshya : Kwemera Yezu no kumukurizira nk'umukiza.	1
12	Yezu ajya mu ijuru (Ibyakozwe n'intumwa 1 :6-11)	Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu. Ubumenyingiro : Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu. Ubukeshya : Kwemera Yezu no kumukurizira nk'umukiza.	1
13	Isuzuma risoza umutwe		1

3.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo

3.6.1. Ivuka rya Yezu (Yezu avukira i Betelehemu) (Matayo 1:18-25, Luka 2:1-7)

a. Intego zihariye:

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi.
- **Ubumenyingiro:** Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu.
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri muni akurikije urugera rwa Yezu.

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, amashusho agaragaza umubyeyi uteruye uruhinja , filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Mu matsinda abanyeshuri basabwa kwitegereza ishusho 3.1.1, basubize ibibazo byabajijwe ku ishusho.

Ibisubizo by'igikorwa mvumbura matsiko 3.1.1 (igitabo cy'umunyeshuri)

1. Umugore utwite aba ategereje uruhinja/umwana.
2. Umwana ukimara kuvuka baramufubika , Bamufata neza (Abana baratanga ibisubizo binyuranye).

Isomo nyirizina

Mwarimu azasaba Abana bari mu matsinda kwitegereza ishusho 3.1, hanyuma basubize ibibazo by'igikorwa 3.1.1

Abana bari mu matsinda, mwarimu azabafasha gusoma muri Bibiliya (Luka 2:1-7, 21).

Mwarimu azasobanurira abana mu incamake y'inkuru y'ivuka rya Yezu.

Ibisubizo by'igikorwa 3.1.1 (igitabo cy'umunyeshuri)

1. Abana baravugaga ibyo babona ku ishusho)
2. Umwana ukimara kuvuka baramufubika, bamufata neza. (Abana baratanga ibisubizo binyuranye)

Ibisubizo by'isuzuma 3.1 (igitabo cy'umunyeshuri).

1. Yezu yavukiye mu mugi wa Betelehemu.
2. Mariya na Yozefu bari batuye i Nazareti.
3. Yezu amaze kuvuka bamuryamishije mu kavure kuko bari babuze umwana mu icumbi.
4. Iyo umubyeyi amaze kubyara umwana bamuryamisha ku gitanda/ ku buriri, mu nzu y'ababyeyi babyaye kwa muganga.
5. Abakirisitu bizihiza ivuka rya Yezu ku munsu wa Noheli.

3.6.2. Abanyabwenge baza Kuramya Yezu (Matayo 2:1-12)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuka muri make ku buzima bwa Yezu ku isi
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugero rwa Yezu

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo byo ku isomo riheruka ariryo Ivuka rya Yezu.

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda, abasabe kwitegereza amashusho 3.2.1 na 3.2.2 , abasabe gukora umwitozo ujyanye n'amashusho.

Ibisubizo ku gikorwa: 3.2.1

1. Ku ishusho 3.2.1 hari abashumba bitwaje inkoni baje kureba umwana Yezu karyamishijwe mu kavure. Hari kandi Mariya na Yozefu bakikije akavure Yezu aryamyemo.
2. Ku ishusho 3.2.2 hari abagabo bambaye amakanzu, baje kureba umwana Yezu, ba ramuramya, ba mutura n'ibintu by'agaciro bazanye.

Mwarimu azafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya (Matayo 2:1-2 na Matayo 2:11).

Mwarimu azatanga incamake ku somo.

Mwarimu ashobora gusoza isomo aririmbisha akaririmbo k'ivuka rya Yezu

Ibisubizo by'isuzuma 3.2 (igitabo cy'umunyeshuri) .

1. Abaje kuramya Yezu ni abanyabwenge.
2. Bari bavuye iburasirazuba.
3. Baramije Yezu bamutura n'amaturu.
4. Uburyo nkoresha nshima kandi ndamya Imana : gusenga, kuririmba, kujya u mu misa/ mu materaniro mu rusengero/ kiliziya, gutanga amaturu, ...

Icyitonderwa : ku kibazo cya kane abana bashobora gutanga ibindi bisubizo mwarimu akagenzura ko ari iby'ukuri.

3.6.3. Yezu ahungishirizwa mu Misiri (Matayo 2:13-24)

a. Intego yihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura ivuka rya Yezu/Yesu
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri muni akurikije urugero rwa Yezu.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo ku isomo riheruka ariryo « abanyabwenge baza kuramya Yezu »

Isomo nyirizina

Abana bari mu matsinda mwarimu azabasaba kwitegereza ishusho 3.3.1 mu gitabo cy’umunyeshuri nyuma abasabe kuvuga ibyo babonye.

Abana bazasubiza ikibazo cy’igikorwa 3.1

Ibisubizo by’igikorwa 3.1 (igitabo cy’umunyeshuri) .

Ku ishusho hari umugabo wikoreye ibikoresho, inyuma ye hari umugore we uteruye akana. Bigaragara ko bahunze.

Abana bari mu matsinda mwarimu abafasha gusoma Bibiliya muri Matayo 2 : 13-14.

Mwarimu aha abana incamake y’isomo “Yesu/Yezu ahungishirizwa mu Misiri.”

Ibisubizo by’isuzuma 3.3 .

1. Umumalayika wa Nyagasani.
2. Mu Misiri/ Egiputa.
3. Herod.
4. Ishyari ni ryo ryatumye Herode ashaka kwica Yezu.
5. Kwikunda bituma Muntu agirira mugenzi we ishyari.
6. Gukoresha ukuri, kwimakaza urukundo, guharanira ubutabera,

Icyitonderwa: Mwarimu ashobora kwemera ibindi bisubizo by’ukuri abana bashobora kumuhereza ku kibazo cya 4, 5, na 6.

3.6.4. Yezu azura Lazaro (Yohani 11:1-44)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi.
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakoze.
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri muni akurikije urugero rwa Yezu.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo bijyanye n'imyifatire y'abantu iyo uMuntu yapfuye n'icyo uwapfuye bamukorera.

Isomo nyirizina

Mwarimu azasaba abana kujya mu matsinda abasabe kwitegereza ishusho 3.4.1 n'ishusho 3.4.2 zo mu gitabo cy'umunyeshuri.

Bari mu matsinda, abana bazasabwa gutanga ibisubizo byo ku mwitozo 3.4.1 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ibisubizo by'igikorwa 3.4.1 (gitabo cy'umunyeshuri) .

1. Abantu bo ku ishusho ya mbere bafite agahinda kuko hari umuntu wabo wapfuye.
2. Kurwara, gupfusha abawe (abana, ababyeyi, abavandimwe, inshuti,..) , kubura ibyawwe (amazuru, imirima, amatungu,...)
3. Kumuba hafi, kumwihanganisha, kumuhumuriza, kumufasha imirimo imwe n'imwe,....

Abana bari mu matsinda, mwarimu azabafasha gusoma Bibiliya Yohani 11:43-44), nyuma abafashe gusobanukirwa ibihavugwa.

Mwarimu azaha abana incamake ku isomo “Yezu azura Lazaro.”

Ibisubizo by'isuzuma 3.4

1. Uwazuye Lazaro ni Yezu.
2. Umuntu urwaye akwiriye kujyanwa kwa muganga, akwiriye gusengerwa, kumuhumuriza,
3. (Abana bashobora kuvuga ibintu bitandukanye, nyuma mwarimu akabasengera).

3.6.5. Yezu azura umukobwa wa Yayiro (Matayo 9:18-26; Luka 8 : 40-56 ; Mariko 5 : 21-43)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakozwe
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri muni akurikije urugero rwa Yezu

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo baherutse kwiga ariryo "Yezu azura Lazaro."

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda abasabe kwitegereza ishusho 3.5.1 mu gitabo cy'umunyeshuri no gusubiza ibibazo by'igikorwa 3.5.1

Ibisubizo by'igikorwa 3.5 .

1. Akana k'agakobwa karyamye ku gitanda kapfuye, iruhande rw'uburiri hari ababyeyi be.
2. Yezu ari kumwe n'abigishwa batatu.
3. Ababyeyi bamujyana kwa muganga, bahamagara Pasitoro/Padiri ngo amusengere, bamujyana mu bavuzi ba gakondo....
4. Oya. Hari abakira, hari n'abapfa.

Abana bari mu matsinda, mwarimu azabasaba anabafashe gusoma muri Bibiliya (Matayo 9 :18-19; 23-26).

Mwarimu azafasha abana gusobanukirwa ibyo basomye muri Bibiliya nyuma abahe inshamake ku isomo « Yezu azura umukobwa wa Yayiro.»

Ibisubizo by'isuzuma 3.5

1. Umutware w'urusengero.
2. Umwana we w'umukobwa yari arwaye.
3. Yaramupfukamiye
4. Yego. Imana ishobara gukorera neza abayizera.

3.6.6. Yezu yirukana Roho mbi (Matayo 8:28-34)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakoze
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri muni akurikije urugero rwa Yezu

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo ry'ubushize "Yezu azura umwana awa Yayiro".

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda nyuma abasabe kwitegerza ishusho 3.6.1.

Abana bari mu matsinda bazasubiza ibibazo by'umwitozo 3.6.1

Ibisubizo by'igikorwa 3.6.1

1. Abambaye imyenda icitse bagaragara nk'abarwaye mu mutwe, Yezu wambaye neza ugaragara nk'ubagiriye impuhwe.
2. (Abana bamwe bashobora kuba baramubonye abandi bataramubonye.)
3. Aba afite imyitwarire idasanzwe: imyambarire, ibikorwa, amagambo,...
4. Yego, umuntu urwaye mu mutwe ashobora gukira.
5. Ashaka ko bakira.

Abana bari mu matsinda bazafashwa na mwarimu gusoma Bibiliya muri Matayo 8:30-32, mwarimu abafashe kumva ibyo basomye.

Mwarimu azabaha incamake y'isomo bize "Yesu yirukana Roho mbi."

Ibisubizo by'isuzuma 3.6

1. Roho mbi ni imbaraga zirwanya Imana.
2. Yazu yayibwiye kujya mu ngurube zari hafi aho.
3. Amashitani, amajyini, abadayimoni, umushukanyi.
4. Uwahanzweho na Roho mbi wamubwirwa ari uko agaragaza imyitwarire mibi idasanzwe ku mwana w'umuntu, avuga amagambo adashimisha Imana, akora ibihabanye n'ubushake bw'Imana,...
5. Kumusengera, kubwira abakozi b'Imana bakamusengera,...
6. Gukora ibyo Imana ishaka: gusenga, kujya mu rusengero/Kiriziya,...

3.6.7. Yezu akiza abarwayi (Matayo 15:29-31)

a. Intego yihariye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga muri make ku buzima bwa Yezu ku isi

- **Ubumenyigiro:** Gusobanura bimwe mu bitangaza Yezu yakoze
- **Ubukeshya:** Gufasha no kwitangira abandi mu buzima bwa buri munsu akurikije urugero rwa Yezu.
- b. Imfashanyigisho :** Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.
- c. Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo ry'ubushize "Yezu yirukana Roho mbi"

Isomo nyirizina

Abana bari mu matsinda bazasubiza ibibazo by'umwitozo 3.7.1

Ibisubizo by'igikorwa 3.7.1

1. Abamugaye amaguru, amaboko, abatabona, abatumva, abatavuga, abarwaye marariya, (Abana bashobora kuvuga ubundi burwayi bazi)
2. Ni uko bizeye ko ashobora kubakiza.

Abana bari mu matsinda bazafashwa na mwarimu gusoma Bibiliya muri (Matayo 15:30-31), mwarimu abafashe kumva neza ibyo basomye.

Mwarimu azabaha incamake y'isomo bize "Yezu akiza abarwayi."

Ibisubizo by'isuzuma 3.7

1. Yezu yakijije abarwayi kuko yishimira ko abantu babaho ari bazima, bameze neza.
2. Batangajwe nuko babonaga abarwayi babo bahise bakira kandi bari barembye.
3. Ni uko bamujyanyije abarwayi ngo abakize kandi bamara gukira bakamusingiza.
4. Adusaba kwizera no kwemera imbaraga ze.
5. Gufasha imirimo adashoboye, kumusengera, kumuba hafi, ...(Abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye. Mwarimu azaganzura ibisubizo abana batanga abafashe ku binononsora.)

3.6.8. Abayahudi barwanya Yezu (Yohani 7:1, Luka 19:47)

a. *Intego yihariye :*

Ubumenyi: Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu.

Ubumenyingiro: Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura umuntu

Ubukeshya: Kwemera Yezu no kumukurikira nk'Umukiza.

b. *Imfashanyigisho :* Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.

c. *Uko isomo ritangwa*

Intangiriro

Mwarimu azakoresha isubiramo ku isomo riherutse: “Yezu akiza abarwayi.”

Isomo nyirizina

Gushyira abana mu matsinda, bakitegereza ishusho 3.8.1, nyuma bagasubiza ibibazo by'igikorwa 3.8. biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ibisubizo by'igikorwa 3.8.1

1. Oya, ntabwo bishimye.
2. Uwo batunga intoki ni Yesu.
3. Iyo nakosheje, bagize ishyari. (abana bashobora gutanga ibindi bisubizo.)

Abana bari mu matsinda bazafashwa na mwarimu gusoma Bibiliya muri Matayo 2:20 na Luka 19:47, mwarimu abafashe kumva neza ibyo basomye.

Mwarimu azabaha incamake y'isomo bize “Abayahudi barwanya Yezu.”

Ibisubizo by'isuzuma 3.8

1. icyateye abayahudi kwanga Yezu ni ishyari.
2. Kujya mu matsinda y'amahoro, gusenga, kuvugisha ukuri,... (abana batanga ibindi bisubizo mwarimu agashungura iby'ukuri.)
3. Gufashanya, kumuba hafi mu bibazo, kumugira inama, ... (abana bashobora gutanga ibindi bisubizo.)

3.6.9. Ububabare bwa Yezu (Luka 22:47-53; Mariko 14:43-50; Yohani 18:2-11.

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu.
- **Ubumenyigiro :** Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu.
- **Ubukeshya :** Kwemera Yezu no kumukurikira nk'umukiza.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azakoresheya isubiramo abaza ibibazo ku isomo riheruka ariryo “Abayahudi barwanya Yezu.”

Isomo nyirizina

Gushyira abana mu matsinda, bakitegereza ishusho 3.9.1, nyuma bagasubiza ikibazo cy'igikorwa 3.9.biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ibisubizo by'igikorwa 3.9.1

Umuntu upfukamye (Yezu) abasirikare bamukubita ibiboko.

Mwarimu azafasha abana bari mu matsinda basome muri Bibiliya (Matayo 26:67-68; Yohani 19:1-3; Luka 23:23).

Mwarimu zafasha abana kumva neza ibyo basomye muri Bibiliya nyuma abahe incamake y'isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 3.9

1. Ni uko bari bamugiriye ishyari.
2. Kwari ukugira ngo aducungure, adukize ibyaha byacu.
3. Kumwizera, kumwemera, kumukunda, kumusenga, gukurikiza amategeko ye,...

3.6.10. Yezu apfa (Matayo 27:45-56; Luka 23 :44-48 ; Yohani 19 :28-30)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu.
- **Ubumenyigiro :** Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura uMuntu
- **Ubukeshya :** Kwemera Yezu no kumukurikira nk'umukiza

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza abantu bagirira abandi neza, Filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Ububabare bwa Yezu.)

Isomo nyirizina

Gusaba abana kwitegereza ishusho 3.10.1 nyuma mwarimu agaha abana bari mu matsinda igikorwa 3.10.1.

Ibisubizo by'igikorwa 3.10.1

1. Ku ishusho hari abantu batatu.
2. Yezu ni we wabambwe ku musaraba.
3. (Abana bazatanga ibisubizo binyuranye).

Mwarimu azabafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya (Matayo 27:45-56).

Mwarimu azafasha abana kumva neza ibyanditswe muri Bibiliya nyuma abahe incamake y'isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 3.10

1. Ibyaha byacu ni byo byicishije Yezu.
2. (Abana bazatanga ibisubizo binyuranye).
3. (Abana bazatanga ibisubizo binyuranye).
4. Kumukunda no gukunda abandi, kumwizera, kumwiringira ...(abana bazatanga ibisubizo binyuranye).

3.6.11. Yezu azuka (Luka 24: 1-11, Matayo 28:1-15)

a. Intego yihariye :

- **Ubumenyi:** Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu.
- **Ubumenyigiro :** Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu
- **Ubukeshya :** Kwemera Yezu no kumukurikira nk'umukiza

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza imva, Filimi ya Yezu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Yezu apfa.)

Isomo nyirizina

Gusaba abana kwitegereza ishusho 3.11.1 nyuma mwarimu agaha abana bari mu matsinda igikorwa 3.11.1.

Ibisubizo by'igikorwa 3.11.1

1. Ku ishusho hari abantu babiri (abagore) na Malayika umwe.
2. Abagore barababaye Malayika arishimye.
3. Abagore baribaza aho Yezu wari washyinguye ari, Malayika arababwira ko Yazutse.

Mwarimu azafasha abana bari mu matsinda gusoma muri (Bibiliya Matayo 28:5-6.)

Mwarimu azafasha abana kumva neza ibyanditswe muri Bibiliya nyuma abahe incamake y'isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 3.11 (mu gitabo cy'umunyeshuri.)

1. Malayika yabwiye abagore ko Yezu wababwe ku musaraba yazutse.
2. Bagiye kureba aho Yezu yari ariyanye basanga ntawuhari.
3. Bagize urukundo, bagize ukwemera, (abana bashobora gutanga ibindi bisubizo mwarimu akagenzura ko aribyo.)

3.6.12. Yezu ajya mu ijuru (Ibyakozwe n'intumwa 1:6-11)

a. Intego zihariye :

- **Ubumenyi:** Kumenya inkuru zo muri Bibiliya yize zijyanye n'icungurwa rya Muntu.
- **Ubumenyigiro :** Gusobanura ibihe bya nyuma byo gucungura Muntu
- **Ubukeshya :** Kwemera Yezu no kumukurikira nk'umukiza

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho agaragaza Yezu ajya mu ijuru.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Yezu azuka.)

Isomo nyirizina

Gusaba abana kwitegereza ishusho 3.12.1 nyuma mwarimu agaha abana bari mu matsinda igikorwa 3.12.1.

Ibisubizo by'igikorwa 3.12.1

1. Ku ishusho hari abantu cumi na babiri.
2. Agiye mu ijuru.
3. Yezu (hari igihe abana baba bazi inkuru ya Eliya, hari igihe na we bamuvuga. Wakira ibisubizo baguhaye ugakomeza isomo.)

Mwarimu azabafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya Ibyakozwe n'intumwa 1 :9-11.

Mwarimu azafasha abana kumva neza ibyanditswe muri Bibiliya nyuma abahe incamake y'isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 3.12

1. Ijyanwa mu ijuru rya Yezu.
2. Bisobanura ko Yezu azagaruka mu ikuzo rye ajoyane abamwizera bese mu ijuru.
3. Ni ukumwizera.
4. Gusenga, kwicuza ibyaha, kwizera.

Ibisubizo by'isuzuma 3.13 risoza umutwe wa 3

1. Yezu yavukiye i Betelehemu.
2. Kumuramya no kumutura amaturo y'agaciro.
3. Igihugu cya Misiri/Egiputa.
4. Ishyari.
5. Kumujyana kwa muganga, kumusengera, kumufasha imirimo ...(Abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye.)
6. Yayiro yagiye kureba Yezu kuko umwana we yari arwaye agira ngo amukize.
7. Kumusengera, guhamagara Pasitoro/Padiri bakamusengera.
8. (Abana bazatanga ibisubizo binyuranye.)
9. (Abana bazatanga ibisubizo binyuranye.)
10. Kwari ukugira ngo aducungure, adukize ibyaha byacu.
11. Bababwiye ko Yezu yazutse.

3.7. Imyitozo y'inyongera

Ibibazo:

1. Iyo umugore atwite aba ategereje iki?
2. Vuga ibindi bitangaza bitatu Yezu yakoze.
3. Ni bande bamenye bwa mbere ko Yezu yazutse
4. Sobanura ikintu uMuntu yakora kugirango abone ubugingo bw'iteka.

Ibisubizo

1. Umwana/Uruhinja cyangwa kubyara.
2. Guhindura amazi divayi, kugenda hejuru y'amazi, gukiza ibibembe, gutubura imigati n'amafi...
3. Ni abagore bazindutse kare ku wa mbere w'iminsi irindwi (Ku cyumweru bagiyeye ku gituro).
4. Kugira ngo ubone ubugingo bw'iteka ni ukwihana ibyaha ukizera Yezu Kristu ngo abe umwami n'umukiza w'ubugingo bwawe.

3.8. Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda kandi agahabwa **inshingano** kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitozo y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitozo yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeye bifasha buri munyeshuri kugira icyo akora.

UMUTWE WA 4: UBUTABERA N'AMAHORO

4.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kugaragaza ibikorwa by'urukundo n'ubworoherane mu kubaka amahoro y'umutima.

4.2. Ubushobozi shingiro

Ubumenyi ku kamaro k'amahoro mu muryango n'ibyishimo mu buzima bwa buri muni.

4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, uburezi budaheza, Kubungabunga ibidukikije.

4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Umwarimu azafasha abana gusoma inkuru y'uburyo abantu bagiranye amakimbirane nyuma bakiyunga bagasabana imbabazi.

4.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Ubusobanuro bw'ubutabera n'amahoro.	Ubumenyi: Kuvuga ibyubaka amahoro mu mitima y'abantu. Ubumenyigiro: Kugaragaza ingaruka z' ihungabana ry'amahoro. Ubukeshya: Gukora ibikorwa nteramahoro aho ari hose.	2
2	Gukemura amakimbirane (mu rugo)	Ubumenyi: Kuvuga ibyubaka amahoro mu mitima y'abantu Ubumenyigiro: Kugaragaza akamaro k'amahoro yuzuye Ubukeshya: Gukumira icyo aricyo cyose cyahungabanya amahoro mu mitima y'abantu.	2
3	Imigenzo mbonezabupfura iganisha ku butabera n'amahoro.	Ubumenyi: Kurondora ibyahungabanya amahoro y'umutima. Ubumenyigiro: Kugaragaza akamaro k'amahoro yuzuye Ubukeshya: Gukumira icyo aricyo cyose cyahungabanya amahoro mu mitima y'abantu	2
4	Isano riri hagati y'ubutabera n'amahoro.	Ubumenyi: Kurondora ibyahungabanya amahoro y'umutima Ubumenyigiro: Gusobanura isano riri hagati y'ubutabera n'amahoro. Ubukeshya: Gukumira icyo aricyo cyose cyahungabanya amahoro mu mitima y'abantu	1
5	Isuzuma risoza umutwe		1

4.6 Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo

4.6.1. Ubusobanuro bw'ubutabera n'amahoro

a. Intego zirahiye :

Ubumenyi: Kuvuga ibyubaka amahoro mu mitima y'abantu.

Ubumenyingiro: Kugaragaza ingaruka z' ihungabana ry'amahoro.

Ubukeshya: Gukora ibikorwa nteramahoro aho ari hose

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho, filimi zijyanye n'ibikorwa by'ubutabera n'amahoro

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu aragirana ibiganiro n'abana mu matsinda ku mahoro mu miryango yabo. Ibiranga ahantu hari amahoro ndetse n'aho amahoro yabuze.

Isomo nyirizina

Mwarimu arafasha abana gusoma no gusobanukirwa inkuru iri mu gitabo cy'umunyeshuri, nyuma basubize ibibazo byabajijweho.

1. Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?
2. Ni iki cyababaje Kamari ?
3. Iyo wagiranye ikibazo na mugenzi wawe mugikemura gute ?
4. Ninde wafashije Kamari na Karabo kunga ubumwe no guhana amahoro?

Ibisubizo

1. Karabo na Kamari.
2. Ni uko Karabo yarushije amanota Kamari.
3. Turiyunga twebwe ubwacu cyangwa tukiyambaza undi Muntu akatwunga.

Abana baritegereza ishusho 4.1.1 iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Nibarangiza barakora ibibazo byabajijwe kuri iyo shusho.

1. Vuga itandukaniro riri hagati yabariya bantu.
2. Ese hari aho wabonye abantu bicaye bameze nk'abo abona kuri iyishusho?
3. Umuntu aguhemukiye ntagusabe imbabazi wabigenza gute?
4. Ubutabera ni iki?

5. Ni ibihe bikorwa utekereza abantu bakora ngo bagire amahoro?
6. Ni iyihe sano iri hagati y'ubutabera n'amahoro?

Ibisubizo

1. Hari abantu bambaye amakanzu (abacamanza) bicaye ku ntebe n'abandi bahagaze.
2. Buri mwana aravuga niba yarababonye.
3. Wamurega.
4. Ni uguha buri Muntu icyo afitiye uburenganzira.
5. Kwirinda kubangamira abandi no gusaba imbabazi igihe wakozeje.

Nyuma mwarimu azabaha incamake y'isomo bize.

Ibisubizo by'isuzuma 4.1(Igitabo cy'umunyeshuri)

1. a) Amahoro
b) Mana
2. Ni uguha uMuntu icyo afitiye uburenganzira mu gihe gikwiye urwanya akarengane.
3. Mu isengesho

4.6.2. Gukemura amakimbirane

a. Intego zirahiye :

- **Ubumenyi:** Kuvuga ibyubaka amahoro mu mitima y'abantu
- **Ubumenyigiro:** Kugaragaza akamaro k'amahoro yuzuye
- **Ubukeshya:** Gukumira icyo aricyo cyose cyahungabanya amahoro mu mitima y'abantu.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, amashusho y'abantu bashyamiranye, filimi zijyanye n'ibikorwa by'ubutabera n'amahoro.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (ubusobanuro bw'ubutabera n'amahoro)

Isomo nyirizina

Mu matsinda, bana baritegereza amashusho 4.2.1 na 4.2.2 ari mu gitabo cy'umunyeshuri. Nibarangiza mwarimu arabasaba gukora ibibazo byayabajijweho.

1. Abantu bari ku ishusho ya mbere barimo gukora iki?
2. Ishusho ya kabiri igaragaza abantu bameze bate?

Ibisubizo

1. Barimo kurwana
2. Umuyobozi arimo kunga umugore n'umugabo mu rugo iwabo.
3. Abantu barwana bapfuye kutumvikana ku kintu runaka.

Nyuma mwarimu arabaha incamake y'isomo bize.

Isuzuma

Ibisubizo by'isuzuma 4.2 (Igitabo cy'umunyeshuri)

1. Uburakari
Inzika
Umururumba
Kutava ku izima
Icyenewabo
2. Buri mwana aravuga uko abanye n'abandi n'uburyo bikemurira ibibazo
3. Buri mwana aravuga uko bimeze.
4. Nabegera, nkabunga, nkabasaba gusabana imbabazi.

4.6.3. Imigenzo mbonezabupfura iganisha ku butabera n'amahoro.

a. Intego zirahiye :

- **Ubumenyi:** Kurondora ibyahunzabanyamahoro y'umutima.
- **Ubumenyigiro:** Kugaragaza akamaro k'amahoro yuzuye.
- **Ubukeshya:** Gukumira icyo ari cyo cyose cyahunzabanyamahoro mu mitima y'abantu.

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, amashusho y'itsinda ry'abantu barimo baganira ku butabera n'amahoro; umugabo n'umugore bagiye gusenga; filimi zijyanye n'ibikorwa by'ubutabera n'amahoro.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu arabaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (Gukemura amakimbirane) .

Isomo nyirizina

Mu matsinda, abana baritegereza amashusho 4.3.1 na 4.3.2 aboneka mu gitabo cy’umunyeshuri nyuma basubize ibibazo byabayajijweho.

1. Abantu bari ku ishusho ya mbere bari gukora iki ?
2. Ese urinya muryango uri ku ishusho ya kabiri ubanye mu mahoro?
3. Urugo rurimo amahoro rurangwa n’iki?

Ibisubizo

1. Umuyobozi arimo araganiriza abaturage ibyiza by’amahoro.
2. Yego
3. Ubwumvikane, urukundo, kubahana n’ibindi.

Nyuma mwarimu arabaza incamake y’isomo bize.

Ibisubizo by’isuzuma 4.3 (Igitabo cy’umunyeshuri)

1. a. Imana ishaka ko tubana mu mahoro.
b. Abatwanga (abanzi bacu).
c. Urukundo.
d. Ukuri.
e. Kwihangana.
f. Kubabarira.
g. Kugira impuhwe.
h. Gushyira hamwe.
i. Kutabogama.
j. Kwiyoroshya.
k. Kubahana.
l. Kutihorera.
2. Abantu bose (Abana, abakuru, inshuti,n'abatwanga) ntavangura iryo ariryo ryose.

4.6.4. Isano iri hagati y'ubutabera n'amahoro.

a. Intego zirahiye :

- **Ubumenyi:** Kurondora ibyabungabanya amahoro y'umutima
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura isano riri hagati y'ubutabera n'amahoro.
- **Ubukeshya:** Gukumira icyo aricyo cyose cyabungabanya amahoro mu mitima y'abantu

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, amashusho y'itsinda ry'abantu barimo baganira ku butabera n'amahoro; inkuru.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu arabaza abana ibibazo ku busobanuro bw'ubutabera n'amahoro.

Isomo nyirizina

Mwarimu arafasha abana gusom no kumva inkuru dusanga mu gitabo cy'umunyeshuri nyuma basubize ibibazo byayibajijwe .

1. Abanyeshuri barimo bakora iki?
2. Ni iki cyateye umukinnyi gukubita umusifuzi?
3. Umunyeshuri warwanye yari kwitwara ate umukino urangiye?
4. Umusifuzi yabigenje ate abonye bamukubise bakanamucira ishati?
5. Mwarimu yakemuye ate icyo kibazo?

Ibisubizo

1. Barimo bakina
2. Ni uko ikipe ye yari yatsinzwe
3. Yari kubabazwa n'ikosa yakoze akibwiriza agasaba imbabazi.
4. Yabibwiye mwarimu
5. Yasabye ababyeyi b'umwana kwishyura ishati, nyuma asaba umunyeshuri gusaba imbabazi umusifuzi.

Mwarimu araha abana incamake y'isomo bize nyuma abahe isuzuma.

Ibisubizo by'isuzuma 4.4 (Igitabo cy'umunyeshuri)

1. Kutabangamira abandi, kuvugisha ukuri n'ibindi (baratanga ibisubizo bitandukanye).
2. Amahoro abaho kubera ko ubutabera buriho.
3. Baratanga ibitekerezo bitandukanye.

Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe 4.5 (Igitabo cy'umunyeshuri)

1. Ku Mana.
2. Ni uguha buri Muntu icyo afitiye uburenganzira mu gihe gikwiye.
3. Uburakari, inzika, umururumba, kutava ku izima, icyenewabo n'ibindi.
4. Kurangwa n'imigenzo mboneazabupfura (urukundo, ukuri, kwihangana, kubabarira, kugira impuhwe, gushyira hamwe, kutabogama, kwiyoroshya...)
5. (Burimwana aratanga igisubizo cye).

4.7. Imyitozo y'inyongera

Ibibazo :

1. Ni iki kibuzabantu kuba inyangamugayo ?
2. Wakora iki kugira ngo wirinde amakimbirane na bagenzi bawe ?
3. Mu matsinda ni muhimbe agakino kerekana ingaruka z'ibikorwa bihungabanya amahoro mu mibereho y'abantu, umuryango cyangwa mu gihugu.

Ibisubizo :

1. Kwikunda birenze, ubwoba, kumvira buhumyi,... (abana bashobora gutanga ibindi bisubizo).
2. Kwirinda kugira uwo mbogamira, gutega amatwi buri wese, ... (abana bashobora gutanga ibindi bisubizo).
3. (Abana bazahimba udukino tunyuranye).

4.8. Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda kandi agahabwa inshingano kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitozo y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitozo yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeme bifasha buri umunyeshuri kugira icyo akora.

UMWIHARIKO W'ABAKIRISITU GATOLIKA



UMUTWE WA MBERE: MISA NTAGATIFU

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gutandukanya no gusobanura ibice bya Misa.

Ubushobozi shingiro

Ubumenyi bw'ibanze kuri Misa n'umuhimbazo.

Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, uburezi budaheza, kubungabungaibidukikije.

Uburyo bwo gutangira umutwe

Kwereka abana amashusho imwe igaragaza abakirisitu bicaye bumva Misa n'umusaseridoti ahagaze imbere yabo abigisha n'indi igaragaza ibikoresho bya Misa; nyuma ababaze ibice n'ibikoresho bya Misa.

Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Igitambo cya Misa isengesho rikuru	Ubumenyi: Kumva neza icyo Misa ari cyo. Ubumenyingiro: Gusobanura ibikorwa muri buri gice cya Misa n'akamaro kabyo. Ubukeshya: Kwitabira Misa ntagatifu	1
2	Ibice bya Misa	Ubumenyi: Kuvuga ibice by'ingenzi bya Misa. Ubumenyingiro: Gutandukanya Misa n'andi masengesho. Ubukeshya: Kubana n'abandi akurikije ijambo ry'Imana.	2

3	Ibikoresho bya Misa	Ubumenyi: Gusobanura isano y'igitambo cy'ukarisitiya. Ubumenyigiro: Kwerekana isano iri hagati y'igitambo cy'ukarisitiya n'igitambo kivugwa mu isakamentu rya kera. Ubukeshya: Gutanga urugero rwiza rw'ubuyobokamana.	1
4	Isuzuma	-	1

Isomo rya 1: Igitambo cya Misa isengesho rikuru

a. *Intego zirahiye :*

- **Ubumenyi:** Kumva neza icyo Misa ari cyo.
- **Ubumenyigiro:** Gusobanura ibikorwa muri buri gice cya Misa n'akamaro kabyo.
- **Ubukeshya:** Kwitabira Misa Ntagatifu.

b. *Imfashanyigisho:* Bibiliya, indabo, imyambaro n'amabara, amashusho, ibyuma bisora amajwi.

c. *Uko isomo ritangwa:*

Intangiriro

Mu gutangira uyu mutwe, abana baritegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri; nyuma mwarimu abasabe basubize ibibazo byabajijwe kuri iyo shusho.

1. Wigeze ujya mu birori ?
2. Hari habaye iki ?
3. Abantu bajya gukora iki mu birori ?
4. Itegereze iyi shusho maze uvuge ibyo ubona byose.
5. Ukurikije ibyo ubona ku ishusho, ni hehe tubisanga?
6. Mu Kiliziya habera iki?

Ibisubizo

1. Yego
2. Buri wese aratanga ibisubizo bye.
3. Kwizihiza ibirori, gutega amatwi ibihavugirwa, ubusabane , n'ibindi.
4. Buri mwana aravuga ibyo abona.
5. Tubisanga mu Kiliziya
6. Misa, isengesho.

Isomo nyirizina: Igitambo cya Misa isengesho rikuru.

Mwarimu arashyira abana mu matsinda; nyuma basabe kwitegereza ishusho 1.1 iboneka mu gitabo cy'umunyeshuri. Nyuma abasabe gusubiza ibibazo byabajijwe kuri iyo shusho.

1. Ni iyihe minsi igize icyumweru ?
2. Ni kuwuhe munsu wa buri yumweru abakirisitu benshi bajya mu misa ?
3. Aho usengera haba misa zingahe ku yumweru ?
4. Wumva misa ya kangahe ?

Ibisubizo

1. Ku wa mbere, kuwa kabari, kuwa gatatu, kuwa kane, kuwa gatanu, kuwa nyuma (kuwa Gatandatu), ku Cyumweru.
2. Ku cyumweru.
3. Buri mwana arabisobanura akurikije aho asengera.
4. Buri mwana arabisobanura akurikije aho asengera.

Mwarimu arashyira abana mu matsinda ubundi baganire ku busobanuro bwa misa;nyuma bavuge ibyo babonye. Nibarangiza arabasomera ijambo ry'Imana (Ibyakozwe n'intumwa 2:42,26)

Mwarimu arasoza isomo aha abana incamake y'isomo bize; nyuma abahe isuzuma risoza isomo.

Ibisubizo ku Isuzuma 1.1 (Igitabo cy'umunyeshuri)

1. Misa ni ikoraniro rihebuje ry'abayoboke ba Kirisitu, bakikije umusaseridoti, bateze amatwi ijambo ry'Imana kandi batura igitambo cy'ukarisitiya (Reba gatigisimu p51 numero144)
2. Ku cyumweru n'ikindi gihe
3. Nambara imyenda imeshe, nkatuza kandi nkatega amatwi ijambory'Imana.

4. Ubu tubyita gutura igitambo cy'Ukarisitiya
5. Buri mwana aravuga icyo yungutse.

Isomo rya 2: Ibice bya Misa

a. Intego zihariye

- **Ubumenyi:** Kuvuga ibice by'ingenzi bya Misa.
- **Ubumenyigiro:** Gutandukanya Misa n'andi masengesho
- **Ubukeshya:** Kubana n'abandi akurikije ijamba ry'Imana

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, indabo, imyambaro n'amabara, amashusho, ibyuma bisohora amajwi.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mwarimu aratangira abaza abana ibibazo ku isomo baheruka kwiga (Igitambo cya Misa isengesho rikuru) mu rwego rwo kwibukiranya Misa icyo ari cyo. Mwarimu arabaha umwanya wo gukora ibibazo yababajije.

1. Misa ni iki ?
2. Ni ibihe bikorwa bitandukanye bikorerwa mu Misa ?
3. Tondeka ibikorwa bikorerwa mu Misa uherye mu kwinjira kugeza Misa ihumuje.

Buri mwana arasubiza akurikije uko abizi n'uko abyibuka.

Isomo nyirizina

Mwarimu arasaba abana kuvuga ibisubizo babonye. Mwarimu arabaha incamake y'isomo bize uwo munsu nyuma abahe isuzuma risoza isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 1.2 (Igitabo cy'umunyeshuri)

1. Ibice bya Misa ni bine
2. Ibice by'ingenzi bya Misa ni bibiri : Kwamamaza Ijambo ry'Imana no gutura igitambo cy'Ukarisitiya
3. Ku cyumweru hasomwa amasomo atatu: rimwe ryo mu isezzerano rya kera, irindi ryo mu Isezzerano Rishya n' Ivanjiri Ntagatifu.
4. Umuntu wese ubifitiye uburenganzira. Ni ukuvuga uwabatijwe akaba yarahawe isakaramentu ry'Ukarisitiya ya mbere kandi yumva umutima utamushinja icyaha gikomeye cyamubuza guhabwa Yezu.

Isomo rya 3: Ibikoresho bya Misa

a. Intego zihariye:

Ubumenyi: Gusobanura isano y'igitambo cy'Ukarisitiya.

Ubumenyingiro: Kwerekana isano.

Ubukeshya: Gutanga urugero rwiza rw'ubuyobokamana

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, indabo, imyambaro n'amabara, amashusho y'ibikoresho bya Misa, ibyuma bisohora amajwi.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro

Mu matsida, mwarimu arabaza abana ibikoresho babona bikoreshwamu rygo iwabo.

Isomo nyirizina

Mu matsinda, abana baritegereza ishusho 1.3.2 iboneka mu gitabo cy'umunyeshuri.

Nyuma baravugaga ibyo babonye ndetse bavugaga ibikoresho bya Misa basanzwe bazi.

Mwarimu aratanga incamake y'isomo bize nyuma abahe isuzuma

Ibisubizo by'isuzuma 1.3 (igitabo cy'umunyeshuri)

1. Burimwana aravugaga ibyo yabonye.
2. Gusoma ijambo ry'Imana, guhereza n'ibindi.
3. Kwirinda kubyangiza, kwirinda kurya hositiya no kunywa kuri divayi ntabihawe n'ubishinzwe.

Isuzuma risoza umutwe

1. Misa ni ikoraniro rihebuje ry'abayoboke ba Kirisitu, bakikije umusaseridoti, bateze amatwi ijambo ry'Imana kandi batura igitambo cy'ukarisitiya (Reba Gatigisimu p51 numero144).
2. Kwifata neza, gutuza no guteza amatwi Ijambo ry'Imana.
3. Ku Cyumweru basoma amasomo atatu.
4. Ibice by'ingenzi bya Misa ni bibiri.
5. Kwirinda kubyangiza.

Imyitozo y'inyongera:

Ibibazo :

1. Buri mukirisitu ategetswe kumva ibice bya Misa byingenzi bingahe?
2. Abakirisitu ba mbere bashishikariraga iki?
3. Kuki abana bo mu mwaka wa mbere batemerwe guhabwa ukarisitiya?

Ibisubizo:

1. Umukirisitu ategetswe kumva ibice bibiri by'ingenzi bya Misa: Kwamamaza ijambo ry'Imana no gutura igitambo cy'ukarisitiya.
2. Kumva inyigisho z'intumwa, gushyira hamwe, kumanyura umugati no gusenga.
3. Kubera ko baba batarahabwa isakaramentu ry'ukarisitiya ya mbere.

Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda kandi agahabwa inshingano kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitozo y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitozo yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeye bifasha buri munyeshuri kugira icyo akora.

UMWIHARIKO W'ABAPOTESITANTI

UMUTWE WA MBERE: UBUTURO BWERA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kugaragaza akamaro n'imirimo yakorerwaga mu buturo bwera.

Ubushobozi shingiro

Ubumenyi bw'ibanze ku gusenga no gusaba imbabazi igihe wakoze icyaha.

Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

Uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, umuco w'amahoro, ubuziranenge, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu.

Uburyo bwo gutangira umutwe

Umwarimu azereka abana ishusho iriho urusengero n'izindi nyubako nyuma ababaze itandukaniro ry'ibikorera muri izo nyubako.

Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Amabwiriza yo kubaka ubuturo bwera	Ubumenyi: Kuvuga ibice byari bigize ubuturo bwera n'imirimo yakorerwaga muri buri gice. Ubumenyingiro: Gutandukanya ahera n'ahera cyane Ubukeshya: Kubaha abayobozi b'itorero, urusengero na bagenzi be.	1

2	Ibikoresho n'imirimo yakorerwaga mu buturo bwera	Ubumenyi: Kuvuga ibice byari bigize ubuturo bwera n'imirimo yakorerwaga muri buri gice. Ubumenyigiro: Gusobanura ibyakorerwaga muri buri gice cy'ubuturo bwera. Ubukeshya: Kubaha abayobozi b'itorero, urusengero na bagenzi be.	1
3	Ibirebana n'abatambyi muri Bibiliya	Ubumenyi: Kugaragaza icyo umutambyi ari cyo n'uburyo yashyirwagaho. Ubumenyigiro: Gutandukanya igitambo cya Yesu n'icy'abatambyi bo mu isezerano rya kera. Ubukeshya: Gutekereza ituro akwiriye gutura Imana.	1
4	Yesu umutambyi mukuru	Ubumenyi: Kumenya itandukaniro riri hagati ya Yesu n'abatambyi ba kera. Ubumenyigiro: Gutandukanya igitambo cya Yesu n'icy'abatambyi bo mu isezerano rya kera Ubukeshya: Kwihana igihe cyose uguye mu cyaha ubinyujije ku mutambyi mukuru ariwe Yesu.	1
5	Isuzuma risoza umutwe wa mbere		1

Ibiteganywa gukorwa mu kwigisha aya masomo

Amabwiriza yo kubaka ubuturo bwera

a. Intego yihariye :

Ubumenyi: Kuvuga ibice byari bigize ubuturo bwera n'imirimo yakorerwaga muri buri gice.

Ubumenyingiro: Gutandukanya ahera n'ahera cyane

Ubukeshya: Kubaha abayobozi b'itorero, urusengero na bagenzi be.

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, ibishushanyo by'ubuturo bwera, igitabo cy'umunyeshyri cy'iyobokamana.

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Niba urusengero ruri hafi, mwarimu azasohora abana abajyane mu rusengero bitonze bitegereze uko mu rusengero imbere hameze.

Mwarimu azasaba abana gusubira mu ishuri ryabo.

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda nyuma abasabe kwigereza amashusho 1.1.1 na 1.1.2 ari mu gitabo cy'umunyeshyri, no gusubiza ibibazo by'igikorwa 1.1.1.

Ibisubizo ku mwitozo 1.1

1. Urusengero: gusengerwamo, Ishuri : kwigiramo, inzu : guturamo, Ibitaro : kwivurizamo,....
2. Urusengero ni inyubako abantu basengeramo bakumvane ijamba ry'Imana. Urusengero ni nzu y'Imana naho izindi inyubako zikorerwamo gahunda z'abantu.
3. Kumva ijamba ry'Imana, kuririmba indirimbo z'Imana, gusenga, gutura, kujya ku igaburo ryera,....

Ibisubizo ku mwitozo 1.1.1

1. Bafite ibikoreshe by'ubwubatsi: amasuka, ibitiyo, imyiko, amapiki,
2. Umuntu ubahagaze imbere arabaha amabwiriza y'uko bagomba kubaka.
3. Guhinga, kubaka, gutera ibiti ...

Mwarimu azafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya Kuva 25:1-2; 8-9.
Mwarimu azafasha abana kumva ibyo basomye muri Bibiliya no kubaha incamake.

Ibisubizo by'isuzuma 1.1

1. Ubuturo bwera ni inyubako Imana yategetse Mose ko abisiraheli bayiyubakira.
2. Mose yahuriye n'Imana ku musozi wa Sinayi.
3. Kwicisha bugufi, kwifataneza, kudasakuza, kutarangara.... (Abana bashobora kuvuga n'indi myifatire y'uMuntu uri mu rusengero.)

Ikikoresho n'imirimo yakorerwaga mu buturo bwera

a. Intego yihariye :

Ubumenyi: Kuvuga ibice byari bigize ubuturo bwera n'imirimo yakorerwaga muri buri gice.

Ubumenyingiro: Gusobanura ibyakorerwaga muri buri gice cy'ubuturo bwera.

Ubukeshya: Kubaha abayobozi b'itorero, urusengero na bagenzi be.

b. Imfashanyigisho: Bibiliya, ibishushanyo by'ibikoresho byo mu buturo bwera.

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Amabwiriza yo kubaka ubuturo bwera.)

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda nyuma abasabe kwitegereza ishusho 1.2.1 iri mu gitabo cy'umunyeshuri, no gusubiza ibibazo by'igikorwa 1.2.1.

Ibisubizo by'igikorwa 1.2

1. Ameza, isanduku, igitereko cy'itara.
2. Ameza bayaterekaho ibyo kurya, isanduku ibikwamo ibintu by'agaciro, igitereko cy'itara gituma urumuri rw'itara rusakara hosemu nzu.
3. Kwitonda, gutega amatwi, guca bugufi, kutarangara,...

Mwarimu azasobanurira abana imiterere y'ubuturo bwera, ibikoresho byari bibugize n'imirimo yakorerwaga muri bwo.

Mwarimu azaha abana incamake y'isomo bize.

Ibisubizo by'isuzuma 1.2

1. Ahera, ahera cyane, urugo ruzengurutse ubuturo bwera.
2. Isanduku, Ameza, Igitereko cy'amata, igicaniro, icyotero, igikarabiro,...
3. Gutambira Imana ibitambo

Ibirebana n'abatambyi muri Bibiliya

a. Intego yihariye :

Ubumenyi: Kugaragaza icyo umutambyi ari cyo n'uburyo yashyirwagaho.

Ubumenyingiro: Gutandukanya igitambo cya Yesu n'icy'abatambyi bo mu isezerano rya kera.

Ubukeshya: Gutekereza ituro akwiriye gutura Imana.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, ibishushanyo by'ubuturo bwera

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Ibikoresho n'imirimo yakorerwaga mu buturo bwera)

Isomo nyirizina

Mwarimu azashyira abana mu matsinda nyuma abasabe kwitegereza ishusho 1.3.1 iri mu gitabo cy'umunyeshuri, no gusubiza ibibazo by'igikorwa 1.3.1

Ibisubizo ku gikorwa 1.3

1. Ku ishusho hari intama, umugabo wambaye ikanzu (umutambyi), urutambiro,...
2. Arimo gutamba.
3. Kubwiriza, kubatiza, gusengera abakristo, ... (abana bashobora kuvuga n'indi mirimo Pasitoro akora.)

Mwarimu azafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya Abalewi 8:1-9, nyuma abafashe kumva ibyo basomye.

Mwarimu azaha abana incamake y'isomo bize.

Ibisubizo by'isuzuma

1. Abatamby bari abantu batoranijwe n'Imana ngo bayikorere.
2. Inshingano y'umutambyi ni uguhuza abantu n'Imana babatambira ibitambo.
3. Abatambyi bakomokaga kuri Aroni
4. Kwicisha bugufi, kubumvira, kububaha, (abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye.)

Yesu umutambyi mukuru

a. Intego yihariye :

Ubumenyi: Kumenya itandukaniro riri hagati ya Yesu n'abatambyi ba kera.

Ubumenyigiro: Gutandukanya igitambo cya Yesu n'icy'abatambyi bo mu isezerano ry'abakera

Ubukeshya: Kwihana igihe cyose uguye mu cyaha ubinyujije ku mutambyi mukuru ariwe Yesu.

b. Imfashanyigisho : Bibiliya, ibishushanyo bya Yesu abambwe ku musaraba, igitabo cy'umunyeshyamba cy'iyobokamana.

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

Mwarimu azabaza abana ibibazo by'isubiramo ku isomo riheruka (Ibirebana n'abatambyi muri Bibiliya)

Isomo nyirizina

Gusaba abana kwitegereza ishusho 1.4.1 nyuma mwarimu agaha abana bari mu matsinda igikorwa 1.4.1.

Ibisubizo by'igikorwa 1.4.1

1. UMuntu uri ku ishusho arabambwe.
2. Yesu
3. Ibyaha byacu nibyo byatumye abambwa ku musaraba.

Mwarimu azabafasha abana bari mu matsinda gusoma muri Bibiliya Abaheburayo 2:17,18.

Mwarimu azafasha abana kumva neza ibyanditswe muri Bibiliya nyuma abahe incamake y'isomo.

Ibisubizo by'isuzuma 1.4

1. Yatubambiwe ku musaraba.
2. Yavutse nkatwe, yagize inzara, yagize inyota, yageragejwe na Satani...
3. Ubutumwa bwiza ku bantu ni uko Yesu yapfiriye ibyaha byacu, arahambwa ku muni wa gatatu arazuka.
4. Kwihana, gusenga, kubabarira abandi, kuja mu rusengero... (Abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye.)

Ibisubizo by'isuzuma ry'umutwe wa mbere

1. Ubuturo bwera ni inzira Imana yakoresheje ngo yongere kubana natwe.
2. Kwicisha bugufi, kudasakuza, kutarangara, kudasohoka hato na hato (Abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye.)
3. Ahera, ahera cyane, n'urugo rukikije ubuturo bwera.
4. Isanduku y'isezerano, ameza yo guterekaho imigati, icyotero, igitereko cy'amatabaza, igicaniro...
5. Umutambyi yari uMuntu watoranijwe n'Imana ngo ayikorere.
6. Guhuza abantu n'Imana abatambira ibitambo.
7. Abatambwi bakomokaga kuri Aroni.
8. Yesu yadupfiriye ku musaraba.
9. Yavutse nkatwe, yagize inzara, yagize inyota, yarageragejwe...
10. Yesu yafiriye ibyaha byacu, arahambwe ku muni wa gatatu arazuka.
11. Kumwizera, kumukunda, gukunda abandi, kumusenga... (Abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye.)

Imyitozo y'inyongera

Ibibazo :

1. Vuga akamaro k'urusengero.
2. Isanduku y'isezerano yabaga mu kihe gice cy'ubuturo bwera ?
3. Yesu nk'umutambyi mukuru ubu akora iki mu ijuru ?

Ibisubizo :

1. Dusengeramo, twumviramo ijambo ry'Imana, tuhahirira n'abandi bizera,... (abana bashobora gutanga ibisubizo binyuranye).
2. Isanduku y'isezerano yabaga ahera cyane.
3. Ahora atuvugira imbere y'Imana.

Amakuru y'inyongera

1. Gukoresha uburyo bufasha abanyeshuri kuvumbura no kwihangira udushya.
2. Gushishikariza abanyeshuri gukorana n'abandi mu rwego rwo gufashanya.
3. Gutora umunyeshuri uyobora abandi mu itsinda kandi agahabwa inshingano kandi amatsinda n'abayobozi bikajya bihindagurika.
4. Amatsinda mato cyangwa manini agomba kuba agizwe n'abahungu n'abakobwa, abumva buke n'abumva vuba kugira ngo bafashanye.
5. Imyitozo y'inyongera igenewe abanyeshuri bumva buke n'abumva vuba ; ariko abumva buke bakora imyitozo yoroshye cyangwa bagahabwa igihe kinini.
6. Kuvanga ibibazo byoroshye n'ibikomeye bifasha buri munyeshuri kugira icyo akora.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. « JE SUIS LE DIEU DES VIVANTS » (Le 20-38), Livre du Maitre, Editions Bibliques et Liturgiques, Kigali 2007.
2. « NTEZE AMATWI DAWE », Igitabo cy'Umwarimu, Editions Bibliques et Liturgiques, Kigali 2007.
3. Gatigisimu P. 51 numero 144
4. « KUBAHO TURANGWA N'UKWEMERA MURI YEZU KRISTU », IGITABO CY'UMWARIMU, Editions Bibliques et Liturgiques, Kigali 2015
5. INTEGANYANYIGISHO Y'AMASOMO MBONEZAMUBANO N'UBUMENYI BW'IYOBOKAMANA, P1-93, Kigali, 2015
6. « IMANA YAREMEYE Muntu KUBANA N'ABANDI », IGITABO CY'UMWARIMU, Editions Bibliques et Liturgiques, Kigali 2016.
7. Mwebwe se muvuga ko ndi nde ? Amashuri yisumbuye n'agamije imyuga, Umwaka wa mbere, Igitabo cy'umwarimu.
8. Mwebwe se muvuga ko ndi nde ? Amashuri yisumbuye n'agamije imyuga, Umwaka wa mbere, Igitabo cy'umunyeshuri.
9. Nkura nunguka ubugingo bw'Imana, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa Kabiri.
10. « Muri urumuri rw'isi » (Mt. 5,14), Umwaka urangiza amashuri abanza, Igitabo cy'umwarimu.
11. « Ingoma y'Imana iri hagati yanyu » (Lk. 17,21), Igitabo cy'umwarimu , Umwaka wa gatanu.
12. « NDI IMANA Y'ABAZIMA » (Lk 20, 38), IGITABO CY'IMWARIMU, Editions Bibliques et Liturgiques, Kigali, 2016.
13. BIBILIYA NTAGATIFU, VERBUM BIBLE B.P. 7463, KINSHASA/Rép. Dém. Du Congo. 1997
14. BIBILIYA IJAMBORY'IMANA, Une nouvelle traduction par La Societe Biblique du Rwanda, 2004
15. BIBILIYA YERA, ABU 1957
16. [www. languages .biblesschools.com](http://www.languages.biblesschools.com)

Inyoborabarezi y'isomo
Ry'ubumenyi mboneza mubano
Igice cy'iyobokamana rya Isilamu

IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO

1.0. Ibyerekeye iyi nyoborabarezi

Iki gitabo ni inyoborabarezi izafasha umwarimu wigisha isomo ry'iyobokamana mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Ni igitabo kizafasha umwarimu gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiye ku bushobozi by'umwihariko mu isomo ry'iyobokamana. Nk'uko izina ryacyo ribivuga, ni inyoborabarezi yafasha umurezi gutegura amasomo ye. Umwarimu ashobora guhitamo gukoresha urugero rw'imbata y'isomo iri muri iyi nyoborabarezi ariko anitezweho ubushobozi bwo kuba yahanga irenzeho cyangwa akagira ubundi buryo ategura isomo rye bitewe n'imiterere yihariye y'isomo cyangwa y'ishuri.

Imiterere y'inyoborabarezi

Iki gice kiragaragaza imiterere rusange y'iyi nyoborabarezi, imiterere y'umutwe n'imiterere y'isomo byafasha umwarimu kumva uduce dutandukanye tw'iyi nyoborabarezi n'ibyo azagenda ahura na byo muri buri gace.

Imiterere rusange y'inyoborabarezi

Iyi nyoborabarezi igizwe n'ibice bitatu by'ingenzi bikurikira :

Igice cya mbere : Intangiriro

Iki gice kiyobora muri rusange mu guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo, uburyo bwo guhuza ingingo nsanganyamasomo n'isomo, uko umwarimu yafasha abafite ubumuga, kwita ku buryo bw'imyigishirize buha uruhare umunyeshuri wiga isomo ry'ubugeni, n'ibyerekeye isuzuma.

Igice cya kabiri : Urugero rw'imbata y'isomo

Iki gice kiragaragaza urugero rw'imbata y'isomo yateguriwe gufasha umwarimu gutegura izindi mbata z'amasomo.

Igice cya gatatu : Imiterere y'umutwe

Buri mutwe ugizwe n'uduce dukurikira :

Izina ry'umutwe : riboneka mu nteganyanyigisho

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : buboneka mu nteganyanyigisho

Ubushobozi w'ingenzi bugamijwe

Aka gace kavuga ku bumenyi, ubumenyingingiro n'ubukesha bigaragara mu mutwe. Ubushobozi shingiro bugenda bwigaragaza hagati mu mitwe no mu masomo. Umwarimu azabona ibigaragaza ubushobozi shingiro n'ibyamuyobora mu kubihuza n'amasomo atandukanye.

Ingingo nsanganyamasomo zigomba kwitabwaho

Aka gace kagena ingingo nsanganyamasomo zishobora kuboneka mu mutwe. Ibiri muri aka gace ni inyunganizi, umwarimu afite uburenganzira bwo gufata iyindi ingingo nsanganyamasomo bitewe n'imiterere y'imyigishirize. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho ni nk'uburinganire bw'ibitsina byombi mu gihe umwarimu akora amatsinda.

Kwimakaza umuco w'amahoro igihe bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo ku byo bakoze.

Umuco wo kugenzura n'ubiziranenge igihe abanyeshuri ubwabo bazita kandi bakwitwararika kuri buri cyose, basukura aho bakoreye, birinda ibyabanduza cyangwa ibyabagirira nabi byose. Umwarimu azagerageza arebe muri buri mutwe izindi ingingo nsanganyamasomo zakwigishwa zigishwemo uko bikwiye

Ibyerekeye uburyo bwo gutangira umutwe

Buri mutwe utangirana igikorwa mvumburamatsiko. Mu gutangira umutwe uwo ari wo wose umwarimu agomba kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri akabatera inyota yo kumva bashatse kumenya byinshi biwerekeyeho.

Urutonde rw'amasomo

Ni agace kagaragaza imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe, intego za buri somo ziva mu nteganyanyigisho n'igihe buri somo rizamara. Nyuma y'uru rutonde rw'amasomo umutwe uratangira.

Umusozo wa buri mutwe

Ku musozo wa buri mutwe iyi nyoborabarezi iteganya uduce dukurikira :

- Isuzuma risoza umutwe rigizwe n'ibibazo ku byizwe muri uwo mutwe bigamije gusuzuma intera n'ubushobozi abanyeshuri bagezeho.
- Imyitozo y'inyongera ni imyitozo ifasha kumvikanisha neza isomo, igakarishya ubumenyi n'ubushobozi by'abanyeshuri bafata vuba. Mu myitozo y'inyongera kandi habamo ifasha abanyeshuri bagenda buhoro kugira aho bava n'aho bagera.

Imiterere ya buri somo

Buri somo rigizwe n'uduce dukurikira :

Isomo rya :

a. Intego zihariye.....

b. Imfashanyigisho

c. Uko isomo ritangwa

- **Ubushobozi shingiro/isubiramo/n'intangiriro y'isomo rishya**

Aka gace gaha umwarimu amabwiriza asobanutse y'uko yatangira isomo.

- **Imfashanyigisho**

Aka gace gateganya ibikoresho umwarimu ashobora kwifashisha mu gutanga isomo kugira ngo agere ku ntego zaryo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye.

- **Isomo nyirizina**

Aka gace kagaragaza incamake y'uburyo isomo nyirizina rigomba gutangwa rigasozwa n'isuzuma.

Aka gace gateganya ibikoresho umwarimu ashobora kwifashisha mu gutanga isomo kugira ngo agere ku ntego zaryo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye.

- **Uko isomo ritangwa**

Rizagira intangiriro cyangwa isubiramo hakurikireho isomo nyirizina.

Isomo nyirizina

Aka gace kagaragaza incamake y'uburyo isomo nyirizina rigomba gutangwa rigasozwa ni isuzuma.

1.1. Imyigire n'imyigishirize

1.1.1. Guteza imbere ubushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwazereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Inyigisho y'ubumenyi bw'iyobokamana ishingiyeye ku bumeningiro isaba cyane abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye. Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanyaga n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana.

Ubushobozi nsanganyamasomo	Urugero rw'ibikorwa byazamuraga ubushobozi nsanganyamasomo mu isomero ry'ubugeni
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	Ubushishozi bugaragara nk'igihe abanyeshuri nk'igihe abana basabwaga gusesengura inkuru bahawe maze bagatanga ibisubizo by'uko ikibazo cyakemuka burundu
Guhanga udushya	Guhanga udushya bizagaragara igihe umunyeshuri akoresheje intekerezo zimbitse aha bagenzi be igitekerezo gishya kiyane n'ibyo bakora bitsindagira indangagaciro rumaka ishingiyeye ku ihame nyobokamana baba bize.
Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni	ubufatanye nk'igihe bari gukorera mu matsinda basangira ibikoreshe bimwe na bimwe, igihe basoma ijamba ry'imana, baganira cyangwa bungurana ibitekerezo ku buzima bwabo bwa buri muni.
Gusabana mu Kinyanyarwanda abanyeshuri bimenyereza kunoza neza imikoresheze y'ururimi rwigwamo	Kujya impaka no kungurana ibitekerezo: abanyeshuri bunganirana bajya impaka bikabafasha gusabana mu rurimi bigamo. Ariko rimwe na rimwe hashobora kubaho kuvunda iyo umwarimu atabikurikiranye. Cyane cyane ku bana bo mu mashuri abanza kuganira ku ijamba ry'Imana bituma hari amagambo menshi mashya bunguka kandi bakoreshe mu buzima bwabo bwa buri muni.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi	Igihe bishoboka mu kwiga no guhora biyungura ubumenyi abanyeshuri bashobora gutegurirwa ingendoshuri mu mazu ndangamurage, ingendo nyobokamana cyangwa kugira uruhare mu bikorwa by'ubuyoboze bibera ku ishuri cyangwa mu rugo. Ibi bituma bahorana amatsiko yo guhora biyungura ubumenyi mu bintu bitandukanye.
------------------------------------	--

Ingingo nsanganyamasomo	Urugero rw'aho ingingo nsanganyamasomo zishobora kugaragara mu isomo ry'ubugeni
Uburezi budaheza	Iyi nsanganyamasomo yakubahirizwa mu gihe abana bose basoma Ijambo ry'Imana kimwe kandi bagasobanurirwa ibirikubiyemo kimwe hitawe kubyo buri mwana akeneye
Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Abahungu n'abakobwa bagira uruhare rungana mu gusoma Ijambo ry'Imana no gufata inshingano zinyuranye kandi mu ibikorwa bahabwa bakajya mu matsinda bavanze abahungu n'abakobwa. Bikorwa kandi ibitekerezo bya buri mwana, umuhungu n'umukobwa byitaweho ku rugero rungana.
Umuco w'amahoro	Isomo ry'iyobokamana rigamije kwimakaza indangagaciro mu bana bato. Ni ngombwa rero ku mu byo abana biga basobanukirwa neza umuco w'amahoro ndetse bakimakaza indangagaciro zaba izishingiye ku muco cyangwa kw'iyobokamana. Bityo rero, Umuco w'amahoro ugaragara igihe bungurana ibitekerezo, bajya impaka ku ngingo iyi n'iyi kandi bakiga kubaha igitekerezo cya buri wese, bakimakaza ubwuzuzanye mu budasa.

Ubuziranenge	Ubuziranenge bugaragara igihe abanyeshuri bahitamo ibibafitiye akamaro bitakwangiza ubuzima bwabo. Ni ngombwa ko basobanukirwa ko hari imyitwarire igena igipimo cy'umuntu wemera Imana n'utayemera maze nabo bakiyemeza kuyoborwa n'iyi migenzo myiza ibatandukanya n'abandi bana batagira indangagaciro.
Kubungabunga ibidukikije	Ni ngombwa ko abanyeshuri basobanukirwa ko ibyaremwe byose bibereyeho muntu ngo abeho neza. Bityo, Umwarimu agomba guhora bashishikariza kwita ku rusibe rw'ibinyabuzima, kubaha bagenzi be no guhora baharanira kugira isi nziza nk'ubutuwma bahawe n'Imana.
Uburere mbonezabukungu	Abanyeshuri basobanurirwa ko bagomba gukora kugira ngo bagere kuri byinshi. Imana yabahaye ubwenge n'amaboko ngo babikoreshe bibeshaho, bityo rero kubona cyangwa kurya ibyo utavunikiye ni icyaha. Ibi kandi bijyana no gufasha abanda ariko bitarimo gusesagura kugira ngo buri wese abeho mu mahoro mo mu mudendeze

1.1.2. Kwita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumba neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumba neza umwarimu abica hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye. Mu gusoma Ijambo ry'Imana Umwarimu agomba kumenya abanyeshuri bafite ibibazo akabafasha mu byo bakeneye.

Abatabona neza abica akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite, byaba ari imbonahafi cyangwa indenzambono. Bityo abafite imbonahafi abica hafi, naho abafite indenzambono akabica mu myanya y'inyuma. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo, kandi uko bicaye bibafasha kwisanzura mu ishuri nta nkomyi.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

1.1.3. Ibyerekeye isuzuma

a. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu isomo ry'ubumenyi mbonezamubano n'iyobokamana mu gice cy'iyobokamana

- Kumva, gusesengura no guhuza ibyo asanzwe azi n'ibigiye kwigwa
- Kumva no gusesengura Ijambo ry'Imana
- Kuhuza ibyo yize mu isomo ndetse n'ubuzima bwa buri munsu
- Guhindura imyitwarire no kwimakaza indangagaciro ikubiye mu isomo yize

Mu isomo ry'iyobokamana, ikigamijwe cyane ni uguhindura umyitwarire y'umwana himakazwa indangagaciro zishingiye ku ngingo runaka yize, bityo ibyo yize bikaba umusemburo w'impinduka mu buzima bwe. Niyo mpamvu rero, ni ngombwa guhera ku bikorwa mvumburamatsiko bifasha umwana kuvumbura ibyo usanzwe azi abihuza n'ibigiye kwigwa. Ikindi kandi umwarimu agenda asuzuma buhoro buhoro ko umwana yumva neza ubutumwa bukubiye mu ijambo ry'Imana riba ryifashishijwe mu kwigisha. Hasuzumwa kandi ko umwana ahuza ibyo yiza n'ubuzima bwe bwa buri munsu bityo akagira imigambi mishya yiyemeza ishingiyeye ku guhinduka no kugukurikiza ibikubiye mu ihame nyobokamana yize. Ibi bituma yimakaza imyifatire mbonezabupfura iboneye ndetse n'indangagaciro zishingiye kubyo yemera haba ku ishuri, mu rugo cyangwa ahandi.

Buri ntogo igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu isomo (imyitozo, gusoma Ijambo ry'Imana, imikoro, ibizami,...).

1.1.4. Ibyerekeye imyitozo y'inyongera

Ni imyitozo ifasha abanyeshuri kumva neza isomo hitawe ku bushobozi bwa buri munyeshuri.

1.1.5. Uburyo bunyuranye abanyeshuri bafatiramo amasomo

Hari uburyo butandukanye bw'imyigishirize n'uburyo bwo kuyigeraho. Guhitamo uburyo bw'imyigishirize bigomba kwitonderwa cyane kandi hari ibigomba kwitabwaho nk'umwihariko w'amasomo, ubwoko bw'amasomo, intego zayo, imfashanyigisho uburyo abanyeshuri bicaye mu ishuri, ibikenewe kuri buri munyeshuri, ubushobozi bwe n'uburyo bwe bw'imyigire.

Hari uburyo bune bw'imyigire y'abanyeshuri busobanurwa mu buryo bukurikira:

1. Abanyeshuri b'umurava n'abanyeshuri b'abasesenguzi

Abanyeshuri b'umurava basobanukirwa neza ikintu iyo bakiganiraho, bagishyira mu bikorwa cyangwa bagisobanurira abandi. Naho abanyeshuri b'abasesenguzi bo basobanukirwa ikintu ari uko babanje kugitekerezaho cyane.

2. Abanyeshuri bagendera mu murongo umwe n'abanyeshuri b'abacukumbuzi

Aba ba mbere bakunda ibintu bifatika. Bakemura ibibazo banyuze mu nzira zagenwe (ntibakunda ibibagora) mu gihe ab'abacukumbuzi bakunda guhanga ibishya kandi ntibakunda gusubira mu bintu bimwe.

3. Abanyeshuri bitegereza n'abanyeshuri babwirwa

Abanyeshuri bitegereza bagaragazwa no kwibuka neza ibyo babonye cyangwa bitegereje n'amaso yabo (ibishushanyo, amashusho, amafoto, amafirimu...). Naho abanyeshuri babwirwa, bagaragazwa no kumva neza ibyo babwiwe mu magambo (ibyandikwa n'ibivugwa).

4. Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi n'abanyeshuri bumva muri rusange

Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi bo basobanukirwa binyuze mu gufashwa buhoro buhoro, berekwa isano iri hagati y'igice runaka n'ikikibanziriza cyangwa ikigikurikira. Naho abanyeshuri bumva muri rusange baherako basobanukirwa igitekerezo rusange cy'isomo, batagombye kwigora baryinjiramo ryose uko ryakabaye.

1.1.6. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Uburyo butandukanye bw'imyigire bwavuzwe haruguru bushobora kugerwaho mu gihe umwarimu akoresheje uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rw'ibanze mu myigire ye.

1. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri ni iki?

Ni uburyo bwinjiza abanyeshuri mu gukora no gutekereza ku byo bariho bakora. Muri iyi myigishirize, abanyeshuri bashishikarizwa kuzana ibyo bashoboye n'ibyo bazi igihe bariho biga.

2. Uruhare rw'umwarimu mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi

- Umwarimu afasha abanyeshuri akoresha uburyo bwo kubaza, uburyo bwo kuganira mu matsinda, ubushakashatsi, ibikorwa by'ubucukumbuzi n'imikoro ku giti cyabo
- Akoresha abanyeshuri isuzuma bwite cyangwa mu matsinda yaguye kandi agakoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi
- Aha abanyeshuri amahirwe yo kuzamura ubushobozi butandukanye bifitemo, abagenera ibyo gukora bizamura ubushishozi, ubushobozi bwo gukemura ibibazo, ubushakashatsi, guhanga ibishya, kuganira no gufatanya
- Umwarimu yifashisha ubu buryo bw'imyigishirize mu guha agaciro uruhare rw'abanyeshuri mu bikorwa byabo ku ishuri.

3. Uruhare rw'abanyeshuri mu myigire yabo

Abanyeshuri ni urufunguzo rw'imyigishirize ibaha uruhare mu myigire yabo. Ntabwo ari abo gufatwa nk'aho ntacyo bazi, ko umwarimu agomba kubafata nk'abantu bafite ibitekerezo, ubushobozi n'ubukesha byo kubakiraho imyigire ihamye. Umunyeshuri wiga muri ubu buryo ashobora:

- Kuganira no gusangiza abandi banyeshuri ibyo yifitemo binyuze mu kwerekana, kuganira n'abandi, imikoro y'amatsinda, no mu bindi bimuha uruhare rwo kwerekana ubushobozi bwe (kwigana, ubushakashatsi, ubucukumbuzi, n'ibindi)
- Kugira uruhare rugaragara no kugira inshingano ku myigire ye
- Kuzamura ubumenyi n'impano yifitemo, mu gukora
- Gukora ubushakashatsi n'ubucukumbuzi binyuze mu gusoma ibiri mu bitabo cyangwa kuri murandasi no kubaza abantu batandukanye, hanyuma akabwira abandi ibyo yagezeho
- Gutuma buri wese mu bagize itsinda rye agira uruhare mu mukoro watanze mu itsinda binyuze mu gutanga ibisobanuro, ubushishozi, inshingano no kwigirira ikizere mu gihe avuye mu ruhame
- Gutanga umwanzuro ushingiyeye ku byagezweho mu kwiga.

1.1.7. Ibice by'ingenzi by'isomo mu buryo bw'imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Ibiranga imyigishirize iha umunyeshuri uruhare byavuzwe haruguru bigaragara mu bice by'isomo bikurikira. Muri rusange, isomo rigabanyijye mu bice bitatu by'ingenzi, aho buri gice na cyo kigabanyijemo ibikorwa byinjiza abanyeshuri mu gikorwa cyo kwiga. Ibyo bice ni ibi bikurikira:

1. Intangiriro:

Intangiriro ni igice umwarimu yerekanamo ihuriro hagati y'isomo ry'uwo munsu n'isomo riribanziriza. Atangiza ikiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gutekereza ku byo bize mu isomo ryabanje no kubihuza n'itege y'isomo ry'uwo munsu. Umwarimu yibanda ku bumenyi bw'ingenzi, ubumenyingiro n'ubukesha bifatanye isano n'ibyo mu isomo rishya mu rwego rwo kubaka ishingiro rihamye no gukurikiza neza uruherekane.

2. Isomo nyirizina:

Isomo nyirizina rikubiyemo inyigisho nshya rikorwa mu ntambwe nto zikurikira: ibikorwa by'ivumburamatsiko, kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho, kubibaza umusaruro, gukora inshamake n'imyitozo cyangwa kubishyira mu bikorwa, nk'uko bisobanurwa muri ubu buryo:

Ibikorwa by'ivumburamatsiko

- **Intambwe ya mbere:**
 - Umwarimu asaba abanyeshuri kumenya ko uruhare rwabo mu myigire ari rwo rwa mbere.
 - Abaha ibyo gukora akanabaha amabwiriza yose abigenga (niba babikora mu matsinda yagutse, ya babiri babiri cyangwa niba ari buri muntu ukwe, kugira ngo bibafashe kuvumbura ubumenyi bugamijwe gutangwa)
- **Intambwe ya kabiri:**
 - Umwarimu areka abanyeshuri bagakora ibyo yabahaye, bakorana hagati yabo.
 - Muri iki gihe, yirinda guhita asubiza abanyeshuri ku bijyanye n'ibyateganyijwe kwigwa uwo munsu.
 - Agerageza kuba umuyobozi wabo ariko atabasubiriza ibibazo, ahubwo abayobora mu nzira igana ibisubizo, kandi agafasha abasigara inyuma.

Kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho

- Muri aka gace, umwarimu atumira abahagarariye amatsinda bakaza kwerekana imbere y'abandi banyeshuri ibyo amatsinda yabo yagezeho.
- Nyuma y'uko amatsinda atatu cyangwa ane amaze kwerekana ibyo yagezeho, umwarimu asaba abanyeshuri bese kubaza umusaruro ibyavuzwe n'amatsinda.
- **Kubaza umusaruro ibyagezweho n'abanyeshuri**
 - Umwarimu asaba abanyeshuri kugenzura umusaruro wavuye mu byakozwe: ibishyitse, ibituzuye neza n'ibitari byo.
 - Nyuma umwarimu agerageza kumva ukuri kw'ibyavuzwe n'abanyeshuri, agakosora ibyo bibeshye, akuzura ibituzuye, akemeza ibishyitse.

- **Umwanzuro/inshamake/ingero**

Umwarimu atanga inshamake y'ibyizwe kandi agatanga n'ingero zisobanura neza ibyizwe.

- **Imyitozo/gushyira mu bikorwa ibyizwe**

- Hatangwa imyitozo igendanye n'ibyizwe mu ishuri
- Hatangwa kandi imyitozo ishingiyeye ku buzima bwa buri munsu ariko bufitwe aho buhurira n'ibyizwe mu ishuri
- Umwarimu afasha abanyeshuri guhuza ibyizwe n'ubuzima bwa buri munsu. Kuri iyi ntera, uruhare rw'umwarimu ni ukuyobora abanyeshuri mu gucengerwa n'ibyo bize.

3. **Isuzuma**

Kuri iyi ntambwe, umwarimu abaza abanyeshuri bimwe mu bibazo agamije kureba niba intego z'isomo zagezweho. Muri iki gikorwa cy'isuzuma, buri munyeshuri asuzumwa ku giti cye. Umwarimu yirinda guhita atanga ibisubizo, ahubwo ibivuye mu isuzuma bikaba aribyo biha umwarimu icyo azakorera abanyeshuri muri rusange n'umunyeshuri ku giti cye. Rimwe na rimwe, umwarimu ashobora gusozza isomo atanga umukoro wo mu rugo.

- **Kugerageza**

Mu mikoro imwe n'imwe biba ngombwa ko abanyeshuri bagerageza uburyo butandukanye na za tekini kugira ngo bagere ku bisubizo basabwa bo ubwabo. Amwe mu magerageza abasaba guhera ku byo basanzwe bazi bakongerera ubumenyi mu ngiro butandukanye. Urugero nko mu masomo yo kubumba, gufuma no kuboha ni ukugerageza kuko baba bakiri bato ku buryo bakora nk'ibyo babona.

- **Gukorera mu matsinda**

Amatsinda agomba gukorwa hakurikijwe ubwinshi bwabo, ahantu bahererwa amasomo, ibikoresho bihaboneka n'ubwoko bw'ikigenderewe gukorwa. Biba byiza kuvanga abanyeshuri bafite impano zitandukanye hitawe no ku burunganire bw'ibitsina byombi. Nanone amatsinda agomba guhora ahinduka kugira ngo buri wese agire amahirwe angana n'ay'abandi.

- **Gusangira ibikoresho**

Ibikoresho bigira akamaro cyane mu gufasha abanyeshuri kwiungura ubumenyi mu bugeni n'ubukorikori. Bimwe muri ibyo bikoresho bisaba kwitonderwa mu kubikoresha kugira ngo hirindwe impanuka byateza. Ni byiza gukurikirana uburyo bwo gutizanya ibikoresho kugira ngo hataba kwikubira cyangwa gusesagura. Ni byiza gushyira ibikoresho biri mu bidukikije bya hafi.

Gushingira ku buzima bumwe mu buryo bwo kwigisha iyobokamana.

Gushingira k'ubuzima wigisha iyobokamana ni bumwe mu buryo bwo kwigisha no kwiga iyobokamana mu mashuri abanza. Gushingira ku buzima bisobanura kwigisha iyobokamana uhereye ku bintu bifatika, bigaragara kandi biri mu buzima bwa buri muni bw'abanyeshuri. Ibi bibafasha kumva no gushobanukirwa neza ibyo biga no gukurikiza amahame y'imyemerere runaka mu buzima bwabo bwa buri muni.

Ubu buryo kandi bugaragaza ko Imana ibwira buri wese mu buzima abamo kandi bukirikira cyane ku buzima bwa buri muni bw'abanyeshuri nk'ishingiro mu kwigisha iyobokamana. Umwe mu bahanga mu byo kwigisha Grimmer yaravuze ati "Imyemerere ntiyigishwa nkaho ifatika cyangwa igaragara kuko ubwo ari ibyo umuntu yiyumvamo".

Ubu buryo bugizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:

1. Ubuzima bwa buri muni

Muri iki gice, isomo ry'iyobokamana ritangira mwarimu afasha abanyeshuri gutekereza ku buzima bwabo bwa buri muni bijyanye n'isomo bagiyeye kwiga. Ibikorwa, udikimo, ikinamico, n'ibindi bifasha abana kwiga barabihabwa kugira ngo bibafashe kuvumbura isomo bari bwige uwo muni. Ibi bikorwa biba bigamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri no kubafasha gutekereza cyane ku ngingo cyangwa isomo riri bwige uwo muni. Ibi bikorwa bigamije kuvumbura amatsiko y'abana bishobora kuba udukino, kuganira ku ngingo runaka, ibikorwa bakora mu matsinda, ibibazo binyuranye, cyangwa kubwira abana udukuru dushimishije dutitanye isomo n'isomo ry'umuni kandi bifite aho bihuriye n'isomo ry'umuni.

2. Ijambo ry'Imana

Umwarimu asomera abanyeshuri Ijambo ry'Imana, akabafasha kurisoma aho bishoboka kandi atanga ibisobanuro aho bibayeho ngombwa. Umwarimu yifashisha bimwe mu byakozwe n'abanyeshuri mu gikorwa mvumburamatsiko kugira ngo yumvikanishe neza isomo rye. Muri iki gice kandi hibandwa gusoma ijambo ry'Imana rijyanye n'isomo ry'umuni.

3. Gusobanura

Umwarimu asobanura mu magambo make ingingo z'ingenzi akoresheye ibikoresheye nyabyo kugira ngo yumvikanishe isomo and rirushaho gushimisha abana. Bumwe mu buryo bwifashishwa ni kungurana ibitekerezo mu matsinda, ibibazo n'ibisubizo, gukora incamake y'ibyo bize, bishobora kwifashishwa kugira ngo abanyeshuri bacengerwe n'ibyo bize. Umwarimu kandi ahitamo indangagaciro zijyanye n'isomo akazitsindagira kandi kandi agatoza abanyeshuri kuzikurikiza. Umwarimu kandi agaragaza ihame shingiro ry'iyobokamana ryigishijwe rijyanye n'isomo kugira ngo abana barimenye banarisobanukirwe.

4. Kwiyekezeaho

Muri iki gice, umwarimu agera kugaragaza akamaro k'isomo ryizwe mu buzima bw'abanyeshuri. Agerageza kandi gusuzuma niba intego z'isomo zagezweho ndetse n'indi myitwarire mbonezabwabo. Akoresheje ibikorwa binyuranye by'isuzuma, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bashobora guhuza ihame nyobokamana ryizwe n'ubuzima bwabo bwa buri muni. Muri iki gice kandi abanyeshuri baba bategerejweho guhinduka cyangwa kwiyemeza guhindura imyifatire yabo ndetse n'indangacyiro. Umwarimu agera kubungabunga uku guhinduka kw'abanyeshuri abafasha gukomeza gutekereza ku ihame ryizwe ndetse no kurishyira mu bikorwa mu buzima bwabo bwa buri muni.

Muri iki gice, umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo gutanga ibitekerezo no gusubiza ibibazo byatanze ku isomo. Kwigisha bishingiye ku buzima bushingira ku mitekereze yimbitse, gufatanya kw'abanyeshuri mu myigire yabo. Umwarimu asabwa gufasha abanyeshuri, kuvumbura amashuri bafite no kubafasha gusesengura, gushyirahamwe ibyo bize no kugaragaza uko babishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Uburyo bukoreshwa ni uburyo bukoreshwa bwagombye butuma abanyeshuri bagira indangacyiro. Buri ubu buryo twavuye nko kuganira mu matsinda mato, gusobanurirana, kujya impaka kungurana ibitekerezo,...

5. Umwanzuro

Mu mwanzuro, hagaragaramo incamake y'ibizwe. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo basubiza kugira ngo asuzume neza ko isomo ryizwe neza. Yibanda cyane ku ndangacyiro, imigenzo mbonezabwabo kugira ngo abanyeshuri babikurikize mu buzima bwabo bwa buri muni. Umwarimu akora incamake y'isomo agafasha abanyeshuri gufata ingamba n'imihigo yo kubahiriza no gukurikiza isomo ry'umuni.

IGICE CYA II : URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo:

Amazina y'umwarimu:

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w' abanyeshuri
1	.../.../20...	Iyobokamana	Wa 3	Wa 1	1	40 (iminota)	40
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		- Hari abanyeshuri 2 bafite ubumuga bwo kutavuga no kutumva neza; bicara aho begereye mwarimu.					
Umutwe		GUFATA MU MUTWE NO GUSOBANURA AMASURA.					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Umunyeshuri azaba shobora kuvuga amasura cumi n'atandatu mu mutwe no kuyasobanura.					
Isomo		Gusoma Surat Al-Humazat.					
Intego ngenamukoro		yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mumyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya Surat Al-Humazat , umunyeshuri araba abasha gusoma neza Surat Al-Humazat no kuvuga ibisobanuro byayo.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rizabera mu ishuri no hanze yaryo hakurikijwe imiterere y'igihe n'ikirere.					
Imfashanyigisho		Qur'an, Amashusho,					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Integanyanyigisho y'amasomo y'ubumenyi bw'imbonezamubano n'iyobokamana, ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, REB, Kigali, 2015.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiri babiri, koresha ibimenyetso n'amarenga kubana bafite ubumuga bwo kutavuga ntibumve, aravuga mu ijwi riranguruye kugirango ufashe abana batumva neza. Ibikorwa byose abana bakoreye mu matsinda barahabwa umwanya wo kubitangariza abandi.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro : Iminota 5	Ha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana na kane (104). Baza abanyeshuri isura ihari uko yitwa. Saba abanyeshuri kwitegereza uko yanditse banagerageze kuyisoma	Gufungura Qur'an igice k'ijana na kane (104). Nyuma yo gufungura bakagera kugice cya mbere, barahasanga isura yitwa Al-Humazat . Baritegereza bagerageze gusoma Surat Al-Humazat .	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo bigaragara igihe abanyeshuri basubiza. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara Mu kubaza abanyeshuri hitawe ku bukinganire bw'ibitsina byombi, hitabwa kandi no ku burezi budaheza.

Isomo nyirizina : Iminota 25	Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya surat Al-Humazat maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerageze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya Surat Al-Humazat maze bakuremo isomo ryo kwirinda kunegura abandi no kwirinda guhugira m'ugushaka indonke bikabibagiza gusenga Nyagasani kuko abakora ibyo bazajugunywa m'umuriro witwa Hutwamat.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Gukorera mu matsinda, birafasha abanyeshuri gushyira hamwe imbaraga zabo. Ingingo nsanganyamasomo -Kubungabunga ibidukikije. Mu kuganira ku nshingano Imana yahaye Muntu. - Umuco w'amahoro : Muntu agomba kurindira umutekano ibiremwa byose, bikabaho mu mahoro
---	--	---	--

Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Ha abanyeshuri imyitozo y'isuzuma. Kosora ibyo abanyeshuri bakoze. Tanga umukoro.	Abanyeshuri barakora imyitozo. Abanyeshuri barakurikira uko bakosorwa aho batakoze neza. Abanyeshuri baratahana umukoro.	Ubushobozi nsanganyamasomo :Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza. Abanyeshuri bose bitaweho mu gihe cy'isuzuma. Abafite ubumuga by'umwihariko bafashwa kumva ibyo bakora kandi bagenerwa imyitozo y'inyongera.
Isuzuma rya mwarimu: - Reba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho - Isuzume urebe ingingo zakugeza ku ntego z'isomo -Erekana ahagomba gushyirwa ingufu. +			

IGICE CYA III: IMITWE IGIZE IYI NYOBORABAREZI

UMUTWE WA 1: AMAHAME SHINGIRO Y'UKWEMERA KWA KISILAMU

1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kubaha, gusenga no gusingiza Imana imwe uko bikwiye.

1.2. Ubushobozi shingiro:

1.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe:

- **Umuco w'amahoro:** Kwiga amahame shingiro y'ukwemera Kwa Kisilamu bizafasha abana kugira umuco w'amahoro kuko bazigamo Ukwemera Imana kandi Imana yadukanguriye kubaho mumahoro no kuyaharanira.
- **Kubungabunga ibidukikije:** Kwiga inkingi zigize ukwemera Kwa Kisilamu, bizafasha abanyeshuri kumenyako Imana izacira urubanza buri muntu kubyo yakoze maze bitumen barushaho kubungabunga ibidukikije kuko kubyangiza ari icyaha gihanwa n'Imana.

1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Igikorwa mvumburamatsiko hifashishijwe amashusho afasha abanyeshuri kugaragaza ibyo bazi kumahame y'ukwemera Kwa kiyisilamu.

1.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Inkingi esheshatu zigize ukwemera kwa Isilamu.	Gusoma Qur'an yubahiriza amategeko yo gusoma Kuvuga mu mutwe (adasoma) amasura magufi ya Qur'an	
2	Imana ikwiye gusengwa ni Allah we wahanze byose.	Gusobanura amasura magufi ya Qur'an yamaze gufata mu mutwe	
3	Abamalayika b'Imana.	Gusesengura ibyiza byo gusoma no gufata mu mutwe amasura ya Qur'an Gusoma Qur'an kenshi no kwihatira gufata mu mutwe amasura yayo	
4	Ibisingizo bigomba guharirwa Allah.	Kwiringira Imana mu bihe byose Gukurikiza amategeko y'Imana nkuko agaragara muri Qur'an	

1.6 Amasomo

Isomo rya 1: Inkingi esheshatu zigize ukwemera Kwa Isilamu.

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), umunyeshuri araba abasha kuvuga atajijanyije inkingi esheshatu zigize ukwemera Kwa Isilamu.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Isilamu.

c. Uko isubiramomo ritangwa

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
- Ereka abanyeshuri amashusho urebe niba hari icyo bazi kubiremwa by'Imana. - Baza abanyeshuri ibyo baba bazi kumahame y'ukwemera kwa kisilamu	- Kwitegereza amashusho yahawe. - Kuganira ku byo babona ku mashusho. - Gusubiza ibibazo babajijwe Na mwarimu mu matsinda.

Isomo rya 1: Inkingi esheshatu zigize ukwemera Kwa Isilamu.

- Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), umunyeshuri araba abasha kuvuga atajijanyije inking esheshatu zigize ukwemera Kwa Islamu.
- Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- Uko isomo ritangwa :**

Intangiriro : Ganiriza abanyeshuri kubyaremwe byose, ubabaze kurondors ibyo bazi byose ibihumeka n'ibidahumeka, maze ubabaze inkomoko yabyo.

Baza abanyeshuri iherezo ry'ibiremwa wumve niba batekereza ko ibiremwa bizabaho ubuziraherezo ushingire ikibazo cyawe kubo abanyeshuri bazi bapfuye. Babaze uko batekereza bigenda iyo umuntu atakiri muzima.

Isomo nyirizina :

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda atandatu ahwanye n'inkingi esheshatu zigize ukwemera Kwa kisilamu maze ubahe amabwiriza yo gukurikiza. Ha buri tsinda urupapuro rwanditseho inkingi imwe (buri tsinda rihe inkingi itandukanye n'iyirindi) maze ubasabe kuyiganiraho bavuga icyo bayiziho nk'amazina n'inshingano. Genzurako abanyeshuri barimo bakora ibyo wabasabye kandi ko barimo bubahiriza amabwiriza. Saba abanyeshuri, itsinda kurindi, kugaragariza bagenzi babo ibyo bakoze. Kurikirana hafi abanyeshuri, ubafashe guhuriza hamwe ibyavuye mumatsinda unanonsore ibyo baba batakoze neza. Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyeshuri barajya mumatsinda, bitoremo umukuru wabo banakurikize amabwiriza. Mumatsinda, abanyeshuri baraganira kunkingi bahawe bungurane ibitekerezo kubyo bayiziho haba amazina cyangwa inshingano. Buri tsinda rirohereza urihagarariye kujya imbere agasobanurira abandi ibyo bakoze abahe n'umwanya wo kumubaza ibibazo. Barakurikirana neza ubugororangingo bwa mwarimu banandike ibivugwa mumakaye yabo. Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Isuzuma: 1.1**Ibisubizo by'isuzuma 1.1**

- Ukwemera kugamijwe muri iri somo ni ukwemera ku mutima, ukabyatuza ururimi ndetse n'ibihimba by'umubiri wawe byose ukabikoresha mu bikorwa byo kumvira Imana ibyo yagutegetse.
- Amahame remezo agize ukwemera kwa kisilamu ni atandatu ariyo :
 - Kwemera Imana
 - Kwemera abamalayika b'Imana
 - Kwemera ibitabo by'Imana
 - Kwemera intumwa z'Imana
 - Kwemera umunsi w'imperuka
 - Kwemera igeno ry'Imana.

Isomo rya 2: Imana ikwiye gusengwa Ni Allah we wahanze byose.

- a. Intego zihariye :** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii), umunyeshuri araba abasha kuvuga ibisingizo Imana yihariye, guharira Imana amasengesho n'ibisingizo ndetse no kuyiyegurira
- b. Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. Uko isomo ritangwa**

Intangiriro: Somera abanyeshuri umurongo wa Qur'an 57: 1-3 maze ubabaze isano riri hagati y'iyi mirongo mitagatifu n'umutwe w'isomo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda ane ahwanye n'imirongo ine igize igice CY'112 mu gitabo cya Qur'an maze ubahe amabwiriza yo kubahiriza. Shyira munguni enye z'ishuri ibivugwa mu gice CY'112 mu gitabo cya Qur'an, umurongo umwe umwe muri buri Nguni maze usabe abanyeshuri kujya munguni basome banaganire kubivugwa m'umurongo bahasanze. Genzura uko abanyeshuri bakora ibyo wabasabye maze ubahagarike. Saba abanyeshuri gusiga munguni ibyo bahasanze maze bajye munguni ikurikira naho basome ibyo bahasanga, gutyo gutyo kugeza barangije inguni zose enye. Baza buri tsinda kuvuga ibyo ryanze munguni no kuvuga icyo babitekerezaho. Nononsora ibyo abanyeshuri bavuze ubihuza n'ibiri mu gucye CY'112 mugitabo cya Qur'an maze ubabwireko Allah ariwe ukwiye ko tumwiyegurira Wenyine, kandi uku kumwiyegurira nibyo byitwa mu yandi magambo 'Isilamu'. Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyeshuri barajya mumatsinda banakurikize amabwiriza bahawe. Abanyeshuri barajya munguni beretswe maze basome ibyo bahasanze banabiganireho. Abanyeshuri barubahiriza amabwiriza ya mwarimu. Abanyeshuri baravuga ibyo basanze munguni banasangize bagenzi babo icyo babitekerezaho. Abanyeshuri barakurikira mwarimu banumve icyo basabwa kuri Allah, Umuremyi WA byose. Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Isuzuma: 1.2

Ibisubizo by'isuzuma: 1.2

- **M'umurongo WA Qur'an 57: 1-3. Allah yivugiyeko:**
 - „Ibiri mu birere n'ibiri ku isi bisingiza Allah,
 - kandi ni we Nyirimbaraga, Ushishoza.
 - Ubwami bw'ibirere n'ubw'isi ni ubwe.
 - Ni we utanga ubuzima n'urupfu.
 - Kandi ni we ufite ubushobozi kuri buri kintu.
 - Ni we Ntangiriro akaba n'Iherezo,
 - Ugaragara akaba n'Utagaragara.
 - Kandi ni we Mumenyi uhebuje wa buri kintu”.
- Naho mu gicye cya Qur'an 112, Allah yategetse Muhammad (ii) kuvugako Allah ari:
 - Umwe rukumbi
 - Uwishingikirizwa
 - Ko atabyaye kandi ko atabyawe
 - Ndetse KO nta Na kimwe wamugereranya Na CYO.

Isomo rya 3: Abamalayika b'Imana.

- a. **Intego zihariye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii), umunyeshuri araba abasha kuvuga amazina y'Abamalayika b'Imana bavuzwe muri Qur'an, inshingano zabo no kwemera icyubahiro cyabo ku mana.
- b. **Imfashanyigisho :** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: baza abanyeshuri bakubwire inking ya kabiri y'ukwemera Kwa kisilamu. Babaze icyo baba bazi kubamalayika haba amazina ya bamwe muri bo, inshingano zabo ndetse n'icyo Imana yabaremyemo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri m'uburyo bw'uruziga aho buri umwe areba mugenzi we nawe wicare hamwe nabo maze munganire kubamalayika b'Imana.	Abanyeshuri baricara k'uruziga hamwe nawe maze munganire kubamalayika b'Imana.
Baza abanyeshuri icyo bumva kwemera abamalayika b'Imana bisobanura nyuma yo kumva icyo babivugaho ubasobanurire neza.	Abanyeshuri baragerageza kuvuga icyo bumva ko kwemera abamalayika byaba bisobanura maze banatege amatwi ibisobanuro bahabwa na mwarimu.
Baza abanyeshuri amazina y'abamalayika baba bazi n'icyo bashinzwe. Nyuma yo kubumva, babwire amwe mumazina y'abamalayika unabasomere umurongo WA Qur'an 66: 6.	Abanyeshuri barasubiza uko bashoboye. Baratega amatwi banasobanukirwe ukuntu abamalayika batajya basuzugura Imana bivuye m'umurongo WA Qur'an 66: 6.
Somera abanyeshuri umurongo WA Qur'an 26: 193 maze ubabaze inshingano za malayika Gaburiheli.	Nyuma yo kumva ibisobanuro by'umurongo WA Qur'an 26: 193, abanyeshuri baramenyako inshingano za malayika Gaburiheri ari ukumanura ubutumwa bw'Imana kuntumwa.
Fasha abanyeshuri kwiyebutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Barasubiza ibibazo byo kwiyebutsa.

Isuzuma: 1.3

Ibisubizo by'isuzuma 1.3

Inshingano z'abamalayika b'Imana nk'uko bigaragara muri Qur'an Ni izi zikurikira:

- Gusingiza Imana: bigaragara muri Qur'an 41: 38.
- Kubaha no kumvira Imana: bigaragara muri Qur'an 66: 6.
- Kumanura wah'yi (ubutumwa) ku ntumwa z'Imana: bigaragara muri Qur'an 26: 193.

Isomo rya 4. Ibisingizo bigomba guharirwa Allah.

- a. Intego zihariye** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai), umunyeshuri araba abasha gushimangira no kwemeza amazina n'ibisingizo Imana yiyise ubwayo mu gitabo cya Qur'ani, cyangwa ibyo Intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yayisingije.
- b. Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. Uko isomo ritangwa**

Intangiriro : Baza abanyeshuri gutandukanya bimwe mubisingizo by'Imana no kugaragaza aho byaba bitandukaniye n'ibiranga abantu. Imana ni Inyabuntu kandi no mubantu harimo abagira ubuntu. Fasha abanyeshuri gutandukanya ibyo kumenyako Imana ihambaye ko kandi ubuntu bwayo ntaho bwagereranywa n'ubw'abantu.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri m'uburyo bw'uruziga aho buri umwe areba mugenzi we nawe wicare hamwe nabo maze muganire kumazina n'ibisingizo by'Imana.	Abanyeshuri baricara k'uruziga hamwe nawe maze muganire kumazina n'ibisingizo by'Imana.
Somera abanyeshuri umurongo WA Qur'an 7: 180 maze ubabaze icyo bumvamo.	Nyuma yo gutega amatwi umurongo WA Qur'an 7: 180, abanyeshuri baramenyako Imana yategetse abasilamu kwifashisha amazina yayo meza m'ukuyisaba ibyo bifuza ko ibaha.
Somera abanyeshuri umurongo WA Qur'an 59: 22-24 maze ubabwire bandike amazina n'ibisingizo by'Imana bumvisemo.	Abanyeshuri baratega amatwi amagambo y'Imana ari muri Qur'an 59: 22-24 maze bumvemo ibisingizo n'amazina akurikira:
Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Nta yindi mana ibaho itari we <i>Umwishingizi, Umugenzuzi, Ushobora byose, Igihangange, Ukwiye ikuzo</i> Ubutagatifu ni ubwa Allah <i>Umuremyi, Umuhanzi, Utangishusho.</i>
	Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Isuzuma : 1.4

Ibisubizo by'isuzuma 1.4

- Amwe mumazina n'ibisingizo by'Imana ni aya akurikira :
 - Nta yindi mana ibaho itari we
 - *Umwishingizi,*
 - *Umugenzuzi,*
 - *Ushobora byose,*
 - *Igihangange,*
 - *Ukwiye ikuzo*
 - Ubutagatifu ni ubwa **Allah**

- *Umuremyi,*
- *Umuhanzi,*
- *Utanga ishusho.*

1.6. Isuzuma risoza umutwe wa 1

1. Garagaza zimwe mu nkingi z'ukwemera z'idini ya Isilamu.

Igisubizo : Inkingi z'ukwemera z'idini ya Isilamu ni esheshatu arizo :

- Kwemera Imana
- Kwemera abamalayika b'Imana
- Kwemera ibitabo by'Imana
- Kwemera intumwa z'Imana
- Kwemera umunsi w'imperuka
- Kwemera igeno ry'Imana.

2. Vuga ibigwi bitatu mu bigwi by'Imana n'ibisingizo byayo.

Igisubizo :

- Nta yindi mana ibaho itari we
- Umwishingizi,
- Umugenzuzi,

3. Kwemera abamalaika bisobanuye ibintu bine. Bigaragaze.

Igisubizo:

- Kwemera ko abamalaika bariho.
- Kwemera abo twamenyeshejwe amazina yabo nka Jibril (Gabriel), Mikailu n'abandi.. Naho abo tutamenye amazina yabo twemera ko bariho nubwo tutabazi.
- Kwemera ibiranga bamwe muribo. Twamenye nka Jibril kuko intumwa y'Imana yavuze ko yamubonye nk'uko Imana yamuremye afite amababa magana atandatu.
- Kwemera ibyo twamenye mu mirimo yabo bashinzwe.

1.7. Imyitozo y'inyongera



UMUTWE WA 2: GUFATA MU MUTWE NO GUSOBANURA AMASURA.

2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kuvuga amasura atandatu mu mutwe.

2.2. Ubushobozi shingiro

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni

2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara m'umutwe

- **Umuco w'amahoro:** nyuma yo kwiga isura yitwa Humaza (Umuneguzi wa cyane), abanyeshuri bazagira umuco w'amahoro banarusheho kubana neza na bagenzi babo birinda kunegurana kuko ari icyaha gihanwa na Nyagasani.
- **Uburere mbonezabukungu:** nyuma yo kwiga isura yitwa Takathur (ukwigwizaho), no kumenya ibihano bikomeye biteganyirijwe abigwizaho imitungo bahuguza abandi, abanyeshuri bazagira uburere mbonerabukungu butuma bamenya gucunga neza umutungo wabo n'uwabagenzi babo ndetse no kwirinda ibitari ibyabo.

2.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Baza abanyeshuri niba hari amasura ya Qur'an baba bazi m'umutwe. Babaze icyo amasura umuntu afata m'umutwe amumarira m'ubuzima bwe nk'Umusilamu. Nyuma yo kumva ibyo basobanura, bafashe kumenyako amasura abantu bafata m'umutwe bayifashisha mumasengesho yabo ya buri muni ndetse ko ari na byiza kuyasubiramo kenshi n'iyi baba batari mumasengesho kuko Imana ibihembera ubikoze.

2.5 Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo
1	Gusoma Surat Al-Humazat.	Gusoma Qur'an kenshi no kwihatira gufata mu mutwe amasura yayo
2	Gusoma Surat Al-As'r.	Kwiringira Imana mu bihe byose Gusobanura amasura magufi ya Qur'an yamaze gufata mu mutwe
3	Gusoma Surat at Takathuru.	
4	Gusoma Surat Al Qari'at.	
5	Gusoma Surat Al Adiyaati.	
		Kuvuga mu mutwe (adasoma) amasura magufi ya Qur'an Gusoma Qur'an yubahiriza amategeko yo gusoma Gusesengura ibyiza byo gusoma no gufata mu mutwe amasura ya Qur'an

2.6.1: Gusoma Surat Al-Humazat.

- Intego yihariye:** yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mumyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya surat al-Humazat, umunyeshuri araba abasha gusoma neza surat al-Humazat no kuvuga ibisobanuro byayo.
- Imfashanyigisho:** Amashusho-nyandiko ya surat al-Humazat, Qur'an ntagatifu.
- Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Tangira uha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana na kane (104), babaze isura bahabona uko yitwa.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri mumatsinda ya babiri babiri bafate Qur'an bafungure igice k'ijana na kane (104). Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya surat al-Humazat maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri baricara hamwe babiri babiri maze bafungure Qur'an bafungure igice k'ijana na kane (104). Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerageze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya surat al-Humazat maze bakuremo isomo ryo kwirinda kunegura abandi no kwirinda guhugira m'ugushaka indonke bikabibagiza gusenga Nyagasani kuko abakora ibyo bazajugunywa m'umuriro witwa Hutwamat.

Isuzuma 2.1

Ibisubizo by'isuzuma 2.1

1. Surat al-Humazat iratwihanangiriza kunegura abandi no kurundarunda imitungo, turakuramo isomo ry'uko dukwiye kwirinda ibyo byombi.
2. Surat al-Humazat iragaragaza ko abanegura abandi bakanarundarunda imitungo Imana ibateganyirije umuriro ushwanyaguza witwa Hutwamat. Abazawujugunywamo bakaba bazaba banaziritse kunkingira ndende kugira ngo batawusohokamo.
3. Kurikira uko abanyeshuri basoma.

2.6.2: Gusoma Surat Al-As'r.

- a. **Intego yihariye:** yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mumyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya surat al-Asr, umunyeshuri araba abasha gusoma neza surat al-Asr no kuvuga isomo riri muri iyi surat.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho-nyandiko ya surat al-Asr, Qur'an ntagatifu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Tangira uha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana na gatatu (103), babaze isura bahabona uko yitwa.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri mumatsinda ya babiri babiri bafate Qur'an bafungure igice k'ijana na gatatu (103). Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya surat al-Asr maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri baricara hamwe babiri babiri maze bafungure Qur'an bafungure igice k'ijana na gatatu (103). Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerazeze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya surat al-Asr maze bakuremo isomo ry'uko bakwiye kuba abemeramana nyabo, gukora ibikorwa byiza, kugirana inama z'ukuri ndetse no kugirana inama zo kwihangana.

Igikorwa: 2.2

Ibisubizo by'Igikorwa 2.2

1. Iyi surat igaragaza abantu bose bari mugihombo uretse :
 - Abemera Imana bakanakora ibikorwa byiza.
 - Bakagirana inama z'ukuri
 - Bakanagirana inama zo kwihangana.
2. Umviriza uko abanyeshuri basoma surat al-Asr banayisobanure

2.6.3: Gusoma Surat at Takathuru.

- a. **Intego yihariye:** yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mummyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya Surat at Takathuru, umunyeshuri araba abasha gusoma neza Surat at Takathuru no kuvuga isomo riri muri iyi surat.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho-nyandiko ya Surat at Takathuru, Qur'an ntagatifu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Tangira uha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana na kabiri (102), babaze isura bahabona uko yitwa.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri mumatsinda ya babiri babiri bafate Qur'an bafungure igice k'ijana na kabiri (102). Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya Surat at Takathuru maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri baricara hamwe babiri babiri maze bafungure Qur'an bafungure igice k'ijana na kabiri (102). Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerageze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya Surat at Takathuru maze bakuremo isomo ry'uko badakwiye kurangazwa no gushaka ubutunzi ngo bubibagize gusenga Imana kuko hari umuriro wa Jahanamu utegereje abirengagiza kugaragira Imana.

Igikorwa 2.3

Ibisubizo by'Igikorwa 2.3

1. Umurongo wa gatandatu niwo ubivuga. LATARAWUNAL JAHIIIM
2. Imana iracyaha abantu k'ukurangazwa no gushaka ubutunzi kugeza ubwo bagezwa mumva. Imana iragaragariza abantu ko bakwiye kubyirinda.
3. Kurikira uko abanyeshuri basoma surat at Takathuru.

2.6.4: Gusoma Surat Al Qari'at.

- a) **Intego yihariye:** yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mumyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya Surat Al Qari'at, umunyeshuri araba abasha gusoma neza Surat Al Qari'at no kuvuga isomo riri muri iyi surat.
- b) **Imfashanyigisho:** Amashusho-nyandiko ya Surat Al Qari'at, Qur'an ntagatifu.
- c) **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Tangira uha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana na rimwe (101), babaze isura bahabona uko yitwa.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri mumatsinda ya babiri babiri bafate Qur'an bafungure igice k'ijana na rimwe (101). Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya Surat Al Qari'at maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri baricara hamwe babiri babiri maze bafungure Qur'an bafungure igice k'ijana na rimwe (101). Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerageze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya Surat Al Qari'at maze bakuremo isomo ry'uko bakwiye gukora ibikorwa byongera iminzani y'ibyiza (ibikorwa byiza) kugirango Imana izabarokore umuriro witwa Haawiyah.

Igikorwa 2.4

Ibisubizo by'Igikorwa 2.4

1. Ibyago bivugwa muri iyi surat ni umuriro witwa Haawiyah uzaba ubuturo bw'abo ibikorwa byabo bizaba ari bicye ugereranyije n'ibikorwa byabo byiza.
2. Ibivugwa bizaba k'umunsi w'imperuka ni ukuntu abantu bazamera nk'ibinyugunyugu binyanyagiye, n'imisozi ikamera nk'ipamba ritumuka.
3. Kurikira uko abanyeshuri basoma surat Al Qari'at.

2.6.5: Gusoma Surat Al Adiyaati.

- a. **Intego yihariye:** yifashishije inyandiko iri mucyarabu, inyandiko y'icyarabu iri mumyandikire isanzwe ndetse n'ibisobanuro bya Surat Al Adiyaati, umunyeshuri araba abasha gusoma neza Surat Al Adiyaati no kuvuga isomo riri muri iyi surat.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho-nyandiko ya Surat Al Adiyaati, Qur'an ntagatifu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Tangira uha abanyeshuri Qur'an maze ubasabe gufungura igice k'ijana (100), babaze isura bahabona uko yitwa.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri mumatsinda ya babiri babiri bafate Qur'an bafungure igice k'ijana (100). Icara imbere aho abanyeshuri bose bakubona bakanakumva maze usome isura yose abanyeshuri bacecetse. Somera abanyeshuri nabo basubiramo, umurongo k'uwundi. Subirishamo abanyeshuri kenshi maze usabe abanyeshuri gusubiramo; baza babiri cyangwa batatu. Saba abanyeshuri uko bicaye ari babiri babiri gusoma undi umuteze amatwi anagerageza kumukosora aho adasoma neza kandi banasimburane m'ugusoma. Kurikira uko abanyeshuri bafashanya gusoma ugenzura abatarabimenya neza kugirango ubafashe byihariye. Saba umunyeshuri gusoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma kandi ukosore aho adasoma neza, nyuma nawe ubasomere bwa nyuma. Bwira abanyeshuri ibisobanuro bya Surat Al Adiyaati maze ubasabe kuvuga isomo bakuyemo.	Abanyeshuri baricara hamwe babiri babiri maze bafungure Qur'an bafungure igice k'ijana (100). Abanyeshuri, bacecetse, barumva neza igisomo cya mwarimu. Abanyeshuri aho bari barasubiramo urugero rwa mwarimu, basubiremo uko asoma umurongo k'uwundi. Abanyeshuri barasubiramo maze abo mwarimu abajije bagerageze nabo gusoma abandi babateze amatwi. Abanyeshuri barafashanya gusoma umwe yumvira undi anagerageza kumukosora aho yumva akosa. Nyuma y'umwe undi arakurikira kandi bigende nk'uko byagenze kuwasomye mbere. Abanyeshuri barakomeza gufashanya gusoma, abatarabimenya neza basabe mwarimu ubufasha bwihariye. Umunyeshuri ubisabwe arasoma aranguruye abandi nabo bakurikire uko asoma nyuma bakurikire uko mwarimu asoma. Abanyeshuri barakurikira neza ibisobanuro bya Surat Al Adiyaati maze bakuremo isomo ry'uko bakwiye kureka ingeso mbi yo kudashima no gukunda imitungo cyane. (Gukunda n'ibitari ibyabo).

Igikorwa: 2.5

Ibisubizo by'Igikorwa 2.5

1. Muri iyi surat Allah yarahiriye Kumafarasi kuva k'umurongo wa mbere kugeza kuwa gatanu, m'uburyo bukurikira:

Amafurasi yiruka cyane avuza imirindi, akubita (ibinono) bigatarutsa ibishashi by'umuriro, no ku mafurasi agaba igitero mu rukerera, akanatumura umukungugu,akinjira hagati mu ngabo z'umwanzi.

2. Nyuma y'iyi ndahiro, Allah agamije gushimangirako umuntu ari intashima kuri Nyagasani kandi akaba anakunda imitungo cyane nawe ubwe (umuntu) akaba abizi.

2.7. Isuzuma risoza umutwe: 2.6

1. Umva uko abanyeshuri basoma amasura wumveko binajyanye n'ibisobanuro byayo.
2. Ibisobanuro bya Suray Al-Asr ni:

Ku izina rya **Allah**, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

- Ndahiriye ku gihe,
- Mu by'ukuri, umuntu ari mu gihombo,
- Uretse abemeye bagakora ibikorwa byiza, bakagirana inama z'ukuri kandi bakanagirana inama zo kwihangana.

Abo Allah avuga batari mugihombo ni:

- Abemera Imana bakanakora ibikorwa byiza.
 - Bakagirana inama z'ukuri
 - Bakanagirana inama zo kwihangana.
3. Surat Al Qariat umurongo wayo wa 6-7 uvuga ko abo ibikorwa byabo byiza bazaruta ibibi bazaba m'ubuzima bw'umunezero, naho umurongo wa 8-9 ikavugako abo ibikorwa byabo bibi bazaruta ibyiza ubuturo bwe buzaba mu muriro witwa Haawiyah.

UMUTWE WA GATATU: IMIGENZO Y'INTUMWA (SUNNAT) NO GUKORA ISWALAT(ISENGWSHO)

3.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kubera abandi urugero no kubahamagarira kwitegura neza mbere yo gusenga.

3.2. Ubushobozi shingiro

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Gukorera mu matsinda, birafasha abanyeshuri gushyira hamwe imbaraga zabo.

3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe:

- **Umuco w'amahoro:** Kwiga imigenzo y'intumwa no gukora Iswalat bizafasha abanyeshuri kugira umuco w'amahoro no kubana n'abandi neza kuko bazigiramo imico myiza yarangaga intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) banaboneremo ko akamaro k'amasengesho ari ukuvana abantu mubikorwa bibi bagakora ibikorwa byiza.
- **Kubungabunga ibidukikije:** Kwiga imigenzo y'intumwa y'Imana bizafasha abanyeshuri kubungabunga ibidukikije kuko bazaboneramo uburyo Intumwa y'Imana yabaniraga neza ibiremwa byose bya Allah.

3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Igikorwa mvumburamatsiko hifashishijwe amashusho afasha abanyeshuri kugaragaza ibyo bazi ku migenzo y'intumwa y'Imana Muhammad (ii) no kubijyanye n'amasengesho.

3.5. Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	
1	Sunat z'ibanze mbere na nyuma yo gukora iswalati y'itegeko.	Kwibutsa no gusobanura amategeko y'ibanze y'Iswalat.	
2	Adhana na iqaamat mbere y'isengesho (swalat).	Kuvuga amategeko y'inyongera y'Iswalat.	
3	Ibihano allah yateganyirije abadakora amasengesho (swalat).	Gukurikiza amategeko y'iswala.	
4	Isengesho ry'idjuma n'amategeko ayigenga.	Kwibutsa ibyangiza iswala byose n'ingaruka bigira mu buzima bw'umuyislamu.	
5	Inshingano z'ababyeyi mu bijjyanye n'amasengesho (swalat).	Kwitabira Iswalah y'Idjuma. Gushishikariza abandi gukora iswalat.	

3.6. Amasomo

3.6.1. Sunat z'ibanze mbere na nyuma yo gukora iswalati y'itegeko.

- Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai), umunyeshuri araba abasha kuvuga atajijanyije inking esheshatu zigize ukwemera Kwa Islamu.
- Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: ereka abanyeshuri amashusho y'abantu barimo gusali maze ubabaze ubwoko bw'amasengesho y'umugereka baba bazi.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda atanu ahwanye n'amasengesho atanu y'itegeko maze ubahe amabwiriza ngenderwaho. Bwira buri tsinda isengesho riri buvugeho maze ubahe urupapuro rwanditseho amasengesho akorwa mbere n'akorwa nyuma y'isengesho kuri buri buri tsinda. Bwira abanyeshuri kuganira kubyo wabahaye maze uzenguruke buri tsinda urisobanurira. Saba abanyeshuri kujya imbere bagasobanurira abandi ibyo bamaze gukora mu itsinda, amatsinda yose abigire atyo. Huriza hamwe ibyo abanyeshuri bakoze unabababwiriza barusheho kubyumva. Menyesha abanyeshuri ko uretse ayo masengesho, hari n'andi y'umugereka Intumwa y'Imana yashishikariye abasilamu kujya bakora bitewe n'impamvu runaka no mu bihe runaka nk'ubwirakabiri, kubura kw'imvura, winjiye mu musigiti maze nayo uyababwire. Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyeshuri barajya mumatsinda bashyizwemo na mwarimu maze bakurikize amabwiriza bahawe. Abanyeshuri nyuma yo kumva isengesho bari buvugeho, baritegereza amasengesho akorwa mbere ndetse n'akorwa nyuma. Mu matsinda, abanyeshuri baraganira kubyo bahawe maze banumve ibisobanuro bahabwa na mwarimu. Abagize itsinda barajya imbere basobanurire abandi ibyo bakoze, amatsinda yose abigire atyo kandi ahe abandi umwanya wo kubabaza ibibazo. Abanyeshuri barakurikira mwarimu. Abanyeshuri baratega amatwi banamenyeko hari andi masengesho y'umugereka akorwa bitewe n'impamvu runaka no mu bihe runaka nk'ubwirakabiri, kubura kw'imvura, winjiye mu musigiti, nyuma bandike mumakaye yabo. Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Isuzuma 3.1

Ibisubizo by'isuzuma 3.1

1. Aya mbere na nyuma y'amasengesho y'itegeko:

N°	ISENGESHO RY'ITEGEKO	IBICE (RAKAT) BIRIGIZE	SUNAT ZA MBERE YA RYO	SUNAT ZA NYUMA YARYO
1	Al Faj'ri	2	2	-
2	Adhuhuri	4	2+2	2
3	Al Asri	4	2+2	-
4	Al Magh'rib	3	2	2
5	Al Isha	4	2	2

2. **Isunat z'ubwoko bwa kabiri:**ni isunat zitari izi tuvuze hejuru, zisengwa akenshi na kenshi ku mpamvu runaka no mu bihe runaka nk'ubwirakabiri, kubura kw'imvura, winjiye mu musigiti,... Zimwe muri zo ni izi:

- Al Kusufi (Ubwirakabiri).
- Is'tis'qau (Gusaba ngo imvura igwe mu bihe by'amapfa).
- Tarawehe (Amasengesho ya sunat akorwa mu majoro y'igisibo cya Ramadhan).
- Tahajudi (Ibihagararo by'ijoro mu rukerera).
- Witri (isengesho ryo mu ijoro mbere yo kuryama).
- Sunatu Dwuha (Isengesho ryo ku gasusuruko).
- Atahiyatul Masjid (Isengesho winjiye mu musigiti).
- Istikharat (Isengesho ryo kugisha inama Imana).
- N'andi masengesho menshi tutarondora. Yose afite uburyo akorwamo ndetse n'ibice biyagize.

3.6.2: Adhana na iqaaamat mbere y'isengesho (swalat).

- Intego yirahiye:** yifashishije amajwi ya adhana n'aya iqaaamat ari buvuzwe muri radiyo, inyandiko mvugo ya adhana na iqaaamat, umunyeshuri araba abasha kuvuga adhana na iqaaamat hagamijwe guhamagara abasilamu ngo bagane isengesho.
- Imfashanyigisho:** radio, amajwi ya adhana na iqaaamat.
- Uko isomo ritangwa:**

Intangiro: baza abanyeshuri ibibazo byerekeye isengesho n'ikibabwirako igihe cy'isengesho kigeze. Baza abanyeshuri gutandukanya adhana na iqaaamat bakurikije uko basanzwe babizi cyangwa uko basanzwe babyumva.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri m'uburyo bw'uruziga maze ubasabe guceceka bagatega amatwi. Cana radiyo uvuze amajwi ya adhana kuva ku ntangiro kugeza ku iherezo Ha abanyeshuri inyandiko igaragaza amagambo avugwa muri adhana ndetse n'ibisobanuro byayo maze wongere ushyiremo amajwi ya adhana abanyeshuri bumve banakurikira ku nyandiko bafite. Zimya radiyo maze usabe abanyeshuri nabo gusubiramo adhana. Nkuko wabikoze kuri adhana, kora nkabyo wigisha abanyeshuri uko iqamat ivugwa. Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyuri baricara k'uruziga maze baceceke batege amatwi. Baratega amatwi bumve uko adhana ivugwa kuva kuntangiriro kugeza ku iherezo. Abanyeshuri barakurikira bumva ndetse banitegereza amagambo avugwa muri adhana ndetse banarebe ibisobanuro byayo. Abanyeshuri baragerageza gusubiramo amagambo ya adhana banavuge ibisobanuro byayo. Abanyeshuri barakora ibyo basabwe namwarimu. Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Isuzuma 3.2**Ibisubizo by'isuzuma 3.2**

Amagambo akoreshwa muri Adhana: “ALLAHU AK’BAR: Imana isumba byose (inshuro 4), ASH’HADU AN LA ILAHA ILA LLAHU: Ndahamya ko nta wundi ukwiye gusengwa uretse Imana imwe rukumbi (Allah) (inshuro 2), ASH’HADU ANA MUHAMADA RASULU LLAH: Ndahamya ko Muhamadi ari intumwa y’Imana (inshuro 2) HAYA ALA SWALAT: Mugane isengesho (inshuro 2), HAYA ALAL FALAH: Mugane intsinzi (inshuro 2) ALLAHU AK’BAR - ALLAHU AK’BAR, LA ILAHA ILA LLAH: Imana isumba byose, Imana isumba byose, Nta wundi ukwiye gusengwa uretse Imana imwe rukumbi (Allah)”

Icyitonderwa: Iyo ari kuri isengesho rya Al Fajir (mu gitondo), nyuma y'ijambo HAYA ALA SWALAT wongeraho Ijambo: ASWALATU KHAYIRU MINA NAWUMI: Isengesho ni ryiza kurusha ibitotsi (Inshuro ebyiri).

Iqamat ni umuhamagaro umenyesha ko igihe cy'isengesho kigeze kugira ngo abayisilamu bahaguruke basenge, ukorwa nk'uyu tuvuze hejuru ariko wagera ku ijambo ariko wagera ku ijambo 'HAYA ALAL FALAH' ukongeramo aya magambo QAD QAMAT

SWALAT, QAD QAMAT SWALAT: Igihe cy'isengesho kirageze, igihe cy'isengesho kirageze. ALLAHU AK'BAR, ALLAHU AK'BAR.LA ILAHA ILA LLAH: Imana isumba byose, Imana isumba byose, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Imana imwe rukumbi (Allah)”

3.6.3: Ibihano Allah yateganyirije abadakora amasengesho (swalat).

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije imirongo ya quran ivuga kubadasenga n'ibihano byabo ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai), umunyeshuri araba abasha kuburira abandi no kubashishikariza gukora iswalat ngo birinde ibihano bya Allah.
- b. **Imfashanyigisho:** Qur'an, imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai).
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: baza abanyeshuri ibibazo byerekeye isengesho. Babaze niba bazi akamaro k'isengesho.babaze niba baba bazi uko bizagendekera abadakora amasengesho.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icarana n'abanyeshuri k'uruziga maze ubasabe gutega amatwi kugirango babashe gusobanukirwa neza.	Abanyeshuri baricarana na mwarimu k'uruziga maze batege amatwi bacecetse ngo bumve ibyo ababwira.
Baza abanyeshuri impamvu zitera bamwe mubantu kudakora amasengesho.	Abanyeshuri baragerageza gusubiza.
Ereka abanyeshuri amashusho agaragaza umuriro, basomere imirongo ya Qur'an 19: 59, Qur'an 107: 4-5 maze ubasabe kugira icyo babivugaho.	Abanyeshuri barumva ibyo imirongo ya Quran bamenye icyo Allah ateganyirije abadakora amasengesho.
Bwira abanyeshuri imvugo y'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) ivuga ko itandukaniro ry'Umusilamu n'utariwe ari isengesho. Maze ubabaze isomo bayikuyemo.	Abanyeshuri barumva icyo Intumwa y'Imana Muhammad (ii) yavuze ku isengesho maze bakuremo isomo ry'uko bagomba guhozaho amasengesho.
Baza abanyeshuri icyo bagiye gukora nyuma yo kumenya ibihano biteganyirijwe abadakora amasengesho.	Abanyeshuri, nyuma yo kumva ibihano by'abadakora amasengesho, barafata ingamba z'uko bagiye kujya bahozaho amasengesho banakangurira abandi gusali.
Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo.	Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Igikorwa 3.3

Ibisubizo by'Igikorwa 3.3

Imana iragira iti « Nuko nyuma yabo haza kubaho abandi bantu baretse amasengesho (Swalat) bakurikira irari. Abo bazahura n'ibintu bibi cyane mu muriro“ Qur'an 19: 59.

Imana nanone iragira iti „Bityo, ibihano bikomeye biri ku basenga; 5.Babandi birengagiza amasengesho yabo (ntibayakorere ku bihe byayo byagenwe)“ Qur'an 107: 4-5

Uretse kandi ibihano bikomeye bibateganyirijwe, Intumwa y'Imana yavuzeko itandukaniro riri hagati yacu n'abahakanyi ni amasengesho, uzareka gusenga rero azaba abaye umuhakanyi bityo abadasari bakaba bazahanwa nk'abahakanye Imana.

3.6.4. Isengesho ry'idjuma n'amategeko ayigenga.

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije imirongo ya quran ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai), umunyeshuri araba abasha gukurikiza amategeko y'isengesho rya Idjuma no kuryitabira.
- b. **Imfashanyigisho:** Qur'an, imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (ii ai).
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: ereka abanyeshuri amashusho maze ubabaze ibibazo byerekeye ku isengesho rya idjuma wumveko hari icyo basanzwe bariziho.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icarana n'abanyeshuri k'uruziga maze ubasabe gutega amatwi kugirango babashe gusobanukirwa neza. Ereka abanyeshuri amashusho y'abantu basengera mu mbaga ubabaze igihe bazi abasilamu bakoramo amasengesho ari benshi nkuko bigaragara kumashusho. Somera abanyeshuri umurongo wa Qur'an 62-9-10 unawusobanure maze ubabaze icyo bumvisemo. Ha umunyeshuri inyangiriki igaragaza andi mategeko agenga isengesho rya idjuma ayasome maze uyasobanure. Somera na none amategeko agenga isengesho rya idjuma cg uyandike kukibaho abanyeshuri bayandike mumakaye yabo. Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo.	Abanyeshuri baricarana na mwarimu k'uruziga maze batege amatwi bacecetse ngo bumve ibyo ababwira. Abanyeshuri baragerageza gusubiza. Abanyeshuri barumva ibyo imirongo ya Quran bamenye ko Allah yategetse abantu kujya bahagarika gahunda zabo n'ubucuruzi bakihutira kugana k'umusigiti igihe cyose bumvise umuhamagazi ahamagara abantu k'umunsi wa gatanu (idjuma). Abanyeshuri, umwe umwe, barasoma amategeko agenga isengesho rya idjuma munafashanye kuyasobanura. Abanyeshuri, barandika amategeko agenga isengesho rya idjuma. Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Igikorwa: 3.4

Ibisubizo by'Igikorwa 3.4

Itegeko rya mbere rikomeye rigenga isengesho ry'imbaga rya Idjuma rigaragara muri Qur'an aho Allah agira ati:

Yemwe abemeye! Umuhamagaro w'isengesho ry'umunsi wa gatanu (Ijuma) nuhamagarwa, mujye mwihuta mujya gusingiza **Allah**, kandi muhagarike ubucuruzi (n'ibindi bintu byose). Ibyo ni byo byiza kuri mwe, iyaba mwari mubizi. 10. Isengesho nirirangira, mujye muhita mugendagenda ku isi, mushakisha zimwe mu ngabire za **Allah**, kandi munasingize **Allah** cyane kugira ngo mukiranyuke" Qur'an: 62-9-10.

Muyandi mategeko harimo:

1. Koga no kwitunganya no kwisiga amarashi no koza mu kanwa.
2. Kugera mu musigiti kare.
3. Gusenga isengesho ry'umugereka (Sunat) mbere yuko Imam agera aho ahagarara atanga inyigisho (Mimbari).
4. Gutuza ukareka kuvuga no gukinisha akantu ako ariko kose igihe Imamu arimo gutanga inyigisho (Khutubat).
5. Gusabira Intumwa Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) Amahoro n'umugisha kenshi ku munsi wa gatanu.
6. Kureka ibyo wakoraga igihe wumvise Adhana.
7. Ni byiza ku muyisumu gusoma Surat Al kah'fi ku i juma.
8. Gusaba Imana cyane kuwa gatanu kugira ngo ube wahuze n'igihe cy'umugisha Imana yakira ubusabe bw'abagaragu.

Intumwa Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yatubwiye ko ubusabe bwakirwa muri icyo gihe butagaruka.

9. Birabujijwe ku muyisumu gutambuka abantu ku munsi w'ijuma ashaka kwicara mu myanya y'imbere.

3.6.5. Inshingano z'ababyeyi mu bijyanye n'amasengesho (swalat).

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije imirongo ya quran ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (iaia), umunyeshuri aramenya inshingano z'ababyeyi mu bijyanye n'amasengesho (swalat) maze abe yazisangiza ababyeyi be, ararushaho kubaha ababyeyi nyuma yo kumenya ko ibyo babasaba ari inshingano bahawe na Allah.
- b. **Imfashanyigisho:** Qur'an, imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (iaia).
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: ereka abanyeshuri amashusho maze ubabaze ibyo ababyeyi babo bajya bakora m'ukubakangurira gukora amasengesho.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze amatsinda yose uyasabe kwandika ibyo bazi kunshingano z'ababyeyi ku bijyanye n'amasengesho bahereye kubyo babona iwabo.	Abanyeshuri barajya mumatsinda maze bungurane ibitekerezo banandika ibyo bazi kunshingano z'ababyeyi ku bijyanye n'amasengeho.
Zenguruka mumatsinda ureba ibyo abanyeshuri barimo bakora ubahe ubufasha nibiba ngombwa.	Abanyeshuri barakorera mumatsinda yabo abagira ikibazo babaze mwarimu.
Saba abahagarariye amatsinda kugeza kuri bagenzi babo ibyo bakoze, nyuma unononsore ibyo bakoze, ubinoze.	Abahagarariye amatsinda barageza kubandi ibyo bakoze nyuma bakurikire ubusesenguzi bwa mwarimu.
Somera abanyeshuri umurongo wa Qur'an 20: 132 na Hadith y'Intumwa y'Imana maze ubaze abanyeshuri kuvuga inshingano z'umubeyi bumvisemo.	Nyuma yo kumva amagambo ya Allah ndetse n'imvugo y'intumwa y'Imana abanyeshuri barakuramo ko ababyeyi bafite inshingano zo kubwiriza abo mungo zabo gukora amasengesho ndetse nabo bakayahozaho. Ikindi ni uko ababyeyi basabwe gutoza abana babo amasengesho bari kukigero k'imyaka irindwi maze bagea kumyaka icumi bakabibakubitira (igihe badasenga).
Somera na none amategeko agenga isengesho rya idjuma cg uyandike kukibaho abanyeshuri bayandike mumakaye yabo.	
Fasha abanyeshuri kwiwibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo.	Barasubiza ibibazo byo kwiwibutsa.

Igikorwa 3.5

Ibisubizo by'Igikorwa 3.5

Muri Qur'an 20: 132 Imana iragira iti “ Kandi ujye ubwiriza abo mu rugo iwawe gukora amasengesho (Swalat) unayahozeho. Ntitujya tugusaba amafunguro; ni twe tugufungurira. Kandi iherezo ryiza ni iry'abatinya (Allah)”

3.7 Isuzuma risoza umutwe w'isomo.

- Amasengesho y'imigereka arimo ibice bibiri: hari akorwa mbere na nyuma y'amasengesho y'itegeko hakaba n'akorwa bitewe n'impamvu no mu bihe runaka nk'ubwirakabiri, kubura kw'imvura, winjiye mu musigiti.
- Adhana na Iqaamat bivugwa kimwe ariko muri iqaamat iyo ugeze ku ijambo 'HAYA ALAL FALAH' ukongeramo aya magambo QAD QAMAT SWALAT, QAD QAMAT SWALAT: Igihe cy'isengesho kirageze, igihe cy'isengesho kirageze. ALLAHU AK'BAR, ALLAHU AK'BAR.LA ILAHA ILA LLAH: Imana isumba byose, Imana isumba byose, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Imana imwe rukumbi (Allah)”.
- Imirongo ya Qur'an igaragaza ko abadakora amasengesho bateganyirijwe ibihano. Imwe muri iyo mirongo ni iyi ikurikira.

Imana iragira iti « Nuko nyuma yabo haza kubaho abandi bantu baretse amasengesho (Swalat) bakurikira irari. Abo bazahura n'ibintu bibi cyane mu muriro“ Qur'an 19: 59.

Imana nanone iragira iti „Bityo, ibihano bikomeye biri ku basenga; 5.Babandi birengagiza amasengesho yabo (ntibayakorere ku bihe byayo byagenwe)“

Qur'an 107: 4-5

- Allah agira ati:

Yemwe abemeye! Umuhamagararo w'isengesho ry'umunsi wa gatanu (Ijuma) nuhamagarwa, mujye mwihuta muja gusingiza Allah, kandi muhagarike ubucuruza (n'ibindi bintu byose). Ibyo ni byo byiza kuri mwe, iyaba mwari mubizi. 10. Isengesho nirirangira, mujye muhita mugendagenda ku isi, mushakisha zimwe mu ngabire za Allah, kandi munasingize Allah cyane kugira ngo mukiranyuke» Qur'an: 62-9-10.

Muyandi mategeko harimo:

1. Koga no kwitunganya no kwisiga amarashi no koza mu kanwa.
2. Kugera mu musigiti kare.
3. Gusenga isengesho ry'umugereka (Sunat) mbere yuko Imam agera aho ahagarara atanga inyigisho (Mimbari).

4. Gutuza ukareka kuvuga no gukinisha akantu ako ariko kose igihe Imamu arimo gutanga inyigisho (Khutubat).
5. Gusabira Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'umugisha) Amahoro n'umugisha kenshi ku munsu wa gatanu.
6. Kureka ibyo wakoraga igihe wumvise Adhana.
7. Ni byiza ku muyisilamu gusoma Surat Al kah'fi ku i juma.
8. Gusaba Imana cyane kuwa gatanu kugira ngo ube wahuza n'igihe cy'umugisha Imana yakira ubusabe bw'abagaragu.

Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'umugisha) yatubwiye ko ubusabe bwakirwa muri icyo gihe butagaruka.

9. Birabujijwe ku muyisilamu gutambuka abantu ku munsu w'ijuma ashaka kwicara mu myanya y'imbere.

3.8 Incamake y'umutwe wa gatatu:

Umutwe wa gatatu urigisha ibijyanye n'amasengesho y'umugereka. Amasengesho y'umugereka arimo akorwa mbere na nyuma y'amasengesho y'itegeko habaho n'amasengesho y'umugereka akorwa bitewe n'igihe ndetse n'impamvu runaka.

3.9 Ubumenyi bw'inyongera bw'umwarimu:

Amasengesho ndetse n'ibikorwa by'imigereka, nk'uko izina ryabyo ribivuga, ntabwo ari itegeko. Umusilamu ubikoze arabihemberwa ariko n'utabikoze ntabihanirwa.

3.10 Imyitozo y'inyongera:

1. Ese umuntu udakora ibikorwa n'amasengesho y'umugereka arabihanirwa?

Oya, ubikoze arabihemberwa ariko utabikoze ntabihanirwa gusa kubikora nibyo byiza kuruta kubireka.

UMUTWE WA KANE: IMIGENZO MYIZA Y'INTUMWA ZABANJIRIJE MUHAMADI.

4.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gukurikiza imigenzo myiza yaranze intumwa zabanjirije Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

4.2. Ubushobozi shingiro

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Gukorera mu matsinda, birafasha abanyeshuri gushyira hamwe imbaraga zabo.

4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe:

- **Umuco w'amahoro:** Kwiga amateka n'imigenzo y'intumwa zabanjirije Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bizafasha abanyeshuri kugira umuco w'amahoro no kubana n'abandi neza kuko bazigiramo imico myiza n'imigenzo yarangaga intumwa zabanjirije Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
- **Kubungabunga ibidukikije:** Kwiga imico myiza n'imigenzo yarangaga intumwa zabanjirije Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bizafasha abanyeshuri kubungabunga ibidukikije kuko bazaboneramo uburyo intumwa zabanjirije Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) zabaniraga neza ibiremwa byose bya Allah.

4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Igikorwa mvumburamatsiko hifashishijwe amashusho afasha abanyeshuri kugaragaza ibyo bazi ku migenzo myiza y'intumwa zabanjirije Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

4.5 Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Amateka y'intumwa Ibrahim	-Kuvuga amazina n'amateka y'incamake ya zimwe mu ntumwa zabanjirije Muhamadi. -Kurondora ibikorwa by'intumwa z'Imana zabanjirije Muhamadi. -Kugaragaza ibigeragezo n'imbogamizi intumwa zabanjirije Muhamadi	1
2	Amateka y'intumwa Nuhu	-Gutandukanya ubutumwa bwa Muhamadi n'ubw'izindi ntumwa zamubanjirije. -Kugaragaza ihuriro n'itandukaniro hagati y'ubutumwa bwa Muhamadi n'izindi ntumwa zamubanjirije	1
3	Amateka y'intumwa Mussa	-Gusobanura uko intumwa zabanjirije Muhamadi zashoboye kwihanganira ingorane mu gusohoza -Gukurikiza imigenzo myiza y'intumwa Muhamadi -Kuba indahemuka no kwihanganira ibigeragezo mu kwemera no buzima bwa buri muni	1
4	Amateka y'intumwa Ismael na Issa	-Gutanga inama z'uko umuyisilamu w'ubu yakomera mu kwemera n'uko yaba inyangamugayo mu bo babana	1

4.6 .Amasomo

4.6.1 Amateka y'intumwa Ibrahim

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha gutanga inama z'uko umuyisilamu w'ubu yakomera mu kwemera n'uko yaba inyangamugayo mu bo babana
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze ubahe inyandiko zigaragaza bimwe mubyarangaga intumwa Ibrahim nyuma usabe abanyeshuri kubiganiraho. Zerunguruka amatsinda wumva ibyo abanyeshuri bari kuganiraho kumateka n'imigenzo by'intumwa Ibrahim unabasabe kubigereranya n'imico yabo. Hagarika imirimo yo mumatsinda maze usabe abayahagarariye gusangiza abandi ibyo babonye. Huriza hamwe ibyo abanyeshuri bakoze unabasomere imirongo ya Qur'an 16: 120-121vuga kumigenzo myiza ya Ibrahim. Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyeshuri barajya mumatsinda basome inyandiko igaragaza bimwe mubyarangaga intumwa Ibrahim maze babiganireho. Abanyeshuri barakora imirimo yo mumatsinda banagereranya imigenzo ya Ibrahim n'imico yabo hagamijwe kumwigiraho ibyiza. Abahagarariye amatsinda barasangiza abandi ibyo babonye ndetse n'ibyo basanze bagomba kwigira kuntumwa Ibrahim. Abanyeshuri baratega amatwi bumve n'imigenzo myiza yarangaga intumwa Ibrahim. Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Umwitozo ngiro 4.1

Ibisubizo by'umwitozo ngiro 4.1

1. Ibrahim yari intangarugero muri ibi bikurikira:
 - kwicisha bugufi kuri Allah,
 - kugaragira Allah gusa,
 - kandi nta n'ubwo yigeze aba umwe mu babangikanyamana.
 - Yashimiraga inema za Allah.
2. Dukurikije ibivugwa muri Qur'an 37: 102 ubwo Ibrahim yaroteshwaga atamba umwana we kandi akiyemeza gusohozza ibyo yarose, umwemramana yamwigiraho gushyira mubikorwa amategeko ya Allah, kwicisha bugufi imbere ya Allah ndetse no guharira Imana amasengesho.

4.6.2. Amateka y'intumwa Nuhu

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha gusobanura inshingano Imana yari yarahaye Nuhu no Kuba indahemuka no kwihanganira ibigeragezo mu kwemera no buzima bwa buri muni.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo agaragaza inkuge maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze ubahe inyandiko zigaragaza bimwe mubyarangaga intumwa Nuhu nyuma usabe abanyeshuri kubiganiraho.	Abanyeshuri barajya mumatsinda basome inyandiko igaragaza bimwe mubyarangaga intumwa Nuhu maze babiganireho.
Zerunguruka amatsinda wumva ibyo abanyeshuri bari kuganiraho kumateka n'imigenzo by'intumwa Nuhu unabasabe kubigereranya n'imico yabo.	Abanyeshuri barakora imirimo yo mumatsinda banagereranya imigenzo ya Nuhu n'imico yabo hagamijwe kumwigiraho ibyiza.
Hagarika imirimo yo mumatsinda maze usabe abayahagarariye gusangiza abandi ibyo babonye.	Abahagarariye amatsinda barasangiza abandi ibyo babonye ndetse n'ibyo basanze bagomba kwigira kuntumwa Nuhu.
Huriza hamwe ibyo abanyeshuri bakoze unabasomere imirongo ya Qur'an 11: 27-29 kubyabaye kuri Nuhu ubwo yigishaga abantu be.	Abanyeshuri baratega amatwi bumve n'ibizazane Nuhu yahuye nabyo.
Somera abanyeshuri umurongo wa Qur'an 11: 36-40 bamenye uko Imana yarokoye abakurikiye Nuhu.	abanyeshuri baratega amatwi maze bumve uko Imana yarokoye abakurikiye intumwa yayo, bakuremo isomo ry'uko uwumviye Allah, Allah nawe amutabara mumakuba.
Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Umwitoto ngiro 4.2

Ibisubizo by'umwitoto ngiro 4.2

Isomo umwemeramana yakura k'umuhanuzi Nuhu ni uko adakwiye gucika intege m'ugukora umurimo w'Imana no kumenyako adakwiye guterwa impungenge n'abatamera Imana kuko bafite urubanza imbere ya Allah.

Umweramana kandi akwiye kumenyako ibyaba byose, abayemera Allah azabaha ubutabazi bwe mugihe cy'amakuba n'ibyago.

4.6.3. Amateka y'intumwa Mussa

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha gusobanura inshingano Imana yari yarahaye intumwa Mussa nyo gukurira mubizazane, no kurondora inkuru yose y'ubuzima bwa Mussa.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Icaza abanyeshuri k'uruziga maze wicare aho bakubona bakanakumva maze ubabwire inkuru y'ubuzima bwa Mussa.	Abanyeshuri baricare k'uruziga maze bakurikire inkuru mwarimu ababwira y'ubuzima bwa Mussa.
Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru	Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.
Somera abanyeshuri imirongo ya Qur'an 20: 9-41 ivuga ku guhabwa ubutumwa kwa Mussa maze ubasabe kugira icyo bayivugaho.	Abanyeshuri baratega amatwi amagambo ya Allah bumve inkuru yo guhabwa ubutumwa kwa Mussa maze bagire icyo bayivugaho.
Baza abanyeshuri ibibazo kunkuru wababwiye y'ubuzima bwa Mussa, ubasabe guhuza ibigeragezo yanyuzemo n'ubutumwa Imana yamuhaye bwo kujya gukura abisira heri mubureta.	Abanyeshuri barahuza inkuru yo kurererwa kwa Farawo n'inkuru yo gutumwayo kujya kuvana abisira heri m'ubureta.
Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Umwitozo ngiro 4.3

Ibisubizo by'umwitozo ngiro 4.3

1. Isomo umwemeramana yakura mu nkuru y'Intumwa y'Imana Mussa ni uko itabaro ry'Imana rizira igihe kandi ko kunyura mubigeragezo bidakwiye gutuma umuntu yiheba kuko Imana ihora hafi y'abayizera.

4.6.4. Amateka y'intumwa Ismael na Issa

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha kuvuga inkuru y'ivuka ry'intumwa z'Imana Ismael na Issa no kuvuga uko zabayeho muri make.
- b. **Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- c. **Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze ubahe imirongo ya Qur'an 11: 69-73 na Qur'an 2: 42-47 igaragaza amateka y'intumwa z'Imana Ismael na Issa.	Abanyeshuri barajya mumatsinda maze batangire basome inkuru y'intumwa z'Imana Ismael na Issa nk'uko zivugwa muri Qur'an 11: 69-73 na Qur'an 2: 42-47.
Bwira abanyeshuri gusoma bitonze basesengure ibijyanjye n'ivuka rya buri ntumwa ndetse n'ibyayiranye m'ubuzima bwayo.	Abanyeshuri barasoma batahuye ibyerekeye ivuka rya buri ntumwa ndetse n'ibyayiranye m'ubuzima bwayo.
Zenguruka amatsinda witegerza uko arimo akora unasobanura aho biri ngombwa.	Abanyeshuri barakomeza kuganira ku nkuru bahawe banasobanuze mwarimu aho biri ngombwa.
Hagarika ibikorwa byo mumatsinda maze uhe umwanya buri tsinda rigeze kubandi ibyo ryagezeho.	Abagize itsinda barageza kubandi ibyo bagezeho banatange umwanya w'ibibazo kuri bagenzi babo.
Huza ibyo abanyeshuri bakoze, unoze neza amateka bagejeje kubandi ugamiye kubafasha gusobanukirwa neza.	Abanyeshuri baratega amatwi banandike ibyo babwirwa na mwarimu.
Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Umwitozo ngiro 4.4

Ibisubizo by'umwitozo ngiro 4.4

1. Isomo umwemeramana yakura mu nkuru y'intumwa z'Imana Ismael na Issa ni uko akwiriye kugira ukwihanga mubimubaho byose kandi akihatira gushyira mu bikorwa amategeko ya Allah ndetse akanarangwa n'imico myiza m'ubuzima bwe.
2. Soma incamake y'amateka y'intumwa z'Imana Ismael na Issa muri y'intumwa z'Imana Ismael na Issa muri (Qur'an 11: 69-73) no muri (Qur'an 2: 42-47).

4.7 Isuzumabumenyi risoza umutwe w'isomo.

1. Intumwa z'Imana zari zihuriye k'ubutumwa bumwe bwo guhamagarira abantu ko Imana ikwiye gusengwa no kumvirwa ari imwe.
2. Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha yaravuze iti „Twe [Abahanuzi n'Intumwa z'Imana] turi nk'abana bakomoka kuri ba nyina batandukanye, ariko se ubabyara ari umwe“. Niyo mpamvu intumwa zose aho ziva zikagera ubutumwa bwazo bwari bumwe bwo guhamagarira abantu ko Imana ikwiye gusengwa no kumvirwa ari imwe.
3. Amateka y'intumwa y'Imana Mussa agaragaza ko yavutse mugihe Umwami Farawo yahigaga akanica abana bose bavutse ari abahungu ariko Mussa yaje kuvuka anakurira kwa Farawo. Ibi tubikuramo isomo ry'uko ntacyatubaho Imana itabishatse, kandi tudakwiye guterwa ubwoba n'ubugome bw'abantu kuko Imana ariyo murinzi wacu.
4. Ijambo ry'Imana rigamijwe kuvugwa ni itegeko Imana yatanze ngo baho Issa akabaho avutse kuri nyina gusa nta se agira. Mumiremere y'Imana ndetse n'ubushobozi bwayo harimo kuba icyo ishatse itegeka ngo kube kikabaho. Intumwa y'Imana Issa nayo rero ni uko yavutse.

4.8 Incamake y'umutwe wa kane:

Umutwe wa kane wibanze ku migenzo y'intumwa zabanjirije Muhammad (ii), twigiyemo ko tugomba kwigana imico ya ziranze yo kugaragira Imana Imwe rukumbi, kwicisha bugufi ndetse no kwihangana.

4.9 Ubumenyi bw'inyongera bw'umwarimu:

Intumwa z'Imana n'abahanuzi bavuzwe muri Qur'an ni 25 bese Muhammad niwe wabasozereje. Intumwa zose zatumwaga kumiryango yazo no kubantu runaka ariko intumwa Muhammad (ii) yatumwe kubantu bese ndetse n'amajini.

4.10 Imyitozo y'inyongera:

1. Intumwa z'Imana zose zari zihuriye kubuhe butumwa?

Intumwa zose zari zifite ubutumwa bwo gukangurira abantu gusenga Imana imwe no kureka ibigirwamana.

UMUTWE WA GATANU: KWIYUBAHA NO KUBANIRA ABANDI NEZA

5.1 bushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kubaha buri wese mu buhe bitandukanye by'ubuzima bwa buri muni gusabana n'abantu ku nzego zose.

5.2 Ubushobozi shingiro

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Gukorera mu matsinda, birafasha abanyeshuri gushyira hamwe imbaraga zabo.

5.3 Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

- **Umuco w'amahoro:** Kwigira ibijyanye no kwiubaha no kubanira abandi neza bizafasha abanyeshuri kugira umuco w'amahoro no kubana n'abandi neza kuko bazigiramo imico iboneye iranga abemeramana.
- **Kubungabunga ibidukikije:** Kwigira no kwiubaha no kubanira abandi neza bizafasha abanyeshuri kubungabunga ibidukikije kuko bazungukiramo kumenya imyitwarire iboneye igomba kuranga ibiremwa bya Allah byose.

5.4 Uburyo bwo gutangira umutwe

Igikorwa mvumburamatsiko hifashishijwe amashusho afasha abanyeshuri kugaragaza ibyo bazi ku kwiubaha no kubanira abandi neza.

5.5 Urutonde rw'amasomo

	Umutwe w'isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Amabwiriza agenga ubupfura mu bihe bitandukanye by'ubuzima.	- Kurondora amabwiriza agenga imyitwarire mu gihe cyo kurya, kunywa, indamutso(salamu), kuryama no kubyuka, kwinjira mu ngo z'abandi kwakira abashyitsi, kubaha Umusigiti -Kuvuga ibikorwa by'ingenzi mu kwakira abashyitsi.	1
2	Kwiyubaha no kubaha abandi.	-Gusobanura itandukaniro riri hagati y'Umusigiti n'izindi nzu. -Gusobanura ubusabe bwa mbere na nyuma yo kurya no kunywa n'amabwiriza agenga Umuyisilamu mu bihe bitandukanye. -Gusenga Imana mu bihe bitandukanye mu bizima bwa buri muni -Kubaha Umusigiti -Kwakira neza abashyitsi no kubanira neza	1

5.6 Amasomo

5.6.1 Amabwiriza agenga ubupfura mu bihe bitandukanye by'ubuzima.

- a. **Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha kugaragaza ubupfura bukwiriye kuranga abantu no kwirinda ibidahwitse.

b. Imfashanyigisho: Amashusho, amagambo y’Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n’ay’Intumwa y’Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ndetse n’ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.

c. Uko isomo ritangwa:

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by’umwarimu	Ibikorwa by’umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze ubahe imirongo ya Qur’an igaragara mu gice cya 49: 11-13 ndetse n’imvugo z’intumwa y’Imana Muhammad (ii)ai) zigisha ubupfura maze ubasabe kubiganiraho.	Abanyeshuri barajya mumatsinda basome imirongo ya Qur’an igaragara mu gice cya 49: 11-13 ndetse n’imvugo z’intumwa y’Imana Muhammad (ii)ai) zigisha ubupfura maze babiganireho.
Zerunguruka amatsinda wumva ibyo abanyeshuri bari kuganiraho kumateka unabahe ubufasha aho bukenewe.	Abanyeshuri barakora imirimo yo mumatsinda banasabe mwarimu ubufasha aho bari bubukenere.
Hagarika imirimo yo mumatsinda maze usabe abayahagarariye gusangiza abandi ibyo babonye.	Abahagarariye amatsinda barasangiza abandi ibyo bungukiye mu mirongo ya Qur’an ndetse n’imvugo z’intumwa y’Imana Muhammad (ii)ai) kubyerekeye ubupfura.
Huriza hamwe ibyo abanyeshuri bakoze urusheho kubitsindagira kugira ngo barusheho gusobanukirwa.	Abanyeshuri baratega amatwi bumve barusheho gusobanukirwa.
Fasha abanyeshuri kwiyibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Barasubiza ibibazo byo kwiyibutsa.

Umukoro ngiro 5.1

Ibisubizo by'umukoro ngiro 5.1

Muri Qur'an 49: 11-13 Allah agira inama abantu abagaragariza ibyo bakwiye kugendera kure ndetse n'ibyo bakwiye kumenya kugira ngo barusheho kubana neza birimo:

Kwirinda gusuzugurana hagati y'abantu kuko hari igihe abasuzugurwa baba ari nabo beza kurusha ababasuzugura.

- Kwirinda gusebanya.
- Kwirinda kwitana amazina (mabi).
- Kwirinda gucyekana kuko rimwe na rimwe gukeka ari icyaha.
- Kwirinda kunekana.
- Kumenya ko impamvu Imana yaturemye dutandukanye ari ukugira ngo tumenyane Atari ukugira ngo tuvangurane kandi ko umwiza mu bantu ari urusha abandi gutinya Imana.

5.6.2 Kwiubaha no kubaha abandi.

- Intego yirahiye:** yifashishije amashusho n'amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran, umunyeshuri araba abasha kwiubaha no kubaha abandi.
- Imfashanyigisho:** Amashusho, amagambo y'Imana ari mugitabo gitagatifu cya Quran ndetse n'ay'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'ibindi bitabo byerekeye ukwemera Kwa Kisilamu.
- Uko isomo ritangwa:**

Intangiriro: Ereka abanyeshuri amashusho atangira iri somo maze ubabaze ibibazo byerekeranye nayo.

Isomo nyirizina.

Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Shyira abanyeshuri mumatsinda maze ubahe imirongo ya Qur'an Surat Nur (24) mu mirongo yayo ya 4-5 ndetse no mu mirongo yayo ya 27-29 maze ubasabe kuyiganiraho.	Abanyeshuri barajya mumatsinda basome imirongo ya Qur'an Surat Nur (24) mu mirongo yayo ya 4-5 ndetse no mu mirongo yayo ya 27-29 maze maze babiganireho.
Zerunguruka amatsinda wumva ibyo abanyeshuri bari kuganiraho kumateka unabahe ubufasha aho bukenewe.	Abanyeshuri barakora imirimo yo mumatsinda banasabe mwarimu ubufasha aho bari bubukenere.
Hagarika imirimo yo mumatsinda maze usabe abayahagarariye gusangiza abandi ibyo babonye.	Abahagarariye amatsinda barasangiza abandi ibyo bungukiye mu mirongo ya Qur'an bahawe.
Huriza hamwe ibyo abanyeshuri bakoze urusheho kubitsindagira kugira ngo barusheho gusobanukirwa.	
Fasha abanyeshuri kwiibutsa no kubumbira hamwe ibyavuye mu isomo	Abanyeshuri baratega amatwi bumve barusheho gusobanukirwa.
	Barasubiza ibibazo byo kwiibutsa.

Umukoro ngiro 5.2

Ibisubizo by'umukoro ngiro 5.2

Imirongo ya Qur'an Surat Nur (24) mu mirongo yayo ya 4-5 ndetse no mu mirongo yayo ya 27-29 igaragaza ubupfura bukwiye bwo kubaha abandi burimo:

- Kwirinda kubabeshyera (cyane cyane kwirinda kubeshyera abemeramana kazi ubusambanyi).
- Guhishira bagenzi bacu no kubagira inama kumakosa bakora (kubakangurira kuyareka).
- Kwirinda gucyekera abantu.
- Gusaba uburenganzira bwo kwinjira mungo z'abandi.
- Kwirinda kwinjira m'urugo mugihe ba nyirarwo badahari.
- Gusubiraye mu gihe batwangiye kwinjira.
- Gusuhuza abo dusanze.
- Kwirinda kureba ubwambure bw'abandi.
- Kurinda icyubahiro cya bagenzi bacu.

5.7 Isuzumabumenyi risoza umutwe w'isomo.

Ibisubizo by'isuzumabumenyi risoza umutwe w'isomo:

1. Imirongo ya Qur'an igaragaza ubupfura bukwiye kuranga abantu ni myinshi ariko twavuye iyi ikurikira:
 - Qur'an 49: 11-13
 - Qur'an Surat Nur (24) mu mirongo yayo ya 4-5 ndetse no mu mirongo yayo ya 27-29
2. Umuco wo kubaha ugomba kundanga nirinda icyahungabanya icyubahiro cya bagenzi banjye ndetse nanjye ubwa njye niyubaha kugira ngo n'abandi banyubahe.
3. Ntabwo umuntu asuhuza abo azi gusa, ahubwo n'abo tutazi tugomba kubasuhuza.

5.8 Incamake y'umutwe wa gatanu:

Uyu mutwe wibanze kumabwiriza agenga ubupfura mu bihe bitandukanye by'ubuzima. Ndetse unigisha ku kwiyubaha no kubaha abandi.

5.9 Ubumenyi bw'inyongera bw'umwarimu:

Isilamu isobanura amahoro kandi munyigisho zayo zose yakanguriye abantu kubana mumahoro. Inzira ikwiye rero yo kugera kuri ayo mahoro ni ukwiyubaha, kubaha abandi ndetse no kurangwa n'imico myiza.

5.10 Imyitozo y'inyongera:

1. Ese umusilamu nyawe akwiye kurangwa n'iki?

Umusilamu nyawe akwiye kurangwa n'imico myiza yo kwiyubaha ndetse no kubaha abandi.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Qur'an isobanuye mu kinyarwanda
2. Imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammad (ii) zigaragara mubitabo Swahih Muslim na Swahih Buhari.
3. Incamake y'ibisobanuro ku NKINGI Z'UBUYISILAMU
4. IMPUMURO Y'UMUBAVU MU MATEKA Y'UTANGA INKURU NZIZA W'UMUBURIZI IIAU